Umwaka wa 62
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe yo ku wa 19/05/2023

Year 62
Official Gazette n° Special of 19/05/2023

62ème Année
Journal Officiel n° Spécial du 19/05/2023

Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.

Itegeko/ Law/ Loi

Itegeko nº 028/2023 ryo ku wa 19/05/2023 ryerekeye gukumira no guhana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi.....2
Law nº 028/2023 of 19/05/2023 on the prevention and punishment of money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction……2
Loi n° 028/2023 du 19/05/2023 portant prévention et répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive……...2

ITEGEKO Nº 028/2023 RYO KU WA 19/05/2023 RYEREKEYE GUKUMIRA NO GUHANA IYEZANDONKE, GUTERA INKUNGA ITERABWOBA NO GUTERA INKUNGA IKWIRAKWIZA RY'INTWARO ZA KIRIMBUZI	LAW Nº 028/2023 OF 19/05/2023 ON THE PREVENTION AND PUNISHMENT OF MONEY LAUNDERING, TERRORIST FINANCING AND THE FINANCING OF PROLIFERATION OF WEAPONS OF MASS DESTRUCTION	LOI N° 028/2023 DU 19/05/2023PORTANT PRÉVENTION ET RÉPRESSION DU BLANCHIMENT DE CAPITAUX, DU FINANCEMENT DU TERRORISME ET DU FINANCEMENT DE LA PROLIFÉRATION DES ARMES DE DESTRUCTION MASSIVE
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE **Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije** **Ingingo ya 2: Isobanura** **Ingingo ya 3: Ubwoko bw'iyezandonke** **Ingingo ya 4: Ibyemezo by'agateganyo ku mafaranga cyangwa undi mutungo bifitanye isano n'icyaha** **Ingingo ya 5: Igihe ihagarika cyangwa ifatira rikozwe n'Urwego rimara** **Ingingo ya 6: Ubutasi ku mari**	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** **Article One: Purpose of this Law** **Article 2: Interpretation** **Article 3: Forms of money laundering** **Article 4: Provisional measures on offence-related funds or other assets** **Article 5: Duration of freezing or seizure by the Centre** **Article 6: Financial intelligence**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES** **Article premier : Objet de la présente loi** **Article 2 : Interprétation** **Article 3 : Formes de blanchiment de capitaux** **Article 4 : Mesures provisoires sur les fonds ou autres biens liés à l'infraction** **Article 5 : Durée du gel ou de la saisie fait par le Centre** **Article 6 : Renseignement financier**

UMUTWE WA II: INGAMBA ZIKUMIRA	**CHAPTER II: PREVENTIVE MEASURES**	**CHAPITRE II : MESURES PRÉVENTIVES**
Ingingo ya 7: Abashinzwe gutanga amakuru	**Article 7: Reporting persons**	**Article 7 : Personnes déclarantes**
Ingingo ya 8: Inshingano z'abashinzwe gutanga amakuru	**Article 8: Obligations of reporting persons**	**Article 8 : Obligations des personnes déclarantes**
Ingingo ya 9: Kutubahiriza kugira ibanga	**Article 9: Non-compliance with secrecy**	**Article 9 : Non-respect de secret**
Ingingo ya 10: Kubuza konti itagira izina cyangwa izina ry'irihimbano	**Article 10: Prohibition of anonymous account or account in fictitious name**	**Article 10 : Interdiction d'un compte anonyme ou d'un compte sous un nom fictif**
Ingingo ya 11: Ibihe byo gukoresha ubushishozi ku mukiriya	**Article 11: Circumstances for undertaking customer due diligence**	**Article 11 : Cas où le devoir de vigilance relative à la clientèle est exercé**
Ingingo ya 12: Ingamba z'ubushishozi ku bakiriya bose	**Article 12: Required customer due diligence measures for all customers**	**Article 12 : Mesures de vigilance requises pour tous les clients**
Ingingo ya 13: Ingamba zihariye z'ubushishozi ku mukiriya zireba umuryango ufite ubuzimagatozi cyangwa ubwumvikane bushingiye ku masezerano	**Article 13: Specific customer due diligence measures required for a legal person or a legal arrangement**	**Article 13 : Mesures spécifiques de vigilance requises pour une personne morale ou une construction juridique**
Ingingo ya 14: Ubushishozi ku mukiriya ku bagenerwabikorwa b'ubwishingizi bw'igihe kirekire	**Article 14: Customer due diligence for beneficiaries of long-term insurance policies**	**Article 14 : Devoir de vigilance pour les bénéficiaires de contrats d'assurance à long-terme**
Ingingo ya 15: Igihe cyo gukora ubugenzuzi	**Article 15: Timing of verification**	**Article15 : Moment de la vérification**

Ingingo ya 16: Gukoresha ubushishozi ku bakiriya basanzweho	**Article 16: Customer due diligence for existing customers**	**Article 16 : Devoir de vigilance pour les clients existants**
Ingingo ya 17: Gukoresha ubushishozi ku mukiriya hifashishijwe isesengura rishingiye ku ngorane	**Article 17: Customer due diligence using risk-based approach**	**Article 17 : Devoir de vigilance à l'aide d'une approche fondée sur les risques**
Ingingo ya 18: Kutabona ibisabwa mu gihe cy'ubushishozi ku mukiriya	**Article 18: Failure to satisfactorily complete customer due diligence**	**Article 18 : Impossibilité de satisfaire aux obligations liées au devoir de vigilance relatif à la clientèle**
Ingingo ya 19: Gukoresha ubushishozi ku mukiriya byatuma agira amakenga	**Article 19: Performance of Customer due diligence process that may tip-off the customer**	**Article 19 : Exécution des obligations de vigilance relatives à la clientèle pouvant alerter le client**
Ingingo ya 20: Kubika inyandiko	**Article 20: Record keeping**	**Article 20 : Conservation des documents**
Ingingo ya 21: Umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki	**Article 21: Politically exposed person**	**Article 21 : Personne politiquement exposée**
Ingingo ya 22: Imikoranire mu rwego rw'amabanki	**Article 22: Correspondent banking**	**Article 22 : Correspondance bancaire**
Ingingo ya 23: Serivisi z'ihererekanya ry'amafaranga cyangwa undi mutungo w'agaciro	**Article 23: Money or value transfer services**	**Article 23 : Services de transfert de fonds ou autres biens de valeurs**
Ingingo ya 24: Ikoranabuhanga rishya	**Article 24: New technologies**	**Article 24 : Nouvelles technologies**
Ingingo ya 25: Ihererekanya ry'amafaranga hakoreshejwe ikoranabuhanga	**Article 25: Wire transfers**	**Article 25 : Virements électroniques**

Ingingo ya 26: Kwifashisha undi muntu	**Article 26: Reliance on a third party**	**Article 26 : Recours à un tiers**
Ingingo ya 27: Ubugenzuzi bw'imbere	**Article 27: Internal controls**	**Article 27 : Contrôles internes**
Ingingo ya 28: Ubugenzuzi bw'imbere mu matsinda y'ibigo by'imari, amashami n'ibigo bishamikiye ku bigo byo hanze y'igihugu	**Article 28: Internal controls in financial groups, foreign branches and subsidiaries**	**Article 28 : Contrôles internes dans des groupes financiers, succursales et filiales à l'étranger**
Ingingo ya 29: Ibihugu bigaragaramo ingorane zikomeye	**Article 29: Higher risk countries**	**Article 29 : Pays présentant un risque plus élevé**
Ingingo ya 30: Kumenyekanisha igikorwa cy'ubucuruzi gikemangwa	**Article 30: Reporting of a suspicious transaction**	**Article 30 : Déclaration d'une opération suspecte**
Ingingo ya 31: Kumenyekanisha igikorwa cy'ubucuruzi cyishyuwe kashi cyangwa ihererekanya ry'amafaranga hakoreshejwe ikoranabuhanga	**Article 31: Reporting of a cash transaction or wire transfers**	**Article 31 : Déclaration d'opération en espèces ou de virements électroniques**
Ingingo ya 32: Kudatangaza igikorwa cy'ubucuruzi gikemangwa cyamenyeshejwe Urwego no gusonerwa uburyozwe	**Article 32: Non-disclosure of a suspicious transaction reported to the Centre and exemption from liability**	**Article 32 : Non-divulgation d'une opération suspecte déclarée au Centre et exonération de responsabilités**
Ingingo ya 33: Kugaragaza nyir'umutungo nyawe w'umuryango ufite ubuzimagatozi cyangwa w'ubwumvikane bushingiye ku masezerano	**Article 33: Transparency of beneficial ownership of a legal person or legal arrangement**	**Article 33 : Transparence du bénéficiaire effectif d'une personne morale ou construction juridique**
Ingingo ya 34: Umuntu utwaye amafaranga	**Article 34: Cash courier**	**Article 34 : Passeur de fonds**
Ingingo ya 35: Kubika imibare	**Article 35: Keeping statistics**	**Article 35 : Tenue des statistiques**

Ingingo ya 36: Gutanga umurongo ngenderwaho no kugira ikivugwa ku makuru yakiriwe	**Article 36: Guidance and feedback**	**Article 36 : Lignes directrices et retour d'informations**
Ingingo ya 37: Inama Mpuzabikorwa	**Article 37: Coordination Council**	**Article 37 : Conseil de coordination**
Ingingo ya 38: Inshingano z'urwego rufite mu nshingano kugenza cyangwa gukurikirana icyaha	**Article 38: Responsibilities of the authority in charge of investigation and prosecution**	**Article 38 : Attributions de l'autorité chargée d'enquêtes ou de poursuite pénale**
Ingingo ya 39: Ububasha bw'urwego rufite mu nshingano kugenza cyangwa gukurikirana icyaha	**Article 39: Powers of the authority in charge of investigation and prosecution**	**Article 39 : Pouvoirs de l'autorité chargée d'enquêtes ou de poursuite pénale**
Ingingo ya 40: Uburyo bwihariye bwo kugenza icyaha	**Article 40: Special investigative techniques**	**Article 40 : Techniques d'enquête spéciales**
Ingingo ya 41: Inshingano z'urwego rugenzura	**Article 41: Responsibilities of supervisory authority**	**Article 41 : Attributions de l'autorité de contrôle**
Ingingo ya 42: Ububasha bw'urwego rugenzura	**Article 42: Powers of a supervisory authority**	**Article 42 : Pouvoirs d'une autorité de contrôle**
UMUTWE WA III: IBISABWA BYIHARIYE KU MIRYANGO IDAHARANIRA INYUNGU	**CHAPTER III: SPECIFIC REQUIREMENTS ON NON-PROFIT ORGANISATIONS**	**CHAPITRE III : EXIGENCES SPÉCIFIQUES AUX ORGANISMES À BUT NON LUCRATIF**
Ingingo ya 43: Ibisabwa ku Muryango udaharanira inyungu	**Article 43: Requirements on a non-profit organisation**	**Article 43 : Exigences à un organisme à but non lucratif**
Ingingo ya 44: Uburyo bw'imikorere bushingiye ku isesengura ry'ingorane ku miryango idaharanira inyungu	**Article 44: Risk-based approach to non-profit organisations**	**Article 44 : Approche fondée sur le risque pour les organismes à but non lucratif**

Ingingo ya 45: Gahunda zo kumenyekanisha ibibazo bijyanye no gutera inkunga iterabwoba	**Article 45: Outreach programmes on terrorist financing issues**	**Article 45 : Programmes de sensibilisation aux questions relatives au financement du terrorisme**
Ingingo ya 46: Ubugenzuzi bw'imiryango idaharanira inyungu hashingiwe ku ngorane zagaragaye	**Article 46: Targeted risk-based supervision of non-profit organisations**	**Article 46 : Contrôle ciblé des organismes à but non lucratif basé sur les risques**
Ingingo ya 47: Guhanahana amakuru	**Article 46: Information-sharing**	**Article 46 : Échange d'informations**
Ingingo ya 48: Ubusabe mpuzamahanga bw'amakuru yerekeye umuryango udaharanira inyungu uteje impungenge	**Article 48: International requests for information about a non-profit organisation of concern**	**Article 48 : Demandes internationales portant sur un organisme à but non lucratif suspect**
UMUTWE WA IV: UBUFATANYE MPUZAMAHANGA	**CHAPTER IV: INTERNATIONAL COOPERATION**	**CHAPITRE IV : COOPÉRATION INTERNATIONALE**
Ingingo ya 49: Amahame rusange arebana n'ubufatanye mpuzamahanga	**Article 49: General principles related to international cooperation**	**Article 49 : Principes généraux relatifs à la coopération internationale**
Ingingo ya 50: Guhanahana amakuru hagati y'inzego zishinzwe ubutasi ku mari	**Article 50: Exchange of information between Financial Intelligence Centres**	**Article 50 : Échange d'informations entre les Centres de renseignements financiers**
Ingingo ya 51: Guhanahana amakuru hagati y'inzego zigenzura urwego rw'imari	**Article 51: Exchange of information between financial supervisors**	**Article 51 : Échange d'informations entre autorités de contrôle du secteur financier**
Ingingo ya 52: Guhanahana amakuru hagati y'inzego zishinzwe iyubahirizwa ry'amategeko	**Article 52: Exchange of information between law enforcement authorities**	**Article 52 : Échange d'informations entre autorités de poursuite pénale**
Ingingo ya 53: Guhanahana amakuru hagati y'inzego zidahuje inshingano	**Article 53: Exchange of information between non-counterparts**	**Article 53 : Échange d'informations entre autorités non homologues**

UMUTWE WA V: IBYAHA N'IBIHANO	**CHAPTER V: SANCTIONS AND PENALTIES**	**CHAPITRE V : SANCTIONS ET PEINES**
Ingingo ya 54: Iyezandonke	**Article 54: Money laundering**	**Article 54 : Blanchiment de capitaux**
Ingingo ya 55: Gutera inkunga iterabwoba	**Article 55: Terrorist financing**	**Article 55 : Financement du terrorisme**
Ingingo ya 56: Gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi	**Article 56: Financing of proliferation of weapons of mass destruction**	**Article 56 : Financement de la prolifération des armes de destruction massive**
Ingingo ya 57: Gukoresha amafaranga cyangwa undi mutungo w'umuntu washyizwe ku rutonde	**Article 57: Dealing in funds or other assets of a designated person**	**Article 57 : Opérations sur les fonds ou autres biens d'une personne désignée**
Ingingo ya 58: Guha amafaranga cyangwa undi mutungo umuntu washyizwe ku rutonde	**Article 58: Making funds or other assets available to a designated person**	**Article 58 : Mettre des fonds ou autres biens à la disposition d'une personne désignée**
Ingingo ya 59: Gufasha umuntu washyizwe ku rutonde kubona intwaro cyangwa ibindi bikoresho	**Article 59: Dealing in arms with a designated person**	**Article 59 : Aider à faire le commerce d'armes avec une personne désignée**
Ingingo ya 60: Ibihano biteganyirijwe umuryango ufite ubuzimagatozi	**Article 60: Penalties against a legal person**	**Article 60 : Peines contre une personne morale**
Ingingo ya 61: Ibihano ku bindi byaha	**Article 61: Penalties for other offences**	**Article 61 : Peines pour d'autres infractions**
Ingingo ya 62: Ubwinjiracyaha, gufasha no korohereza	**Article 62: Attempt, aiding and abetting**	**Article 62 : Tentative, aide et assistance**
Ingingo ya 63: Impamvu nkomezacyaha	**Article 63: Aggravating circumstances**	**Article 63 : Circonstances aggravantes**

UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE	**CHAPTER VI: MISCELLANEOUS PROVISIONS**	**CHAPITRE VI : DISPOSITIONS DIVERSES**
Ingingo ya 64: Ibihano byo mu rwego rw'imari byagenwe	**Article 64: Targeted financial sanctions**	**Article 64 : Sanctions financières ciblées**
Ingingo ya 65: Kutubahiriza ibisabwa	**Article 65: Failure to comply with requirements**	**Article 65 : Impossibilité de respecter les obligations**
Ingingo ya 66: Ubunyagwe	**Article 66: Confiscation**	**Article 66 : Confiscation**
Ingingo ya 67: Ukudasaza	**Article 67: Non-prescription**	**Article 67 : Non-prescription**
Ingingo ya 68: Ikimenyetso cy'ubushake bwo gukora icyaha	**Article 68: Evidence of criminal intent**	**Article 68 : Preuve de l'intention criminelle**
Ingingo ya 69: Kutabanza guhamwa n'icyaha cy'ibanze	**Article 69: Non-requirement of prior conviction of predicate offence**	**Article 69 : Non-exigence d'une condamnation préalable pour l'infraction sous-jacente**
Ingingo ya 70: Kohereza ukurikiranyweho icyaha mu gihugu cyamusabye	**Article 70: Extradition**	**Article 70 : Extradition**
UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VII : DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 71: Ingingo y'ururimi	**Article 71: Language provision**	**Article 71 : Disposition linguistique**
Ingingo ya 72: Ingingo izigama n'ivanaho	**Article 72: Saving and repealing provision**	**Article 72 : Disposition de sauvegarde et abrogatoire**
Ingingo ya 73: Gutangira gukurikizwa	**Article 73: Entry into force**	**Article 73 : Entrée en vigueur**

ITEGEKO Nº 028/2023 RYO KU WA 19/05/2023 RYEREKEYE GUKUMIRA NO GUHANA IYEZANDONKE, GUTERA INKUNGA ITERABWOBA NO GUTERA INKUNGA IKWIRAKWIZA RY'INTWARO ZA KIRIMBUZI	**LAW Nº 028/2023 OF 19/05/2023 ON THE PREVENTION AND PUNISHMENT OF MONEY LAUNDERING, TERRORIST FINANCING AND THE FINANCING OF PROLIFERATION OF WEAPONS OF MASS DESTRUCTION**	**LOI N° 028/2023 DU 19/05/2023 PORTANT PRÉVENTION ET RÉPRESSION DU BLANCHIMENT DE CAPITAUX, DU FINANCEMENT DU TERRORISME ET DU FINANCEMENT DE LA PROLIFÉRATION DES ARMES DE DESTRUCTION MASSIVE**
Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;	**We, KAGAME Paul,** President of the Republic;	**Nous, KAGAME Paul,** Président de la République ;
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA	**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**	**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:	**THE PARLIAMENT:**	**LE PARLEMENT :**
Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 15 Gicurasi 2023;	The Chamber of Deputies, in its sitting of 15 May 2023;	La Chambre des Députés, en sa séance du 15 mai 2023;
Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 120, iya 121, iya 122, iya 167, iya 168 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 121, 122, 167, 168 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 121, 122, 167, 168 et 176;

Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye yo mu 1988 agamije gukumira ubucuruzi butemewe bw'ibiyobyabwenge n'ubw'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo, yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n^{o} 47/1 ryo ku wa 14/04/2002;	Pursuant to the 1988 United Nations Convention Against Illicit Traffic in Narcotic Drugs and Psychotropic Substances, ratified by the Presidential Order n° 47/1 of 14/04/2002;	Vu la Convention des Nations Unies de 1988 contre le trafic illicite de stupéfiants et de substances psychotropes, ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 47/01 du 1/04/2002;
Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yo mu 1999, agamije guhagarika gutera Inkunga Iterabwoba yemejwe n'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye, yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 43/01 ryo ku wa 14/04/2002;	Pursuant to the 1999 International Convention for the Suppression of the Financing of Terrorism adopted by the United Nations General Assembly ratified by the Presidential Order n° 43/01 of 14/04/2002;	Vu la Convention internationale de 1999 pour la répression du financement du terrorisme adopté par l'Assemblée Générale des Nations Unies, ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 43/01 du 14/04/2002;
Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye yo mu 2000 agamije gukumira Icyaha cyambukiranya Imbibi, yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n^{o} 158/01 ryo ku wa 31/12/2002 ;	Pursuant to the 2000 United Nations Convention against Transnational Organised Crime, ratified by the Presidential Order n° 158/01 of 31/12/2002;	Vu la Convention des Nations Unies de 2000 contre la criminalité transnationale organisée, ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 158/01 du 31/12/2002 ;
Ishingiye ku Masezerano yo mu 1996, agamije guca burundu igeragezwa ry'intwaro za kirimbuzi yashyiriweho umukono i New York muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 32bis/01 ryo ku wa 17/10/2003;	Pursuant to the 1996 Comprehensive Nuclear-Test-Ban Treaty signed at New York, United States of America on 10/09/1996 ratified by the Presidential Order n° 32bis/01 of 17/10/2003;	Vu le Traité d'interdiction complète des essais nucléaires de 1996 signé à New York, États-Unis d'Amérique, ratifié par l'Arrêté Présidentiel n° 32 bis/01 du 01/10/2003 ;
Ishingiye ku Masezerano yo mu 1993, aca itegurwa, ikorwa, ihunikwa n'ikoreshwa ry'intwaro z'uburozi akanagena isenywa	Pursuant to the 1993 Convention on the prohibition of the development, production, stockpiling and use of chemical weapons	Vu la Convention de 1993 sur l'interdiction de la mise au point, de la fabrication, du stockage et de l'emploi des armes

ryazo yashyiriweho umukono i Paris mu Bufaransa, yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida nº 32 ter/01 ryo ku wa 17/10/2003;	and on their destruction signed in Paris, France, ratified by the Presidential Order nº 32ter/01 of 17/10/2003;	chimiques et sur leur destruction, signée à Paris, France, ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 32ter/01 du 17/10/2003 ;
Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe yerekeye gukumira no kurwanya ruswa, yemerejwe i Maputo muri Mozambique, ku wa 11 Nyakanga 2003, yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 12/01 ryo ku wa 24/06/2004;	Pursuant to the African Union Convention on Preventing and Combating Corruption, adopted in Maputo, Mozambique, on 11 July 2003, ratified by the Presidential Order n° 12/01 of 24/06/2004;	Vu la Convention de l'Union africaine sur la prévention et la lutte contre la corruption, adoptée à Maputo, Mozambique, le 11 juillet 2003, ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 12/01 du 24/06/2004 ;
Ishingiye ku Masezerano yo mu 1995 agamije kugira Afurika umugabane utarangwamo intwaro za kirimbuzi yashyiriweho umukono i Addis Ababa muri Etiyopiya, yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida nº 60/01 ryo ku wa 28/12/2004;	Pursuant to the 1995 African nuclear - Weapons-Free Zone Treaty signed in Addis Ababa, Ethiopia, ratified by the Presidential Order n° 60/01 of 28/12/2004;	Vu le Traité de 1995 sur la Zone exempte d'armes nucléaires en Afrique, signé à Addis-Abeba, en Éthiopie, ratifié par l'Arrêté Présidentiel n° 60/01 du 28/12/2004 ;
Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga y'Umuryango w'Abibumbye agamije kurwanya ruswa, yemerejwe i New York, ku wa 31 Ukwakira 2003, yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 56/01 ryo ku wa 27/12/2005;	Pursuant to the United Nations Convention against Corruption, adopted in New York on 31 October 2003, ratified by the Presidential Order n° 56/01 of 27/12/2005;	Vu la Convention des Nations Unies contre la corruption, adoptée à New York le 31 octobre 2003, ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 56/01 du 27/12/2005 ;
Ishingiye ku Masezerano yo mu 1999 ahurirweho n'ibihugu bigize Umuryango ugamije Kurwanya Iyezandonke muri Afurika y'Iburasirazuba n'iy'Amajyepfo (ESAAMLG), yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida nº 33/01 ryo ku wa 24/01/2018;	Pursuant to the 1999 Memorandum of Understanding among member governments of the Eastern and Southern Africa Anti-Money Laundering Group (ESAAMLG), ratified by the Presidential Order n° 33/01 of 24/01/2018;	Vu le Protocole d'accord de1999 entre les États membres du Groupe Anti-blanchiment en Afrique Orientale et Australe (GABAOA) ratifié par l'Arrêté Présidentiel n° 33/01 du 24/01/2018 ;

Isubiye ku Itegeko n° 75/2019 ryo ku wa 29/01/2020 rikumira kandi rihana icyaha cy'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi nk'uko ryahinduwe;	Having reviewed Law nº 75/2019 of 29/01/2020 on prevention and punishment of money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction as modified;	Revu la Loi nº 75/2019 du 29/01/2020 portant prévention et répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive, telle que modifiée ;
YEMEJE:	**ADOPTS:**	**ADOPTE:**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije	**Article One: Purpose of this Law**	**Article premier : Objet de la présente loi**
Iri tegeko rigamije gukumira no guhana –	This Law aims at preventing and punishing –	La présente loi vise à prévenir et réprimer –
(a) iyezandonke;	(a) money laundering;	(a) le blanchiment de capitaux;
(b) gutera inkunga iterabwoba;	(b) terrorist financing; and	(b) le financement du terrorisme; et
(c) no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi.	(c) financing of proliferation of weapons of mass destruction.	(c) le financement de la prolifération des armes de destruction massive.
Ingingo ya 2: Isobanura	**Article 2: Interpretation**	**Article 2 : Interprétation**
Muri iri tegeko:	In this Law:	Dans la présente loi:
(a) **"Akanama nshingwabikorwa mu by'imari"** bivuga umuryango uhuza ibihugu na Guverinoma ufite inshingano yo gushyiraho politiki	(a) **"Financial Action Task Force"** means an inter-governmental organisation mandated to develop policies and strategies to combat	(a) **« Groupe d'action financière »** signifie un organisme intergouvernemental chargé d'élaborer des politiques et des stratégies de lutte

n'ingamba bigamije gukumira iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	money laundering, terrorist financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction;	contre le blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive ;
(b) **"amafaranga cyangwa undi mutungo"** bikubiyemo umutungo uwo ari wo wose, uwo mu rwego rw'imari, rw'ubukungu, ibintu by'ubwoko bunyuranye, byaba bifatika cyangwa bidafatika, byaba byimukanwa cyangwa bitimukanwa, uko byaba byarabonetse kose, kimwe n'inyandiko zemewe n'amategeko cyangwa inyandiko z'ubwoko ubwo ari bwo bwose zirimo izikoze mu buryo bw'ikoranabuhanga zigaragaza icyemezo cy'umutungo cyangwa inyungu kuri ayo mafaranga cyangwa undi mutungo, inguzanyo za banki, sheki zikoreshwa mu ngendo, sheki za banki, inyandiko zitegeka kwishyura, imigabane, inyandiko nyemezamwenda, inyandiko zicuruzwa ku isoko ry'imari, inyandiko zifashishwa mu mabanki, inyandiko mpeshanguzanyo, n'izindi nyungu, inyungu ku migabane cyangwa andi mafaranga yinjizwa cyangwa	(b) **"funds or other assets"** includes assets, financial assets, economic resources, property of every kind, whether tangible or intangible, movable or immovable, however acquired, and legal documents or instruments in any form, including electronic or digital, evidencing title to, or interest in such funds or other assets, bank credits, travellers' cheques, bank cheques, money orders, shares, securities, bonds, drafts or letters of credit, and any interest, dividends or other income on or value accruing from or generated by such funds and any other assets which potentially may be used to obtain funds, goods or services;	(b) **« fonds ou autres biens »** comprend les biens, les actifs financiers, les ressources économiques, les biens de toute nature, qu'ils soient corporels ou incorporels, meubles ou immeubles, quel que soit leur mode d'acquisition, ainsi que les actes juridiques ou instruments sous toute forme, y compris électronique ou numérique, attestant la propriété de ces fonds et autres biens ou les droits y relatifs, les crédits bancaires, les chèques de voyage, les chèques bancaires, les mandats, les actions, les valeurs mobilières, les obligations, les traites ou les lettres de crédit et les éventuels intérêts, dividendes et autres revenus ou valeurs tirés de tels fonds et autres biens ou générés par ceux-ci, et tous autres avoirs qui pourraient servir à obtenir des fonds, des biens ou des services;

agaciro kiyongera bitewe cyangwa kabyawe n'iyo mitungo n'undi mutungo ishobora gukoreshwa kugira ngo haboneke amafaranga, ibicuruzwa cyangwa serivisi;		
(c) **"banki ya baringa"** bivuga banki itagira aho ikorera hazwi mu gihugu yashingiwemo kandi yaherewemo uruhushya rwo gukora, ikaba idashamikiye ku itsinda ry'ibigo by'imari byemewe ngo ibe ishobora gukorerwa ubugenzuzi bukwiye buhurijwe hamwe;	(c) **"shell bank"** means a bank that has no physical presence in the jurisdiction in which it is incorporated and licensed, and which is unaffiliated with a regulated financial group that is subject to effective consolidated supervision;	(c) **« banque fictive »** signifie une banque qui n'a aucune présence physique dans la juridiction dans laquelle elle est constituée et agréée et qui n'est pas rattachée à un groupe financier réglementé soumis à une surveillance consolidée efficace;
(d) **"gufatira"** hakubiyemo kubuza iherererekanywa, ihindurwa, itangwa cyangwa iyimurwa ry'amafaranga cyangwa undi mutungo hashingiwe ku cyemezo cy'urwego rubifitiye ububasha cyangwa urukiko;	(d) "**seizure"** includes to prohibit the transfer, conversion, disposition or movement of any funds or other assets on the basis of an action initiated by a competent authority or a court;	(d) **« saisie »** comprend l'interdiction du transfert, de la conversion, de la disposition ou du mouvement de fonds ou autres biens suite à une mesure prise par une autorité compétente ou un tribunal ;
(e) **"guhagarika"** hakubiyemo:	(e) **"freezing"** includes:	(e) **« gel »** comprend :
(i) kubuza iherererekanywa, ihindurwa, itangwa cyangwa iyimurwa ry'amafaranga cyangwa iry'undi mutungo n'ibyakoreshejwe icyaha hashingiwe ku cyemezo no mu gihe cyagenwe n'urwego rubifitiye ububasha cyangwa	(i) to prohibit the transfer, conversion, disposition or movement of any funds or other assets and other instrumentalities used in offences on the basis of, and for the duration of the validity of an action initiated by a competent authority or a court	(i) l'interdiction du transfert, de la conversion, de la disposition ou du mouvement de fonds ou autres biens et autres instruments utilisés pour commettre des infractions sur base et pour la durée de validité d'une action engagée par une autorité compétente ou un tribunal

urukiko kugeza igihe urwego rubifitiye ububasha rufatiye icyemezo cyo kunyaga ayo mafaranga cyangwa undi mutungo;	under a freezing mechanism, or until a forfeiture or confiscation determination is made by a competent authority;	en vertu d'un mécanisme de gel, ou jusqu'à ce qu'une décision de confiscation soit prise par une autorité compétente ;
(ii) kubuza ihererekanywa, ihindurwa, itangwa cyangwa iyimurwa ry'amafaranga cyangwa ry'undi mutungo bifitwe cyangwa bigenzurwa n'umuntu washyizwe ku rutonde hashingiwe ku cyemezo no mu gihe cyagenwe n'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye Gashinzwe Umutekano cyangwa hakurikijwe ibyemezo bikurikizwa by'Akanama Gashinzwe Umutekano bifatwa n'urwego cyangwa urukiko rubifitiye ububasha;	(ii) to prohibit the transfer, conversion, disposition or movement of any funds or other assets that are owned or controlled by a designated person on the basis of, and for the duration of the validity of, an action initiated by the United Nations Security Council or in accordance with applicable Security Council resolutions by a competent authority or a court;	(ii) l'interdiction du transfert, de la conversion, de la disposition ou du mouvement de fonds ou autres biens détenus ou contrôlés par une personne désignée, sur base et pour la durée de validité d'une action engagée par le Conseil de sécurité des Nations unies ou conformément aux résolutions applicables du Conseil de sécurité par une autorité compétente ou un tribunal compétent;
(f) **"gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi"** hakubiyemo igikorwa cyo gutanga –	(f) **"financing of proliferation of weapons of mass destruction"** includes the act of providing –	(f) **« financement de la prolifération des armes de destruction massive »** comprend le fait de fournir –
(i) amafaranga cyangwa undi mutungo, serivisi mu by'imari bikoreshwa, byose uko byakabaye cyangwa	(i) funds or other assets, financial services used, in whole or in part, for the manufacture, production, possession, acquisition,	(i) les fonds ou autres biens, les services financiers utilisés, en tout ou en partie, pour la fabrication, la production, la

igice cyabyo, mu gukora, gutunganya, gutunga, kugura, kubika, guteza imbere, gutwara, kugurisha, kugemura, guhererekanya, gutumiza mu mahanga, kohereza mu mahanga, uruhererekane rw'ubwikorezi, guhuza cyangwa gukoresha intwaro za nikeleyeli, iz'uburozi, izishingiye ku binyabuzima n'ibindi bikoresho byateganywa, bifitanye isano n'izo ntwaro mu buryo bunyuranyije n'amategeko y'igihugu cyangwa, iyo bishoboka, n'inshingano igihugu gifite mu rwego mpuzamahanga.	stockpiling, development, transportation, sale, supply, transfer, import, export, transhipment, brokering or use of nuclear weapons, chemical weapons, biological weapons, and such other materials, as may be specified, which are related to such weapons in contravention of national laws or, where applicable, international obligations;	possession, l'acquisition, le stockage, le développement, le transport, la vente, la fourniture, le transfert, l'importation, l'exportation, le transbordement, le courtage ou l'utilisation d'armes nucléaires, d'armes chimiques, d'armes biologiques et de tout autre matériel, pouvant être spécifié, lié à ces armes en violation des lois nationales ou, le cas échéant, des obligations internationales ;
(ii) amahugurwa ya tekiniki, amafaranga cyangwa undi mutungo, serivisi mu by'imari, inama, indi serivisi, ubuhuza cyangwa inkunga bifitanye isano n'ibikorwa bivugwa muri (i) y'aka gaka;	(ii) technical training, funds or other assets, financial service, advice, service, brokering or assistance related to any of the activities specified under (i) of this Subparagraph;	(ii) la formation technique, les fonds ou autres biens, les services financiers, les conseils, les services, le courtage ou l'assistance liés à l'une des activités spécifiées au sous-alinéa (i) du présent alinéa ;
(g) **"gutera inkunga iterabwoba"** haseguriwe andi mategeko	(g) **"terrorist financing**" subject to other laws and conventions related to	(g) **« financement du terrorisme »** sous réserve d'autres lois et conventions

n'amasezerano bijyanye no gukumira no guhana gutera inkunga iterabwoba, hakubiyemo igikorwa gikorwa n'umuntu abigambiriye mu buryo ubwo ari bwo bwose –	the prevention and punishment of terrorist financing, includes an act committed by a person who by any means wilfully –	relatives à la prévention et à la répression du financement du terrorisme, comprend un acte commis par une personne qui, délibérément par quelque moyen que ce soit –
(i) atanga, akusanya cyangwa acunga amafaranga cyangwa undi mutungo uwo ari wo wose, byaba bifite inkomoko yemewe cyangwa itemewe n'amategeko, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, agerageza kubikora, azi cyangwa ashobora kumenya ko byose cyangwa igice cyabyo bigamije gukoreshwa mu gikorwa cy'iterabwoba cyangwa n'ukora ibikorwa by'iterabwoba ku giti cye cyangwa umutwe w'iterabwoba;	(i) provides, collects or manages any funds or other assets whether from legitimate or illegitimate source, directly or indirectly, or attempts to do so, with the unlawful intention that they should be used or in the knowledge that they are to be used in whole or in part to carry out a terrorist act; or by an individual terrorist or by a terrorist organization;	(i) fournit, collecte ou gère les fonds ou autres biens, qu'ils proviennent d'une source légitime ou illégitime, directement ou indirectement, ou tente de le faire, avec l'intention illégale qu'ils soient utilisés ou en sachant qu'ils seront utilisés, en tout ou en partie, pour réaliser un acte terroriste, ou par un terroriste ou par un terroriste individuel ou par une organisation terroriste ;
(ii) atanga inama, atera inkunga, yigisha cyangwa atanga amahugurwa hagamijwe kunguka ubushobozi n'ubumenyi bizwi ko bishobora gukoreshwa, cyangwa bigamije gukoreshwa mu bikorwa	(ii) offers advice, finances, teaching or training in order to acquire skills and knowledge knowing or having reasonable grounds to know that they may be used, or intended to be used for terrorism act and the financing of travelling of individuals who	(ii) offre des conseils, finance, enseigne ou forme en vue d'acquérir des compétences et des connaissances en sachant ou en ayant des motifs raisonnables de savoir qu'elles peuvent être utilisées ou destinées à être utilisées pour un acte de terrorisme et le financement du

by'iterabwoba no gutera inkunga ingendo z'abantu ku giti cyabo bajya mu bihugu bitari ibyabo cyangwa ibyo batuyemo hagamijwe gukora, gutegura, cyangwa kugira uruhare mu bikorwa by'iterabwoba, cyangwa gutanga no guhabwa amahugurwa y'iterabwoba;	travel to States other than their States or their States of residence for the purpose of the perpetration, planning or preparation of, or participation in terrorist acts, or the providing or receiving of terrorist training; or	voyage de personnes qui se rendent dans des États autres que leur État ou leur État de résidence en vue de perpétrer, de planifier ou de préparer des actes de terrorisme ou d'y participer, ou de fournir ou de recevoir une formation terroriste ; ou
(iii) cyangwa ashyigikira ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose kigamije kwica cyangwa gukomeretsa bikabije umusivili cyangwa undi muntu uwo ari we wese utagira uruhare rutaziguye mu mirwano mu gihe cy'intambara yitwaje intwaro, iyo icyo gikorwa mu miterere yacyo, kigamije gutera ubwoba abaturage cyangwa guhatira guverinoma cyangwa umuryango mpuzamahanga gukora cyangwa kudakora igikorwa icyo ari cyo cyose;	(iii) supports any other act intended to cause death or serious bodily injury to a civilian, or to any other person not taking an active part in the hostilities in a situation of armed conflict, when the purpose of such act, by its nature or context, is to intimidate a population, or to compel a government or an international organization to do or to abstain from doing any act;	(iii) soutient tout autre acte à tuer ou blesser grièvement un civil ou toute autre personne qui ne participe pas directement aux hostilités dans une situation de conflit armé, lorsque, par sa nature ou son contexte, cet acte vise à intimider une population ou à contraindre un gouvernement ou une organisation internationale à accomplir ou à s'abstenir d'accomplir un acte quelconque ;
(h) **"ibyakoreshejwe icyaha"** bivuga amafaranga cyangwa undi mutungo bikoreshwa, bigenewe cyangwa	(h) **"instrumentalities"** means funds or other assets used, intended or allocated to be used, in any manner,	(h) **« instruments »** signifie les fonds ou autres biens, utilisés, alloués ou destinés à être utilisés, de quelque

biteganywa gukoreshwa, mu buryo ubwo ari bwo bwose, byaba byose cyangwa igice cyabyo mu gukora icyaha;	in whole or in part to commit an offence;	manière que ce soit, en tout ou en partie, pour commettre une infraction ;
(i) **"icyaha cy'ibanze**" bivuga icyaha icyo ari cyo cyose gikomokaho indonke ishobora kwezwa hakavamo icyaha cy'iyezandonke;	(i) "**predicate offence**" means any offense generating illicit funds which can be laundered to become a money laundering offence;	(i) **« infraction sous-jacente »** signifie toute infraction génératrice de fonds illicites qui peuvent être blanchis pour devenir une infraction de blanchiment de capitaux ;
(j) **"igikorwa cy'ubucuruzi"** hakubiyemo:	(j) **"transaction"** includes:	(j) **« opération »** comprend :
(i) igura, igurisha, inguzanyo, ingwate, impano, kohereza, kugemura cyangwa ikindi gikorwa cyo kwikuraho cyangwa amasezerano bijyanye;	(i) a purchase, sale, loan, pledge, gift, transfer, delivery or other disposition, or arrangement thereof;	(i) un achat, une vente, un prêt, un nantissement, un don, un transfert, une livraison ou toute autre disposition ou l'arrangement de ceux-ci ;
(ii) gufungura konti;	(ii) opening of an account;	(ii) l'ouverture d'un compte ;
(iii) kubitsa uko ari ko kose, kubikuza, kuvunjisha cyangwa kohereza amafaranga, haba hakoreshwa amafaranga cyangwa sheki, inyandiko itegeka kwishyura cyangwa ikindi gikoresho cyangwa hakoreshwa uburyo bw'ikoranabuhanga cyangwa ubundi buryo budafatika;	(iii) any deposit, withdrawal, exchange or transfer of funds, whether in currency or by cheque, payment order or other instrument or by electronic or other non-physical means;	(iii) tout dépôt, retrait, échange ou transfert de fonds, que ce soit en monnaie ou par chèque, ordre de paiement ou autre instrument ou par des moyens électroniques ou autres moyen non physiques ;

(iv) gukoresha umutamenwa cyangwa ubundi buryo bwo kubitsa butekanye;	(iv) the use of a safety deposit box or any other form of safe deposit;	(iv) l'utilisation d'un coffre-fort ou de toute autre forme de dépôt sécurisé ;
(v) gutangira imikoranire y'ubwizerane;	(v) entering into any fiduciary relationship;	(v) l'établissement de toute relation fiduciaire ;
(vi) ubwishyu bukorwa cyangwa bwakirwa bujyana n'amasezerano cyangwa undi mwenda wemewe n'amategeko;	(vi) a payment made or received in satisfaction of any contractual or other legal obligation;	(vi) un paiement effectué ou reçu en exécution d'une obligation contractuelle ou autre obligation légale ;
(vii) ubwishyu bwose bukorwa bushingiye kuri tombola, ku gutega cyangwa ku wundi mukino w'amahirwe;	(vii) a payment made in respect of a lottery, bet or other game of chance;	(vii) un paiement effectué dans le cadre d'une loterie, d'un pari ou d'un autre jeu de hasard ;
(viii) gushyiraho cyangwa gushinga umuryango ufite ubuzimagatozi cyangwa ubwumvikane bushingiye ku masezerano;	(viii) establishing or creating a legal person or legal arrangement;	(viii) l'établissement ou la création d'une personne morale ou d'une construction juridique ;
(ix) igikorwa cy'ubucuruzi cyose kigerageje gukorwa;	(ix) any attempted transaction; and	(ix) toute tentative d'opération ; et
(x) ikindi gikorwa cy'ubucuruzi cyashyirwaho n'amabwiriza y'Urwego;	(x) any other transaction as may be prescribed by regulation of the Centre;	(x) toute autre opération pouvant être prescrite par le règlement du Centre ;
(k) **"ikazino"** bivuga ahantu hakinirwa	(k) **"casino"** means a place where	(k) **« casino »** signifie un lieu où l'on joue

imikino y'amahirwe inyuranye harimo iyo ku meza, iy'imashini y'ibiceri, ikoresha murandasi, ikorera mu bwato n'ikindi gikoresho gishobora gukenera ubumenyi bwihariye muri iyo mikino;	various gambling games are played including table games, slot machines, internet- and ship-based casinos and other devices which may require special knowledge;	à divers jeux de hasard, y compris des jeux de table, des machines à sous, des casinos sur internet et sur des navires et d'autres dispositifs qui peuvent nécessiter des connaissances particulières ;
(l) **"ikigo cy'imari"** hakubiyemo igikorwa cy'umuntu gikorera cyangwa gikora mu izina ry'umukiriya kimwe cyangwa byinshi mu bikorwa bikurikira:	(l) **"financial institution**" includes an activity of natural or legal person which conducts as a business one or more of the following activities or operations for or on behalf of a customer:	(l) **« institution financière »** comprend une activité d'une personne physique ou morale qui exerce à titre commercial une ou plusieurs des activités ou opérations suivantes au nom d'un client ou pour son compte :
(i) kwakira amafaranga y'abantu abitswa n'asubizwa harimo na serivisi z'imari zihariye zigenewe abakiriya ba banki;	(i) acceptance of deposits and other repayable funds from the public, including specific financial services for bank customers;	(i) acceptation des dépôts et autres fonds remboursables du public, y compris des services financiers spécifiques pour les clients des banques ;
(ii) kuguriza harimo inguzanyo y'ingoboka, inguzanyo itangwa hatanzwe ingwate, inguzanyo yo kwishyura inyemezabuguzi ishobora cyangwa idashobora kujuririrwa no gutanga inguzanyo ikoreshwa mu bikorwa by'ubucuruzi;	(ii) lending including consumer credit, mortgage credit, factoring with or without recourse, and finance of commercial transactions;	(ii) prêts, y compris le crédit à la consommation, le crédit hypothécaire, l'affacturage avec ou sans recours et le financement d'opérations commerciales ;
(iii) ikodeshagurisha hatarimo amasezerano	(iii) financial leasing excluding financial leasing arrangement in	(iii) crédit-bail financier, à l'exclusion des contrats de crédit-bail financier

	y'ikodeshagurisha ku bicuruzwa bikoreshwa n'abaguzi;	relation to consumer product;	relatifs à des produits de consommation ;
(iv)	serivisi zo kohereza amafaranga cyangwa ibicuruzwa ariko zitareba umuntu uha ibigo by'imari ubutumwa gusa cyangwa ubundi buryo bwifashishwa mu kohererezanya amafaranga;	(iv) money or value transfer services but does not apply to any person that provides financial institutions solely with message or other support systems for transmitting funds;	(iv) services de transfert de fonds ou de valeurs, mais ne s'appliquent pas à toute personne qui fournit aux institutions financières uniquement des systèmes de messagerie ou d'autres supports pour la transmission de fonds ;
(v)	gutanga no gucunga uburyo bukoreshwa mu kwishyura;	(v) issuing and managing means of payment;	(v) émission et gestion de moyens de paiement ;
(vi)	gutanga ingwate n'imyenda;	(vi) financial guarantees and commitments;	(vi) octroi de garanties et souscriptions d'engagements ;
(vii)	kugura no kugurisha ibicuruzwa ku isoko ry'amafaranga n'iry'ivunjisha, igipimo cy'agaciro k'ifaranga runaka ugereranyije n'ak'irindi, inyandiko z'igipimo cy'inyungu n'iz'agaciro k'imitungo yimukanwa, inyandiko mvunjwafaranga zihererekanywa ku isoko ry'imigabane, amasezerano ku bicuruzwa ageze igihe	(vii) trading in money market instruments; foreign exchange; exchange, interest rate and index instruments; transferable securities; commodity futures trading;	(vii) négociation sur les instruments du marché monétaire ; le marché des changes ; les instruments sur devises, taux d'intérêt et indices ; les valeurs mobilières ; les marchés à terme de marchandises ;

cyo kwishyura;		
(viii) gukora ibijyanye n'impapuro z'agaciro no gutanga serivisi z'imari zijyanye n'ubwo bucuruzi;	(viii) participation in securities issues and the provision of financial services related to such issues;	(viii) la participation à des émissions de valeurs mobilières et prestation de services financiers connexes ;
(ix) gucunga umutungo w'umuntu ku giti cye cyangwa uhuriweho na benshi;	(ix) individual and collective portfolio management;	(ix) la gestion individuelle et collective de patrimoine ;
(x) kubika neza no gucunga amafaranga cyangwa impapuro z'agaciro mu izina ry'abandi bantu;	(x) safekeeping and administration of cash or liquid securities on behalf of other persons;	(x) la conservation et l'administration de valeurs mobilières, en espèces ou liquide, pour le compte d'autrui ;
(xi) ibindi bikorwa by'ishoramari, byo gukoresha no gucunga ibindi bigega cyangwa amafaranga mu izina ry'undi muntu;	(xi) otherwise investing, administering, or managing other funds or money on behalf of other persons;	(xi) autres opérations d'investissement, d'administration ou de gestion de fonds ou d'argent pour le compte d'autrui ;
(xii) kwishingira no gushyira amafaranga mu bwishingizi bw'igihe kirekire no gukora irindi shoramari rijyanye no kwiteganyiriza rikorwa n'ibigo by'ubwishingizi kimwe n'intumwa zabyo ndetse n'abahuza muri ibyo	(xii) underwriting and placement of long-term insurance and other investment related insurance by insurance undertakings as well as their agents and brokers;	(xii) la souscription et le placement d'assurances à long terme et d'autres produits d'investissement en lien avec une assurance par des entreprises d'assurance ainsi que par leurs agents et courtiers ;

bikorwa;		
(xiii) ivunjisha ry'amafaranga;	(xiii) money and currency changing;	(xiii) le change manuel ;
(xiv) ikindi gikorwa cyagenwa n'Urwego;	(xiv) any other activity that the Centre may determine;	(xiv) toute autre activité que le Centre peut déterminer ;
(m) **"Inama Mpuzabikorwa"** bivuga Komite y'Igihugu ishinzwe gukumira no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(m) **"Coordination Council"** means national committee on the prevention and fight against money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction;	(m) **« Conseil de coordination »** signifie le comité national de prévention et de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive ;
(n) **"indonke zikomoka ku cyaha"** bivuga amafaranga cyangwa undi mutungo bikomoka cyangwa biboneka, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, binyuze mu ikorwa ry'icyaha harimo n'inyungu zo mu rwego rw'ubukungu byaba byose cyangwa igice cyabyo, byahinduwemo andi mafaranga cyangwa undi mutungo;	(n) **"proceeds of crime"** means funds or other assets derived from or obtained, directly or indirectly, through the commission of an offence including economic gains converted or transformed in whole or in part, into other funds or other assets;	(n) **« produits du crime »** signifie fonds ou autres biens provenant ou obtenus, directement ou indirectement, par la commission d'une infraction, y compris les gains économiques convertis ou transformés, en tout ou en partie, en d'autres fonds ou autres biens ;
(o) **"inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa uzifite"** bivuga inyandiko zifite agaciro k'amafaranga zanditse k'uzifite nka	(o) **"bearer negotiable instruments"** means monetary instruments in bearer form such as cheques traveller's cheques, promissory	(o) **« instruments négociables au porteur»** signifie instruments monétaires au porteur tels que les chèques de voyage, les instruments

sheki, sheki zikoreshwa mu ngendo mu mahanga, inyandiko nsezeranyabwishyu, izanditse k'uzifite cyangwa zanditseho undi muntu inyuma ufite uburenganzira busesuye, izakozwe nta nyirazo uzwi cyangwa izikozwe mu buryo zahita zihererekanywa, inyandiko mvunjwafaranga zituzuye ziriho umukono ariko izina ry'uwo zigenewe ritaravuzwe;	notes and money orders that are either in bearer form, endorsed without restriction, made out to a fictitious payee, or otherwise in such form that title thereto passes upon delivery, incomplete negotiable instruments and money orders signed but with the payee's name omitted;	négociables notamment les chèques, billets à ordre et mandats, qui sont soit au porteur, soit endossables sans restriction, soit établis à l'ordre d'un bénéficiaire fictif, ou qui se présentent sous toute autre forme permettant le transfert sur simple remise, les instruments négociables incomplets et les mandats signés, mais sur lesquels le nom du bénéficiaire a été omis ;
(p) **"itsinda ry'ibigo by'imari"** bivuga itsinda rigizwe na sosiyete y'ubucuruzi ibindi bigo bikomokaho cyangwa n'ubundi bwoko bw'ikigo gifite ubuzimagatozi kigenzura kandi kigahuza imirimo y'ibigo bigize iryo tsinda mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ubugenzuzi bw'itsinda hakurikijwe amahame rusange agenga itsinda, hamwe n'amashami cyangwa ibigo birishamikiyeho bigengwa na politiki n'uburyo bukurikizwa mu kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga itera iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi ku rwego rw'itsinda;	(p) **"financial group"** means a group that consists of a parent company or of any other type of legal person exercising control and coordinating functions over the rest of the group for the application of group supervision under the core principles, together with branches or subsidiaries that are subject to anti-money laundering, countering terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction policies and procedures at the group level;	(p) **« groupe financier »** signifie un groupe constitué d'une société commerciale mère ou de tout autre type de personne morale exerçant un contrôle et des fonctions de coordination sur le reste du groupe aux fins du contrôle de groupe visé dans les principes fondamentaux, ainsi que des succursales ou des filiales soumises aux politiques et procédures de lutte contre le blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive au niveau du groupe ;

(q) **“iyezandonke”** hakubiyemo ikorwa rya kimwe mu bikorwa bikurikira, cyaba gikozwe n’umuntu ukoze icyaha cy’ibanze cyangwa undi muntu, agikoreye ku butaka bw’u Rwanda cyangwa ubw’ikindi gihugu:	(q) **“money laundering”** includes the commission of any of the following acts either by a person who commits a predicate offence or by a third party, carried out in Rwanda or on the territory of another country:	(q) **« blanchiment de capitaux »** comprend la commission de l’un des actes suivants, soit par une personne qui commet une infraction sous-jacente, soit par un tiers, commis au Rwanda ou sur le territoire d’un autre pays :
(i) guhindura, kohereza cyangwa gufata umutungo cyangwa amafaranga, nyir’ukubikora azi cyangwa ashobora kumenya ko uwo mutungo cyangwa amafaranga ari indonke zikomoka ku cyaha cyangwa ku gikorwa cyo kugira uruhare mu ikorwa ryacyo;	(i) the conversion, transfer or handling of assets or funds whose perpetrator knows or has reasonable grounds to know that such property or funds are the proceeds of crime or it derives from an act of participation in such crime;	(i) la conversion, le transfert ou la gestion de biens ou de fonds dont l’auteur sait ou a des motifs raisonnables de croire qu’ils sont les produits du crime ou qu’ils proviennent d’un acte de participation à un tel crime ;
(ii) guhisha, kuyoberanya imiterere nyayo, inkomoko, ahabarizwa amafaranga cyangwa undi mutungo, kubyimura, kubyikuraho, kubitanga, kuyoberanya nyir’umutungo nyawe cyangwa ubifiteho uburenganzira, nyir’ukubikora azi cyangwa ashobora kumenya ko ayo mafaranga cyangwa undi mutungo ari indonke	(ii) the concealment, disguise of the true nature, origin, location, movement, disposition, donation, disguise of the beneficial owner of funds or other assets, or the person having rights on it, knowing or having reasonable grounds to know that such of funds or other assets are proceeds of crime or from an act of participation in such crime;	(ii) la dissimulation, le déguisement de la véritable nature, de l’origine, de l’emplacement, du mouvement, de la disposition, de la donation, du déguisement du bénéficiaire effectif des fonds ou autres biens, ou de la personne ayant des droits sur ceux-ci, sachant ou ayant des motifs raisonnables de croire que ces fonds ou autres biens sont les produits du crime ou d’un acte de participation à un tel crime ;

zikomoka ku cyaha cyangwa ku kugira uruhare mu ikorwa ry'icyo cyaha;		
(iii) kwegukana, gutunga cyangwa gukoresha amafaranga cyangwa undi mutungo azi cyangwa ashobora kumenya, mu gihe cyo kubyakira, ko bituruka ku ndonke zikomoka ku cyaha cyangwa bituruka ku kugira uruhare mu ikorwa ryacyo;	(iii) acquisition, possession or use of funds or other assets the author knows or has reasonable grounds to know, at the time of reception, that such funds or other assets derived from proceeds of crime or from an act of participation in such crime;	(iii) l'acquisition, la possession ou l'utilisation de fonds ou autres biens dont l'auteur sait ou a des motifs raisonnables de croire, au moment de la réception, qu'ils proviennent de produits du crime ou d'un acte de participation à un tel crime ;
(iv) kugira uruhare, kwishyira hamwe cyangwa gucura umugambi wo gukora icyaha, kugerageza gukora icyaha, gufasha, gushishikariza, gushyigikira, korohereza cyangwa gutanga inama mu gukora igikorwa icyo ari cyo cyose mu bivugwa muri (i), (ii) na (iii) by'aka gaka;	(iv) participation in, association with or conspiracy to commit, attempt to commit, aiding, inciting, abetting, facilitating or counselling the commission of any of the acts specified under (i), (ii) and (iii) of this Subparagraph;	(iv) la participation, l'association ou la conspiration en vue de commettre, de tenter de commettre, d'aider, d'inciter, d'encourager, de faciliter ou de conseiller la commission de l'un des actes visés aux sous-alinéas (i), (ii) et (iii) du présent alinéa ;
(r) **"Minisitiri"** bivuga Minisitiri ufite imari mu nshingano;	(r) **"Minister"** means Minister in charge of finance;	(r) **« Ministre »** signifie le Ministre ayant les finances dans ses attributions ;
(s) **"nyir'umutungo nyawe"** bivuga umuntu ku giti cye ufite ku buryo	(s) **"beneficial owner"** means a natural person who ultimately owns or	(s) « **bénéficiaire effectif »** signifie une personne physique qui, en dernier lieu,

nyakuri cyangwa se ugenzura umukiriya cyangwa undi muntu wese igikorwa cy'ubucuruzi cyakorewe. Harimo kandi umuntu ku giti cye ufite uruhare runini ku mutungo w'umuryango ufite ubuzimagatozi cyangwa ubwumvikane bushingiye ku masezerano;	controls a customer or the natural person on whose behalf a transaction is being conducted. It also includes a natural person who exercises ultimate effective control over a legal person or arrangement;	possède ou contrôle un client ou la personne physique pour le compte de laquelle une opération est effectuée. Elle comprend également une personne qui exerce en dernier lieu un contrôle effectif sur une personne morale ou une construction juridique ;
(t) **"ubwumvikane bushingiye ku masezerano"** bivuga ubwizerane bwashyizweho mu buryo bweruye n'ushyiraho ubwizerane hakoreshejwe inyandiko cyangwa ubundi bwumvikane bumeze nk'ubwo bwizerane;	(t) **"legal arrangement"** means an express trust clearly created by the settlor in the form of a written deed or other similar legal arrangements;	(t) **« construction juridique »** signifie une fiducie explicite clairement créé par le constituant sous la forme d'un acte écrit ou autres constructions juridiques similaires ;
(u) **"umukiriya"** hakubiyemo:	(u) **"customer"** includes:	(u) **« client »** comprend :
(i) umuntu ukorerwa igikorwa cy'ubucuruzi cyangwa utegurirwa cyangwa ufungurirwa konti;	(i) the person for whom a transaction or account is arranged, opened or undertaken;	(i) la personne pour laquelle une opération ou un compte est organisé, ouvert ou réalisé ;
(ii) umuntu ufite ububasha bwo gushyira umukono ku gikorwa cy'ubucuruzi runaka cyangwa kuri konti;	(ii) a signatory to a transaction or account;	(ii) le signataire d'une opération ou d'un compte ;
(iii) umuntu wahererejweho cyangwa wahawe konti,	(iii) a person to whom an account or rights or obligations under a	(iii) une personne à qui un compte ou des droits ou obligations dans le

uburenganzira cyangwa inshingano ku gikorwa cy'ubucuruzi runaka;	transaction have been assigned or transferred;	cadre d'une opération ont été cédés ou transférés;
(iv) umuntu wemerewe kugira igikorwa cy'ubucuruzi akorera kuri konti cyangwa kuyigenzura;	(iv) a person who is authorised to conduct a transaction or control an account;	(iv) une personne qui est autorisée à effectuer une opération ou à contrôler un compte;
(v) umuntu ugerageza gukora kimwe mu bikorwa bivugwa muri (i), (ii), (iii) na (iv) by'aka gaka;	(v) any person who attempts to take any of the actions referred to under (i), (ii), (iii) and (iv) of this Subparagraph; or	(v) une personne qui tente de prendre l'une des mesures visées aux sous-alinéas (i), (ii), (iii) et (iv) du présent alinéa ; ou
(vi) umuntu ufitanye imikoranire yo mu rwego rw'ubucuruzi cyangwa ukorana igikorwa cy'ubucuruzi kidahoraho n'ushinzwe gutanga amakuru;	(vi) a person who has business relations or conduct occasional transaction with the reporting person;	(vi) une personne qui entretient des relations d'affaires ou effectue une opération occasionnelle avec la personne déclarante ;
(v) **"umuntu"** bivuga umuntu ku giti cye cyangwa umuryango ufite ubuzimagatozi;	(v) "**person**" means a natural person or a legal person;	(v) « **personne** » signifie une personne physique ou une personne morale ;
(w) **"umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki"** hakubiyemo umuntu ushinzwe cyangwa wigeze gushingwa imirimo ikomeye ya Leta n'u Rwanda cyangwa n'ikindi gihugu cyangwa n'umuryango	(w) **"politically exposed person"** includes an individual who is or has been entrusted with prominent public functions in Rwanda, by a foreign country or by an international organization including	(w) **« personne politiquement exposée »** signifie une personne qui détient ou s'est vue confier des fonctions publiques importantes au Rwanda, par un pays étranger ou par une organisation internationale, y compris

mpuzamahanga, abagize umuryango we n'abo basangiye inyungu;	family members and his or her associates;	les membres de la famille et ses associés ;
(x) **"umuntu washyizwe ku rutonde"** hakubiyemo umuntu cyangwa itsinda bashyizwe ku rutonde rw'abakora iterabwoba, abaritera inkunga n'abatera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi hakurikijwe amategeko y'imbere mu gihugu cyangwa imyanzuro y'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano yemejwe hashingiwe ku mutwe wa VII w'amasezerano agenga Umuryango w'Abibumbye;	(x) **"designated person"** includes a person or a group, that is placed on the list of terrorists and terrorism financiers pursuant to relevant domestic legislation or the United Nations Security Council Resolutions adopted under Chapter VII of the United Nations Charter;	(x) **« personne désignée »** comprend une personne ou un groupe, qui sont mis sur la liste de terroristes et de financiers du terrorisme conformément à la législation interne ou aux résolutions du Conseil de sécurité des Nations unies adoptées en vertu du Chapitre VII de la Charte des Nations-Unies ;
(y) "**umuryango udaharanira inyungu"** bivuga umuryango ufite ubuzimagatozi cyangwa ubwumvikane bushingiye ku masezerano, ukusanya cyangwa utanga amafaranga ku mpamvu z'ubugiraneza, iyobokamana, guteza imbere umuco, guteza imbere uburezi, guteza imbere imibereho myiza cyangwa iz'inyungu zihuriweho cyangwa mu rwego rwo gushyigikira ibindi bikorwa byiza;	(y) **"non-profit organisation"** means a legal person or legal arrangement that engages in raising or disbursing funds for purposes such as charitable, religious, cultural, educational, social or fraternal purposes, or for the carrying out of other types of good works;	(y) **« organisme à but non lucratif »** signifie une personne morale ou construction juridique qui est impliquée dans la collecte ou la distribution de fonds pour des motifs caritatifs, religieux, culturels, éducatifs, sociaux ou confraternels, ou pour d'autres types de bonnes œuvres;
(z) **"umuryango ufite ubuzimagatozi"** bivuga ikigo gifite	(z) **"legal person"** means an entity with a legal personality including a	(z) **« personne morale »** signifie une entité dotée d'une personnalité juridique, y

ubuzima gatozi harimo isosiyete y'ubucuruzi, koperative, ikigo, umuryango nyarwanda utari uwa Leta, umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta, umuryango ushingiye ku myemerere, fondasiyo, ubufatanye mu bucuruzi n'ibindi bimeze kimwe;	company, cooperative, institution, national non-governmental organisation, international non-governmental organisation and faith-based organisation, foundation, partnerships and other relevantly similar entities;	compris une société commerciale, une coopérative, une institution, une organisation non gouvernementale nationale, une organisation non gouvernementale internationale et une organisation confessionnelle, une fondation, des sociétés de personnes et d'autres entités similaires pertinentes ;
(aa) **"Urwego"** bivuga Urwego rushinzwe ubutasi ku mari ari rwo rwego rw'Igihugu rwakira rukanasesengura raporo ku bikorwa by'ubucuruzi bikemangwa n'andi makuru ajyanye n'iyezandonke n'ibindi byaha by'ibanze bifitanye isano, ibikorwa byo gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi rukanohereza inzego bireba ibyavuye mu isesengura ryakozwe.	(aa) **"Centre"** means the Financial Intelligence Centre which is the national authority receiving and analysing suspicious transaction reports and other information related to money laundering and associated predicate offences, terrorism financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction and disseminating the results of such an analysis to relevant authorities;	(aa) **« Centre »** signifie le Centre de Renseignement Financier qui est l'autorité nationale qui reçoit et analyse les déclarations d'opérations suspectes et d'autres informations relatives au blanchiment de capitaux et aux infractions principales associées, au financement du terrorisme et au financement de la prolifération des armes de destruction massive et qui dissémine les résultats de cette analyse aux autorités concernées ;
(bb) **"Urwego rubifitiye ububasha"** hakubiyemo inzego za Leta zifite mu nshingano kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, harimo –	(bb) **"competent authority"** includes all public authorities with designated responsibilities for combating money laundering, terrorist financing and financing proliferation of weapon of mass destruction which includes:	(bb) **« autorité compétente »** comprend toutes les autorités publiques ayant dans leurs attributions la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive ce qui inclut:
(i) Urwego;	(i) the Centre;	(i) le Centre ;

(ii) inzego zifite mu nshingano kugenza cyangwa gukurikirana ibyaha by'iyezandonke, ibyaha by'ibanze bijyanye na byo, ibyaha byo gutera inkunga iterabwoba n'ibyo gutera inkunga ikwirakwira ry'intwaro za kirimbuzi zikaba kandi zishinzwe gufatira, guhagarika, no kunyaga indonke zikomoka ku cyaha cyangwa ibyakoreshejwe icyaha;	(ii) the authorities whose remits cover investigating or prosecuting money laundering, associated predicate offences, terrorist financing and financing of proliferation of weapon of mass destruction and seizing, freezing, and confiscating proceeds of crime or instrumentalities;	(ii) les autorités ayant dans leurs attributions l'enquête ou la poursuite du blanchiment de capitaux, des infractions sous-jacentes associées, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive et la saisie, le gel et la confiscation des produits du crime ou des instruments ;
(iii) inzego zakira amakuru ku mafaranga yambukanwa imipaka n'inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa uzifite;	(iii) authorities receiving reports on cross-border transportation of currency and bearer negotiable instruments; and	(iii) les autorités recevant des rapports sur le transport transfrontalier de devises et d'instruments négociables au porteur ; et
(iv) n'inzego zifite mu nshingano kugenzura cyangwa gukurikirana ibikorwa byo kurwanya icyaha cy'iyezandonke, icyo gutera inkunga iterabwoba n'icyo gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(iv) authorities whose remits cover supervisory or monitoring responsibilities over anti-money laundering, combatting the terrorist financing and financing of proliferation of weapon of mass destruction;	(iv) les autorités ayant dans leurs attributions la surveillance ou le contrôle en matière de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive ;

(cc) **“utanga serivisi mu bwizerane no mu masosiyete y’ubucuruzi”** hakubiyemo umuntu utanga serivisi zikurikira:	(cc) **“trust and company service provider”** includes a person who provides the following services:	(cc) **« prestataire de services aux fiducies et sociétés commerciales »** comprend une personne qui fournit des services suivants :
(i) gushinga isosiyete y’ubucuruzi cyangwa ikindi kigo;	(i) forming a company or any other corporate body;	(i) constituer une société commerciale ou toute autre personne morale ;
(ii) gukora nk’umuyobozi cyangwa umunyamabanga w’isosiyete y’ubucuruzi byumvikanyweho n’undi muntu utari isosiyete y’ubucuruzi;	(ii) acting as a director or secretary of a company under an arrangement with a person other than a company;	(ii) agir en qualité de dirigeant ou de secrétaire d’une société commerciale en vertu d’un accord avec une personne autre qu’une société commerciale ;
(iii) guteganya undi muntu gukora nk’umuyobozi cyangwa umunyamabanga w’isosiyete y’ubucuruzi;	(iii) arranging for another person to act as a director or secretary of a company;	(iii) prendre des mesures afin qu’une autre personne agisse en qualité de directeur ou de secrétaire d’une société commerciale ;
(iv) gukora nk’umunyamigabane, cyangwa gufasha umuntu kuba umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi;	(iv) acting, or arranging for a person to act as a partner of a partnership;	(iv) agir, ou prendre des mesures afin qu’une personne agisse en qualité d’associé d’une société de personnes ;
(v) gufasha isosiyete y’ubucuruzi kuyishakira ibiro na aderesi y’ubucuruzi, inzandiko cyangwa aderesi y’ubuyobozi cyangwa izindi	(v) providing a registered office, business address, correspondence or administrative address or other related services for a company or	(v) fournir un siège social, une adresse commerciale, postale ou administrative ou d’autres services liés à une société commerciale ou à toute autre personne morale ;

serivisi zijyanye n'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa ikindi kigo cy'ubucuruzi;	any other corporate body;	
(vi) gukora cyangwa gufasha umuntu gukora nk'ucunga iby'abandi w'umwuga cyangwa w'ubwizerane;	(vi) acting as, or arranging for, another person to act as a trustee of a trust;	(vi) agir ou prendre des mesures afin qu'une autre personne agisse en qualité de fiduciaire dans une fiducie ;
(vii) gukora nk'umunyamigabane cyangwa gufasha umuntu kuba umunyamigabane watoranyijwe ku muntu utari isosiyete y'ubucuruzi ifite impapuro zanditswe ku rutonde rw'isoko rigenzurwa;	(vii) acting, or arranging for another person to act, as a nominee shareholder for a person other than a company whose securities are listed on a regulated market;	(vii) agir ou prendre des mesures afin qu'une autre personne agisse en qualité d'actionnaire agissant au nom d'une autre personne autre qu'une société commerciale dont les titres sont cotés sur un marché réglementé ;
(viii) gukora cyangwa gufasha umuntu gukora nk'ucunga ikigega cy'ishoramari cy'abishyizehamwe;	(viii) acting as, or arranging for, another person to act as a collective investment scheme operator;	(viii) agir ou prendre des mesures afin qu'une autre personne agisse en qualité d'operateur d'un fonds d'investissement collectif ;
(ix) gukora cyangwa gufasha umuntu gukora nk'ucunga fondasiyo.	(ix) acting as, or arranging for, another person to act as a foundation manager.	(ix) agir ou prendre des mesures afin qu'une autre personne agisse en qualité de gestionnaire d'une fondation.
<u>Ingingo ya 3</u>: Ubwoko bw'iyezandonke	**<u>Article 3</u>: Forms of money laundering**	**<u>Article 3</u>: Formes de blanchiment de capitaux**
Ubwoko bw'iyezandonke ni ubu bukurikira:	The forms of money laundering are as follows:	Les formes de blanchiment de capitaux sont les suivantes :

(a) iyezandonke rikozwe n'umuntu wagize uruhare mu ikorwa ry'icyaha cy'ibanze;	(a) self-laundering which consists of the laundering of proceeds of crime by a person who was involved in the commission of the predicate offence;	(a) l'auto-blanchiment qui consiste au blanchiment d'un produit du crime par une personne qui était impliquée dans la commission de l'infraction sous-jacente;
(b) iyezandonke rikozwe n'undi muntu utaragize uruhare mu ikorwa ry'icyaha cy'ibanze.	(b) third party money laundering which consists of the laundering of proceeds of crime by a person who was not involved in the commission of the predicate offence.	(b) le blanchiment par un tiers qui consiste au blanchiment d'un produit du crime par une personne qui n'était pas impliquée dans la commission de l'infraction sous-jacente.
<u>Ingingo ya 4</u>: Ibyemezo by'agateganyo ku mafaranga cyangwa undi mutungo bifitanye isano n'icyaha	**<u>Article 4</u>: Provisional measures on offence-related funds or other assets**	**<u>Article 4</u> : Mesures provisoires sur les fonds ou autres biens liés à l'infraction**
(1) Urwego rubifitiye ububasha rugomba ako kanya guhagarika cyangwa gufatira amafaranga cyangwa undi mutungo iyo rufite impamvu zikomeye zo gukeka ko bifitanye isano n'icyaha.	(1) The competent authority must immediately freeze or seize funds or other assets when it has serious reasons to suspect that such funds or other assets are related to the offence.	(1) L'autorité compétente doit immédiatement geler ou saisir les fonds ou autres biens lorsqu'elle a des motifs sérieux de soupçonner que ces fonds ou autres biens sont liés à l'infraction.
(2) Amafaranga cyangwa undi mutungo bigomba guhagarikwa cyangwa gufatirwa birimo –	(2) Funds or other assets to be frozen or seized include:	(2) Les fonds ou autres biens à geler ou à saisir comprennent :
(a) amafaranga cyangwa undi mutungo byejejwe;	(a) funds or other assets laundered;	(a) les fonds ou autres biens qui ont été blanchis ;
(b) igikorwa cy'ubucuruzi gikemangwa;	(b) suspicious transaction;	(b) l'opération suspecte ;

(c) indonke zikomoka ku iyezandonke cyangwa icyaha cy'ibanze;	(c) proceeds from money laundering or predicate offence;	(c) les produits du blanchiment de capitaux ou l'infraction sous-jacente ;
(d) ibyakoreshejwe icyaha mu gukora icyaha cy'iyezandonke cyangwa icyaha cy'ibanze;	(d) instrumentalities used in money laundering or predicate offence;	(d) les instruments utilisés en vue du blanchiment de capitaux ou d'infraction sous-jacente ;
(e) ibyakoreshejwe icyaha mu gutera inkunga iterabwoba, igikorwa cy'iterabwoba cyangwa imitwe y'iterabwoba, kimwe no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(e) instrumentalities used in the financing of terrorism, terrorist acts or terrorist organisations, as well as the financing of proliferation of weapons of mass destruction; or	(e) les instruments utilisés en vue du financement du terrorisme, d'actes terroristes ou d'organisations terroristes, ou en vue du financement de la prolifération des armes de destruction massive ; ou
(f) cyangwa amafaranga cyangwa undi mutungo bifite agaciro nk'ak'imitungo ifitanye isano n'icyaha mu gihe amafaranga cyangwa undi mutungo bifitanye isano n'icyaha bidashoboye kuboneka.	(f) funds or other assets of corresponding value in absence of offence-related funds or other assets.	(f) les fonds ou autres biens de valeur correspondante en l'absence de fonds ou autres biens liés à l'infraction.
(3) Urwego rubifitiye ububasha rugomba –	(3) The competent authority must –	(3) L'autorité compétente doit –
(a) kugaragaza, gushakisha, no kugena agaciro k'umutungo ushobora kunyagwa;	(a) identify, trace, and evaluate property that is subject to confiscation;	(a) identifier, retrouver et estimer les biens qui font l'objet d'une mesure de confiscation ;

(b) gufata ibyemezo by'agateganyo nko guhagarika cyangwa gufatira hagamijwe kubuza gukoresha, kohereza cyangwa kwikuraho umutungo uba ushobora kunyagwa;	(b) carry out provisional measures, such as freezing or seizing, to prevent any dealing, transfer, or disposal of property subject to confiscation;	(b) prendre des mesures provisoires, tels que le gel ou la saisie, afin d'empêcher toute opération, tout transfert ou toute cession de biens qui font l'objet d'une mesure de confiscation ;
(c) gufata ingamba zishobora kubuza cyangwa kwirinda ibikorwa byabangamira ubushobozi bw'Igihugu bwo guhagarika, gufatira cyangwa kugaruza umutungo ushobora kunyagwa;	(c) take steps that will prevent or avoid actions that prejudice the country's ability to freeze or seize or recover property that is subject to confiscation; and	(c) prendre des mesures qui empêcheront ou annuleront les actions qui portent atteinte à la capacité du pays de geler ou de saisir ou de récupérer les biens qui font l'objet d'une confiscation ; et
(d) no gufata ingamba zikwiye mu rwego rw'ipererereza.	(d) take any appropriate investigative measures.	(d) prendre toutes les mesures d'enquête appropriées.
(4) Urwego rubifitiye ububasha rubyibwirije cyangwa rubisabwe n'umuntu usaba uburenganzira ku mafaranga cyangwa undi mutungo, rushobora gukuraho icyemezo gihagarika cyangwa gifatira.	(4) The competent authority on its own initiative or on the request of a person claiming rights to the funds or other assets may lift the freezing or seizure decision.	(4) L'autorité compétente, de sa propre initiative ou à la demande d'une personne revendiquant des droits sur les fonds ou autres biens, peut lever la décision de gel ou de saisie.
(5) Urukiko rubifitiye ububasha rushobora gufata icyemezo gikuraho ihagarika cyangwa ifatira.	(5) The competent court may issue a lifting order of freezing or seizure.	(5) Le tribunal compétent peut rendre une ordonnance de levée de gel ou de saisie.
<u>Ingingo ya 5</u>: Igihe ihagarika cyangwa ifatira rikozwe n'Urwego rimara	**<u>Article 5</u>: Duration of freezing or seizure by the Centre**	**<u>Article 5</u> : Durée du gel ou de la saisie fait par le Centre**
(1) Urwego rushobora gufata icyemezo	(1) The Centre may decide to freeze or seize	(1) Le Centre peut décider de geler ou de

cyo guhagarika cyangwa gufatira amafaranga cyangwa undi mutungo cyangwa igikorwa cy'ubucuruzi mu gihe kitarenze iminsi itatu y'akazi bitewe n'uburemere bifite cyangwa ubwihutirwe bwo kubigenzura kandi rugahita rumenyesha ushinzwe gutanga amakuru icyemezo cyafashwe.	funds or other assets or transaction for a period of not more than three working days depending on their gravity and the urgency to verify it and immediately communicate to the reporting person the decision taken.	saisir les fonds ou autres biens ou l'opération pour une période ne dépassant pas trois jours ouvrables en fonction de leur gravité et de l'urgence à la vérifier et communiquer immédiatement à la personne déclarante la décision prise.
(2) Iyo mu gihe kivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo impamvu zashingiweho kugira ngo habeho ihagarika cyangwa ifatira zifite ishingiro, Urwego rushyikiriza dosiye urwego rushinzwe ubugenzacyaha. Iyo impamvu zidafite ishingiro, icyemezo cyo guhagarika cyangwa gufatira gikurwaho umwanzuro ufashwe ukamenyeshwa ushinzwe gutanga amakuru.	(2) If during the period referred to in Paragraph (1) of this Article reasons for the basis of presumption of money laundering, terrorist financing and financing of proliferation of weapons of mass destructions are founded, the Centre refers the case to the authority in charge of investigation. In case of no founded reasons, the freezing or seizure decision is lifted and the reporting person is informed accordingly.	(2) Si pendant le délai invoqué au paragraphe (1) du présent article les raisons permettant de présumer l'existence d'un blanchiment de capitaux, d'un financement du terrorisme ou d'un financement de la prolifération des armes de destruction massive sont fondées, le Centre transmet le cas à l'autorité chargée de l'enquête. En l'absence de motifs fondés, la décision de gel ou de saisie est levée et la personne déclarante en est informée.
<u>Ingingo ya 6</u>: Ubutasi ku mari	**<u>Article 6</u>: Financial intelligence**	**<u>Article 6 </u>: Renseignement financier**
Ubutasi ku mari bukorwa n'Urwego hagamijwe gukumira no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi.	Financial intelligence is carried out by the Centre for the purpose of preventing and countering money laundering, terrorist financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction.	Le renseignement financier est effectué par le Centre dans le but de prévenir et de combattre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive.

UMUTWE WA II: INGAMBA ZIKUMIRA	**CHAPTER II: PREVENTIVE MEASURES**	**CHAPITRE II : MESURES PRÉVENTIVES**
Ingingo ya 7: Abashinzwe gutanga amakuru	**Article 7: Reporting persons**	**Article 7 : Personnes déclarantes**
(1) Muri iri tegeko, abashinzwe gutanga amakuru barimo –	(1) In this Law, the reporting persons include –	(1) Dans la présente loi, les personnes déclarantes comprennent –
(a) ikigo cy'imari;	(a) a financial institution;	(a) une institution financière ;
(b) umwavoka, umunoteri n'abandi bakora umwuga ushingiye ku mategeko bigenga, iyo bahagarariye cyangwa bafasha umukiriya hanze y'urukiko, by'umwihariko mu rwego rw'ibikorwa bikurikira:	(b) an advocate, a notary and other independent legal professionals when they represent or assist a client outside of a legal proceeding; in particular, within the framework of the following activities:	(b) un avocat, un notaire et d'autres membres de professions juridiques indépendantes, lorsqu'ils représentent ou assistent un client en dehors de toute procédure judiciaire, notamment dans le cadre des activités suivantes:
(i) kugura no kugurisha umutungo utimukanwa;	(i) buying and selling of real estate;	(i) achat et vente de biens immobiliers ;
(ii) gucunga amafaranga, inyandiko z'agaciro cyangwa undi mutungo by'umukiriya;	(ii) managing of client money, securities or other assets;	(ii) gestion d'argent, de titres ou d'autres biens du client ;
(iii) gucunga konti zo kubitsa no kubikurizaho, konti yo kuzigama cyangwa konti y'inyandiko y'agaciro;	(iii) managing bank current, savings or securities accounts;	(iii) gestion de comptes bancaires courants, d'épargne ou de titres ;

(iv) gushyira hamwe imigabane yo gushinga isosiyete y'ubucuruzi, gutunganya ibikorwa cyangwa imicungire byayo;	(iv) organisation of shares for the creation, operation or management of companies;	(iv) organisation d'actions pour la création, l'exploitation ou la gestion sociétés commerciales ;
(v) gushinga, gucunga cyangwa kuyobora ikigo gifite ubuzima gatozi cyangwa ubwumvikane bushingiye ku masezerano, kimwe no kugura no kugurisha ikigo cy'ubucuruzi;	(v) creation, operation or management of legal persons or arrangements, and buying and selling of business entities;	(v) création, opération ou gestion de personnes morales ou de constructions juridiques, et achat et vente d'entités commerciales ;
(c) umugenzuzi w'imari, umubaruramari n'umujyanama mu by'imisoro;	(c) an auditor, accountant and tax advisor;	(c) un auditeur, comptable et conseiller en matière fiscale ;
(d) umuntu uhuza umuguzi n'ugurisha mu mirimo yerekeranye n'imitungo itimukanwa;	(d) a real estate agent;	(d) un agent immobilier ;
(e) umucuruzi w'ibyuma n'uw'amabuye by'agaciro;	(e) dealer in precious metals and in precious stones;	(e) négociant en métaux précieux et en pierres précieuses ;
(f) umuntu ku giti cye, ikigo cyangwa isosiyete y'ubucuruzi ikwirakwiza amafaranga;	(f) natural person, institution or company involved in the business of distributing money;	(f) personne physique, institution ou société commerciale dont l'activité consiste à distribuer de l'argent;

(g) ikazino n'ibigo bikoresha tombola zikorera imbere mu gihugu;	(g) casinos and national lotteries gaming halls;	(g) les salles de jeux des casinos et des loteries nationales ;
(h) umuntu utanga serivisi ku bwizerane cyangwa ku isosiyete y'ubucuruzi.	(h) trust or company service provider.	(h) prestataire de services à la fiducie et à la société commerciale.
(2) Iteka rya Minisitiri rishobora kugena abandi bashinzwe gutanga amakuru.	(2) an Order of the Minister may determine other reporting persons.	(2) un Arrêté du Ministre peut déterminer d'autres personnes déclarantes.
Ingingo ya 8: Inshingano z'abashinzwe gutanga amakuru	**Article 8: Obligations of reporting persons**	**Article 8 : Obligations des personnes déclarantes**
Ushinzwe gutanga amakuru agomba –	A reporting person must:	Une personne déclarante doit :
(a) kwiyandikisha hakurikijwe ibiteganywa n'amabwiriza y'Urwego;	(a) register in accordance with the regulation of the Centre;	(a) se faire enregistrer conformément au règlement du Centre ;
(b) gukora isuzuma ry'ingorane agaragaza, asuzuma kandi asobanukirwa n'ingorane zo mu rwego rw'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gukwirakwiza intwaro za kirimbuzi zifitanye isano n'abakiriya, ibihugu cyangwa uturere runaka n'ibicuruzwa, serivisi, ibikorwa by'ubucuruzi n'imiyoboro binyuzwamo. Muri urwo rwego,	(b) undertake risk assessment by identifying, assessing and understanding their money laundering, terrorist financing and proliferation of weapons of mass destruction risks related to customers, countries or geographic areas and products, services, transactions and delivery channels. In this regard, a reporting person must –	(b) entreprendre une évaluation des risques en identifiant, évaluant et comprenant leurs risques de blanchiment de capitaux et de financement du terrorisme et de prolifération d'armes de destruction massive, risques liés aux clients, pays ou zones géographiques ; et aux produits, services, opérations et canaux de distribution. À cet égard, une personne déclarante doit –

ushinzwe gutanga amakuru agomba–		
(i) gukora isuzuma ry'ingorane rijyanye n'imiterere n'ingano y'ibikorwa by'ushinzwe gutanga amakuru no kugaragaza muri iryo suzuma ingorane zikomeye zagaragajwe n'isuzuma ry'ingorane ku rwego rw'Igihugu kandi hitawe ku mabwiriza yatanzwe n'urwego rugenzura;	(i) undertake the risk assessment that is proportionate to the nature and size of the reporting person's business and highlight in such assessment higher risks that were identified during the risk assessment carried out at national level while taking into account the regulatory guidance issued;	(i) procéder à une évaluation des risques en fonction de la nature et de l'ampleur de l'activité de la personne déclarante et indiquer tout risque élevé identifié lors de l'évaluation des risques effectuée au niveau national tout en tenant compte de toute directive réglementaire émise ;
(ii) gushyira mu nyandiko isuzuma ry'ingorane ryakozwe;	(ii) document its risk assessment;	(ii) documenter son évaluation des risques ;
(iii) guhuza isuzuma n'igihe;	(iii)keep this assessment up to date;	(iii)tenir à jour cette évaluation ;
(iv) kugira uburyo bukwiye bwo guha inzego z'ubugenzuzi amakuru ajyanye n'isuzuma ry'ingorane;	(iv)have appropriate mechanisms to provide risk assessment information to supervisory authorities;	(iv)disposer de mécanismes appropriés pour fournir aux autorités de surveillance des informations sur l'évaluation des risques ;
(c) kohereza ako kanya, hakurikijwe ibiteganywa n'amabwiriza y'Urwego amakuru ayo ari yo yose ajyanye n'umuntu washyizwe ku rutonde;	(c) to transmit forthwith, in accordance with the provisions of the regulation of the Centre any information related to a designated person;	(c) transmettre immédiatement, conformément aux dispositions du règlement du Centre toute information relative à une personne désignée ;
(d) kwita ku mpamvu zose zatera	(d) consider all the relevant risk factors	(d) tenir compte de tous les facteurs de

ingorane mbere yo kugena ikigero cyazo;	before determining what is the level of overall risk;	risque pertinents avant de déterminer le niveau de risque ;
(e) gushyiraho no gukomeza gukurikirana gahunda zo kugabanya ingorane zijyanye no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, zirimo –	(e) develop and maintain programmes to mitigate risks for countering money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction, including –	(e) élaborer et maintenir le suivi des programmes visant à atténuer les risques en matière de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive, y compris –
(i) politiki, ubugenzuzi n'uburyo bwemejwe n'ubuyobozi bukuru bumufasha gucunga no kugabanya ingorane zagaragaye;	(i) policies, controls and procedures approved by senior management, to enable a reporting person to manage and mitigate the risks that have been identified;	(i) politiques, contrôles et procédures approuvées par la direction générale, pour lui permettre de gérer et d'atténuer les risques qui ont été identifiés ;
(ii) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ubwo bugenzuzi no kubunoza igihe ari ngombwa;	(ii) monitoring the implementation of those controls and to enhance them if necessary;	(ii) faire le suivi de la mise en œuvre de ces contrôles et les renforcer si nécessaire ;
(iii) gufata ingamba zikomeye zigamije gucunga no kugabanya ingorane igihe hagaragaye ingorane zikomeye ku bigo, ku nzego ndetse no ku rwego rw'igihugu;	(iii) taking enhanced measures to manage and mitigate the risks if higher risks have been identified at institutional, sectorial and national levels;	(iii) prendre des mesures renforcées pour gérer et atténuer les risques si des risques élevés ont été identifiés et aux niveaux institutionnel, sectoriel et national ;
(iv) gufata ingamba zoroheje zigamije gucunga no kugabanya	(iv) taking simplified measures to manage and mitigate risks, if	(iv) prendre des mesures simplifiées pour gérer et atténuer les risques, si

ingorane, igihe hagaragaye ingorane zoroshye;	lower risks have been identified;	des risques moins élevés ont été identifiés ;
(v) gushyiraho indi politiki urwego rugenzura rwabona ko ari ngombwa;	(v) putting in place any other policy that the supervisory authority may consider necessary;	(v) mettre en place toute autre politique que l'autorité de contrôle peut juger nécessaire ;
(f) gusuzuma ingorane zishingiye ku bakiriya batakiriwe imbonankubone no kuri serivisi zidatanzwe imbonankubone.	(f) assess the risks of non-face-to-face customer and product.	(f) évaluer les risques liés aux clients et aux produits sans présence physique.
Ingingo ya 9: Kutubahiriza kugira ibanga	**Article 9: Non-compliance with secrecy**	**Article 9 : Non-respect de secret**
(1) Hatitawe ku nshingano zijyanye n'ibanga ry'akazi cyangwa ibibujijwe ku byerekeranye no gutangaza amakuru bigenwa n'itegeko cyangwa bikorwa hakurikijwe amasezerano, ushinzwe gutanga amakuru agomba kubahiriza ubusabe bwo guha amakuru urwego rubifitiye ububasha cyangwa kumenyesha amakuru undi muntu ushinzwe gutanga amakuru cyangwa umunyamuryango w'itsinda ry'ibigo by'imari igihe bibaye ngombwa.	(1) Without consideration of an obligation of professional secrecy or restrictions on divulging information imposed by a law or under contractual agreement, a reporting person must comply with a request to provide information to a competent authority or share information with another reporting person or a member of the same financial group where this is required.	(1) Sans considération d'une obligation de secret professionnel ou des restrictions à la divulgation d'informations imposée par une loi ou par un accord contractuel, une personne déclarante doit se conformer à une demande de fournir des informations à une autorité compétente ou de partager des informations avec une autre personne déclarante ou un membre du même groupe financier lorsque cela est requis.
(2) Amakuru avugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo atangwa ku mpamvu zikurikira:	(2) The information referred to in Paragraph (1) of this Article is provided for the following purposes:	(2) Les informations visées au paragraphe (1) du présent article sont fournies pour les motifs suivants :

(a) kubahiriza ibitegenywa n'iri tegeko cyangwa irindi tegeko iryo ari ryo ryose hagamijwe gukumira no guhana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(a) to comply with a requirement under this Law or any other law for preventing and punishing money laundering, terrorist financing and proliferation of weapons of mass destruction;	(a) se conformer à une exigence de la présente loi ou de toute autre loi en vue de la prévention et de la répression du blanchiment des capitaux, du financement du terrorisme et de la prolifération d'armes de destruction massive ;
(b) gufasha urwego rugenzura cyangwa urundi rwego rubifitiye ububasha kuzuza inshingano zarwo;	(b) to enable a supervisory authority or other competent authority to carry out its functions;	(b) permettre à une autorité de contrôle ou à une autre autorité compétente d'exercer ses fonctions ;
(c) gukumira no gutahura icyaha;	(c) to prevent and detect an offence;	(c) prévenir et détecter une infraction ;
(d) kuzuza inshingano zo ku rwego mpuzamahanga u Rwanda rwiyemeje.	(d) to discharge an international obligation to which Rwanda is subject.	(d) exécuter une obligation internationale à laquelle le Rwanda est soumis.
(3) Ushinzwe gutanga amakuru, ugize inama y'ubuyobozi, umuyobozi mukuru cyangwa undi mukozi b'ushinzwe gutanga amakuru ntibaryozwa ibijyanye no kumena ibanga cyangwa kutubahiriza ingingo zerekeranye no kugira ibanga zo mu itegeko cyangwa amasezerano igihe yuzuza inshingano ziteganywa n'iri tegeko.	(3) A reporting person, a member of the board of directors, senior manager or other employee of a reporting person are not liable for a breach of a secrecy or confidentiality provisions in any law or contract where they are fulfilling an obligation under this Law.	(3) une personne déclarante, son conseil d'administration, son cadre supérieur ou tout autre employé ne sont pas responsables d'une violation des dispositions relatives au secret ou à la confidentialité de toute loi ou contrat lorsqu'ils remplissent une obligation en vertu de la présente loi.

<u>Ingingo ya 10</u>: Kubuza konti itagira izina cyangwa izina ry'irihimbano	**<u>Article 10</u>: Prohibition of anonymous account or account in fictitious name**	**<u>Article 10</u> : Interdiction d'un compte anonyme ou d'un compte sous un nom fictif**
Ushinzwe gutanga amakuru abujijwe gufungura cyangwa gucunga konti itagira izina n'umwirondoro nyakuri cyangwa konti iri mu izina ry'irihimbano.	A reporting person is prohibited from keeping an anonymous account or an account in fictitious name.	Il est interdit à la personne déclarante de tenir un compte anonyme ou d'un compte sous un nom fictif.
<u>Ingingo ya 11</u>: Ibihe byo gukoresha ubushishozi ku mukiriya	**<u>Article 11</u>: Circumstances for undertaking customer due diligence**	**<u>Article 11</u> : Cas où le devoir de vigilance relatif à la clientèle est exercé**
(1) Ushinzwe gutanga amakuru agomba gukoresha ubushishozi ku mukiriya–	(1) A reporting person must undertake customer due diligence when –	(1) Une personne déclarante doit exercer le devoir de vigilance relatif à la clientèle lorsque –
(a) iyo bagiye kugirana imikoranire yo mu rwego rw'ubucuruzi;	(a) establishing a business relationship;	(a) Elles établissent des relations d'affaires ;
(d) kumenya niba cyarigeze gukorwaho iperereza cyangwa gufatirwa ibihano bishingiye ku bugenzuzi biturutse ku bikorwa by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(d) determine whether it has been subject to money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction investigation or regulatory action;	(d) savoir si le correspondant a fait l'objet d'une enquête ou de mesures de la part d'une autorité de contrôle en matière de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive;
(e) gusesengura uburyo bukoreshwa n'ikigo bigiye kugirana imikoranire mu	(e) assess the anti-money laundering, countering terrorist financing or the financing of	(e) évaluer les contrôles mis en place par le correspondant en matière de lutte contre le

kugenzura ibikorwa byo gukumira iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakiza ry'intwaro za kirimbuzi;	proliferation of weapons of mass destruction controls of the respondent institution;	blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive ;
(f) guhabwa uburenganzira n'ubuyobozi bukuru bwacyo mbere yo kugirana imikoranire mishya mu gutanga serivisi za banki;	(f) obtain approval from senior management before establishing new correspondent banking relationships; and	(f) obtenir l'autorisation de la direction supérieure avant d'établir de nouvelles relations de correspondance bancaire ; et
(g) no kumenya neza inshingano z'ikigo bigiye kugirana imikoranire ku byerekeranye no gukumira iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi.	(g) understand the anti-money laundering, countering terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction responsibilities of respondent institution.	(g) comprendre les responsabilités du correspondant en matière de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive.
(2) Ku byerekeranye na konti inyuzwaho amafaranga yo kwishyurana, ikigo cy'imari kigomba kumenya niba ikigo cy'imari cyasabye kugirana imikoranire:	(2) In relation to a payable-through account, a financial institution must ensure that the respondent institution:	(2) En ce qui concerne les comptes de passage, l'institution financière doit avoir l'assurance que le correspondant:
(a) cyarakoresheje ubushishozi ku mukiriya ku byerekeranye n'abakiriya bacyo bashobora	(a) has conducted customer due diligence on its customers that have direct access to the account	(a) a appliqué des mesures de vigilance à ses clients ayant un accès direct aux comptes de la

kugera mu buryo butaziguye kuri konti y'ikigo cy'imari cyasabwe kugirana imikoranire;	of the correspondent bank;	banque correspondante;
(b) cyarashyize mu bikorwa uburyo bukoreshwa mu gukurikirana abakiriya bacyo mu buryo buhoraho;	(b) has implemented mechanisms for ongoing monitoring with respect to its customers;	(b) a mis en œuvre des mécanismes de surveillance continue à l'égard de ses clients ;
(c) gishobora gutanga amakuru akwiye ku byerekeranye n'ubushishozi ku mukiriya kibisabwe n'ikigo cy'imari cyasabwe kugirana imikoranire;	(c) is able to provide relevant customer due diligence information upon request to the correspondent bank;	(c) est en mesure de fournir les informations pertinentes sur les mesures de vigilance relatives à la clientèle, sur demande de la banque correspondante ;
(d) cyaritaye ku kureba niba nyir'umutungo nyawe yaramenyekanye uko bikwiye mu gihe bireba ubwizerane cyangwa ubwumvikane bushingiye ku masezerano.	(d) has ensured that the beneficial owner has been appropriately identified in case of trusts or legal arrangements.	(d) s'est assurée que le bénéficiaire effectif a été identifié d'une manière appropriée dans le cas de fiducies ou de constructions juridiques.
(3) Ikigo cy'imari nticyemerewe gutangira imikoranire cyangwa gukomeza kugirana imikoranire yo mu rwego rw'amabanki n'amabanki ya baringa kandi kigomba kumenya neza ko ikigo cy'imari cyasabye kugirana imikoranire kitemera ko	(3) A financial institution is prohibited from entering into, or continuing, correspondent banking relationships with shell banks, and must satisfy itself that respondent financial institution does not permit its accounts to be used by shell banks.	(3) Il est interdit à l'institution financière d'établir ou de poursuivre une relation de correspondance bancaire avec des banques fictives et doit s'assurer que le correspondant n'autorise pas des banques fictives à utiliser ses

konti zacyo zikoreshwa na banki za baringa.		comptes.
Ingingo ya 23: Serivisi z'iherererekanya ry'amafaranga cyangwa undi mutungo w'agaciro	**Article 23: Money or value transfer services**	**Article 23: Services de transfert de fonds ou autres biens de valeurs**
(1) Mu rwego rwo kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, ushinzwe gutanga amakuru utanga serivisi zijyanye n'iherererekanya ry'amafaranga cyangwa undi mutungo w'agaciro cyangwa intumwa ye agomba kwiyandikisha cyangwa guhabwa uruhushya hakurikijwe amategeko abigenga.	(1) Within the context of the fight against money laundering, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction, a reporting person that provides money or value transfer services or his or her agent is required to be registered or licensed in accordance with relevant laws.	(1) Dans le cadre de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive, une personne déclarante qui fournit des services de transfert de fonds ou de valeurs ou son agent doit être enregistré ou agréé conformément à la législation en la matière.
(2) Amabwiriza y'urwego rufite mu nshingano kugenga serivisi z'iherererekanya ry'amafaranga cyangwa undi mutungo w'agaciro agena uburyo n'ibisabwa k'utanga izo serivisi.	(2) A regulation of the authority in charge of money or value transfer services determines modalities and requirements for a provider of such services.	(2) Un règlement de l'autorité ayant les services de transfert de fonds ou de valeurs dans ses attributions détermine les modalités et les conditions requises pour le prestataire de ces services.
Ingingo ya 24: Ikoranabuhanga rishya	**Article 24: New technologies**	**Article 24 : Nouvelles technologies**
(1) Ushinzwe gutanga amakuru agomba kumenya no gusuzuma ingorane zijyanye n'iyezandonke, gutera	(1) A reporting person must identify and assess the money laundering, terrorist financing or financing of	(1) Une personne déclarante doit identifier et évaluer les risques de blanchiment de capitaux, de

inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi zishobora guterwa n'itunganywa ry'ibicuruzwa bishya n'imikorere mishya yo mu rwego rw'ubucuruzi irimo n'uburyo bwo gutanga ibyo bicuruzwa n'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga rishya ku bicuruzwa bishya n'ibyari bisanzweho.	proliferation of weapons of mass destruction risks that may arise in relation to the development of new products and new business practices, including new delivery mechanisms, and the use of new technologies for both new and pre-existing products.	financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive pouvant résulter du développement de nouveaux produits et de nouvelles pratiques commerciales, y compris les nouveaux mécanismes de distribution et l'utilisation de technologies nouvelles en lien avec de nouveaux produits ou les produits préexistants.
(2) Ushinzwe gutanga amakuru agomba:	(2) A reporting person must:	(2) Une personne déclarante doit:
(a) gukora isesengura ry'ingorane mbere yo gushyira ku isoko cyangwa gukoresha ibyo bicuruzwa, imigenzereze n'ikoranabuhanga;	(a) undertake the risk assessments prior to the launch or use of such products, practices and technologies; and	(a) évaluer les risques avant le lancement ou l'utilisation de ces produits, pratiques et technologies; et
(b) no gufata ingamba zikwiye zo guhangana no kugabanya izo ngorane.	(b) take appropriate measures to manage and mitigate the risks.	(b) prendre des mesures appropriées pour gérer et atténuer ces risques.
<u>Ingingo ya 25</u>: Ihererekanya ry'amafaranga hakoreshejwe ikoranabuhanga	**<u>Article 25</u>: Wire transfers**	**<u>Article 25</u> : Virements électroniques**
(1) Ushinzwe gutanga amakuru agomba kureba niba ihererekanya ry'amafaranga imbere mu gihugu	(1) A reporting person must ensure that domestic or cross-border wire transfers equal to or above the	(1) Une personne déclarante doit s'assurer que les virements électroniques internes

cyangwa hanze yacyo hakoreshejwe ikoranabuhanga angana cyangwa ari hejuru y'ikigero cyagenwe ryujuje ibisabwa.	threshold set by the Centre fulfil the requirements.	transfrontaliers égaux ou supérieurs au seuil fixé par le Centre remplissent les conditions requises.
(2) Amabwiriza y'Urwego agena ikigero n'ibisabwa bijyanye n'ihererekanya ry'amafaranga hakoreshejwe ikoranabuhanga.	(2) A regulation of the Centre determines the threshold and requirements relating to wire transfers.	(2) Un règlement du Centre détermine le seuil et les conditions requises en rapport avec les virements électroniques.
Ingingo ya 26: Kwifashisha undi muntu	**Article 26: Reliance on a third party**	**Article 26 : Recours à un tiers**
(1) Ushinzwe gutanga amakuru ashobora kwifashisha undi muntu mu gushyira mu bikorwa ingamba z'ubushishozi ku mukiriya nk'uko biteganywa mu ngingo ya 12(1)(a), (c) na (d) y'iri tegeko cyangwa gutangiza imikoranire hitawe kuri ibi bikurikira:	(1) A reporting person may rely on a third party to perform customer due diligence measures as provided for by Article 12(1)(a), (c) and (d) of this Law or to introduce business, subject to the following:	(1) Une personne déclarante peut recourir à un tiers pour s'acquitter des mesures de vigilance relatives à la clientèle prévues par l'article 12(1)(a), (c) et (d) de la présente loi ou pour jouer le rôle d'apporteur d'affaires, sous réserve de ce qui suit:
(a) nta gukeka ibikorwa by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(a) there is no suspicion of money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction;	(a) il n'existe aucun soupçon de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive ;
(b) ushinzwe gutanga amakuru agomba guhita abona amakuru ya ngombwa akenewe ajyanye no gukoresha ubushishozi ku	(b) a reporting person must immediately obtain the necessary information concerning customer due	(b) une personne déclarante doit obtenir immédiatement les informations nécessaires d'un tiers y compris l'identité de

mukiriya n'uwa nyir'umutungo nyawe afitwe n'undi muntu;	diligence measures from the third party including the identity of each customer and beneficial owner;	chaque client et bénéficiaire effectif en rapport avec les mesures de vigilance relatives à la clientèle ;
(c) ushinzwe gutanga amakuru agomba gufata ingamba zikwiye zimufasha kumenya neza ko undi muntu –	(c) a reporting person must take adequate steps to satisfy itself that the third party –	(c) une personne déclarante doit prendre des mesures adéquates pour s'assurer que le tiers –
(i) atanga bidatinze kopi z'amakuru y'umwirondoro n'izindi nyandiko za ngombwa zijyanye n'ibisabwa mu rwego rw'ubushishozi ku mukiriya abisabwe;	(i) provides copies of identification data and other relevant documentation relating to customer due diligence requirements upon request without delay;	(i) fournit, sur demande et sans délai, les copies des données d'identification et autres documents pertinents liés au devoir de vigilance relatif à clientèle ;
(ii) akorera mu gihugu gifite ibisabwa mu rwego rw'ubushishozi ku mukiriya bimeze kimwe n'ibiteganywa n'iri tegeko cyangwa akurikiza itegeko ry'igihugu riteganya ibisabwa bimeze kimwe n'ibiteganywa n'iri tegeko;	(ii) is established in a State or is subject to the jurisdiction of a State with customer due diligence requirements equivalent to those specified in this Law;	(ii) est établi dans un État ou il est soumis à la juridiction d'un État ayant des mesures de vigilance relatives à la clientèle équivalentes à celles spécifiées par la présente loi ;
(iii) agengwa n'amabwiriza, agenzurwa cyangwa akurikiranwa ko yubahiriza ibisabwa mu rwego rw'ubushishozi ku mukiriya no kubika inyandiko kandi yarashyizeho ingamba zigamije kubahiriza ibi bisabwa.	(iii) is regulated, and supervised or monitored for, and has measures in place for compliance with, customer due diligence and record-keeping requirements.	(iii) est soumis à une réglementation et fait l'objet d'un contrôle ou d'une surveillance, et qu'il a pris des mesures visant à respecter l'obligation de vigilance relative à la clientèle et aux

		obligations de conservation des documents.
(2) Ku ushinzwe gutanga amakuru wifashisha undi muntu bari mu itsinda ry'ibigo by'imari rimwe, inzego zibifitiye ububasha zishobora gufata ko ibisabwa bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo byubahirizwa mu bihe bikurikira:	(2) For a reporting person relying on a third party that is part of the same financial group, competent authorities may consider that the requirements under Paragraphs (1) of this Article are met in the following circumstances:	(2) Lorsqu'une personne déclarante a recours à un tiers faisant partie du même groupe financier, les autorités compétentes peuvent considérer que les obligations du paragraphe (1) du présent article sont satisfaites dans les circonstances suivantes :
(a) itsinda ry'ibigo by'imari rikoresha ibisabwa mu rwego rw'ubushishozi ku mukiriya no kubika inyandiko, na gahunda zo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi hakurikijwe ibisabwa;	(a) the financial group applies customer due diligence and record-keeping requirements, and programmes against money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction in accordance with the requirements;	(a) le groupe financier applique des mesures de vigilance relatives à la clientèle et des obligations de conservation des documents et des programmes de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive conformes aux exigences ;
(b) ishyirwa mu bikorwa ry'ibisabwa mu rwego rw'ubushishozi ku mukiriya no kubika inyandiko na gahunda zo kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza	(b) the implementation of the customer due diligence and record-keeping requirements and programmes against money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction is supervised at the financial group	(b) la mise en œuvre des mesures de vigilance relatives à la clientèle, des obligations de conservation des documents et des programmes de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération

ry'intwaro za kirimbuzi rigenzurirwa ku rwego rw'itsinda ry'ibigo by'imari n'urwego rubifitiye ububasha;	level by a competent authority;	des armes de destruction massive est contrôlée au niveau du groupe financier par une autorité compétente ;
(c) ingorane zo mu rwego rwo hejuru mu gihugu zigabanywa mu buryo bukwiye na politiki z'itsinda zo kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi.	(c) a higher jurisdiction risk is adequately mitigated by the group's policies of anti-money laundering, countering terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction.	(c) un risque lié à un pays à risque plus élevé est atténué de manière satisfaisante par les politiques de lutte contre le blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive.
(3) Kwifashisha undi muntu ntibikuraho ushinzwe gutanga amakuru inshingano yo gukoresha ingamba z'ubushishozi ku mukiriya.	(3) Reliance on a third party does not relieve a reporting person from the obligation to apply customer due diligence measures.	(3) Le recours à un tiers ne dispense pas la personne déclarante de son obligation d'appliquer les mesures de vigilance relatives à la clientèle.
Ingingo ya 27: Ubugenzuzi bw'imbere	**Article 27: Internal controls**	**Article 27 : Contrôles internes**
Ushinzwe gutanga amakuru agomba gushyira mu bikorwa gahunda z'ubugenzuzi bw'imbere hagamijwe kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi zijyanye n'ingorane zagaragaye n'imiterere n'ingano by'ubu vcuruzi. Izo gahunda harimo izi zikurikira:	A reporting person must implement internal control programmes for the fight against money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction, with regard to the risks identified and the nature and size of the business. Such programmes include the following:	La personne déclarante doit mettre en œuvre des programmes de contrôle interne de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive, qui prennent en compte les risques identifiés et la nature et la dimension de l'activité commerciale. Ces programmes incluent les suivants :

(a) gushyiraho politiki n'uburyo bw'imikorere by'ubugenzuzi bw'imbere harimo:	(a) put in place policies and procedures of internal controls, including:	(a) mettre en place les politiques et les procédures des contrôles internes, y compris:
(i) uburyo bwo gucunga iyubahirizwa ry'ibisabwa n'iri tegeko, harimo gushyiraho umukozi ushinzwe iyubahirizwa ry'ibisabwa ku rwego rw'ubuyobozi;	(i) management arrangements for the compliance with the provisions of this Law, including the appointment of a compliance officer at the management level;	(i) des dispositifs de contrôle de la conformité avec les dispositions de la présente loi, y compris la désignation d'un responsable de la conformité au niveau de la direction ;
(ii) uburyo bwo gutoranya abakozi hagamijwe gushyiraho abakozi bujuje ibisabwa.	(ii) screening procedures to ensure high standards when hiring employees;	(ii) des procédures de sélection garantissant le recrutement des employés selon des critères exigeants ;
(b) gahunda y'amahugurwa y'abakozi ihoraho;	(b) an ongoing employee training programme;	(b) un programme de formation continue des employés ;
(c) ubugenzuzi bwigenga bwo gusuzuma uburyo bw'imikorere.	(c) an independent audit to test the system.	(c) une fonction d'audit indépendante pour tester le système.
Ingingo ya 28: Ubugenzuzi bw'imbere mu matsinda y'ibigo by'imari, amashami n'ibigo bishamikiye ku bigo byo hanze y'igihugu	**Article 28: Internal controls in financial groups, foreign branches and subsidiaries**	**Article 28 : Contrôles internes dans des groupes financiers, succursales et filiales à l'étranger**
(1) Ushinzwe gutanga amakuru agomba gushyira mu bikorwa gahunda z'ubugenzuzi bw'imbere hagamijwe kurwanya iyezandonke, kurwanya	(1) A reporting person must implement group-wide internal control programmes for the fight against money laundering, terrorist	(1) une personne déclarante doit mettre en œuvre des programmes de contrôles internes de lutte contre le blanchiment de capitaux, le

gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi ku rwego rw'itsinda ry'ibigo by'imari zigomba gukoreshwa ku mashami yose no ku bigo bishamikiye ku itsinda ry'ibigo by'imari. Izi gahunda zigomba kuba zirimo ingamba zivugwa mu ngingo ya 27 y'iri tegeko kimwe n'izi zikurikira:	financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction which must be applicable to all branches and majority-owned subsidiaries of the financial group. These programmes must include the measures set out in Article 27 of this Law as well as the following:	financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive au niveau du groupe financier qui doivent s'appliquer à toutes les succursales et filiales du groupe financier. Ces programmes doivent comprendre les mesures visées à l'article 27 de la présente loi ainsi que ce qui suit:
(a) politiki n'uburyo bukurikizwa mu guhanahana amakuru asabwa ku mpamvu z'ubushishozi ku mukiriya n'iz'imicungire y'ingorane zishingiye ku iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(a) policies and procedures for sharing information required for the purposes of customer due diligence and money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction risk management;	(a) les politiques et procédures de partage d'informations requises au sein du groupe aux fins du devoir de vigilance relatif à la clientèle et de la gestion du risque de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive ;
(b) ingamba zigamije gutuma abakozi bashinzwe iyubahirizwa, ubugenzuzi no kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi ku rwego rw'itsinda bagira ububasha bwo gusaba no	(b) measures for ensuring that group level compliance, audit and anti-money laundering, countering terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction functions have the power to request and obtain customer, account and transaction information from branches and	(b) les mesures visant à garantir que les fonctions de conformité, d'audit et de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive au niveau du groupe sont habilitées à demander et à obtenir des informations sur les clients, les

guhabwa n'amashami n'ibigo bishamikiye ku itsinda ry'imari amakuru yerekeranye n'umukiriya, konti ndetse n'ibikorwa by'ubucuruzi;	subsidiaries;	comptes et les opérations auprès des succursales et des filiales ;
(c) ingamba zijyanye no kugira ibanga no gukoresha amakuru asangiwe no kwirinda ko hari uwagira amakenga;	(c) measures for safeguarding the confidentiality and use of the shared information as well as preventing tipping-off;	(c) les mesures visant à préserver la confidentialité et l'utilisation des informations échangées, ainsi qu'à prévenir la divulgation;
(2) Ushinzwe gutanga amakuru agomba gukora ku buryo amashami ye n'ibigo afitemo imigabane myinshi bimushamikiyeho byo hanze bishyira mu bikorwa gahunda z'ubugenzuzi bw'imbere hagamijwe kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi zihuye n'ibisabwa mu gihugu cye, igihe hari ibisabwa by'ibanze biri ku kigero cyoroheje ugereranyije n'ibyo amategeko yo mu gihugu cye yemera.	(2) A reporting person must ensure that its foreign branches and majority-owned subsidiaries apply internal control programmes for the fight against money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction that are consistent with the home country requirements, where the minimum requirements of the host country are less strict than those of the home country, to the extent that host country laws and regulations permit.	(2) La personne déclarante doit s'assurer que ses succursales étrangères et ses filiales à participation majoritaire appliquent des programmes de contrôles internes de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive conformes aux exigences du pays d'origine, lorsque les exigences minimales du pays d'accueil sont moins strictes que celles du pays d'origine, dans la mesure où les lois et règlements du pays d'accueil le permettent.
(3) Iyo igihugu cyakiriye amashami	(3) If the host country of branches and	(3) Si le pays d'accueil des succursales

n'ibigo bishamikiye ku matsinda y'ibigo by'imari kitemera ishyirwa mu bikorwa mu buryo bukwiye ry'ingamba z'ubugenzuzi bw'imbere hagamijwe kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi zihuye n'ibisabwa mu gihugu ayo matsinda y'ibigo by'imari akoreramo, ayo matsinda y'ibigo by'imari agomba gufata ingamba z'inyongera zikwiye zo gucunga ingorane zijyanye n'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi no kubimenyesha abagenzuzi bo mu gihugu bakomokamo.	subsidiaries does not permit the proper implementation of internal control programmes for the fight against money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction that are consistent with the home country requirements, financial groups must apply appropriate additional measures to manage the money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction risks and inform their home supervisors.	et filiales ne permet pas la mise en œuvre adéquate de programmes de contrôles internes de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive conformes aux exigences du pays d'origine, les groupes financiers doivent appliquer des mesures supplémentaires appropriées pour gérer les risques de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive et d'en informer les autorités de contrôle du pays d'origine.
(4) Ibisabwa bivugwa muri iyi ngingo ni nabyo byubahirizwa n'ushinzwe gutanga amakuru utari ikigo cy'imari ufite imiterere nk'iy'itsinda ry'ibigo by'imari.	(4) The requirements referred to in this Article are also applicable to a reporting person who is not a financial institution but has the structure of a financial group.	(4) Les exigences visées au présent article s'appliquent également à une personne déclarante qui n'est pas une institution financière mais qui a la structure d'un groupe financier.
<u>Ingingo ya 29</u>: Ibihugu bigaragaramo ingorane zikomeye	**<u>Article 29</u>: Higher risk countries**	**<u>Article 29</u> : Pays présentant un risque plus élevé**
(1) Ushinzwe gutanga amakuru agomba gukoresha ubushishozi ku mukiriya buhanitse, bujyanye n'ingorane,	(1) A reporting person must apply enhanced due diligence, proportionate to the risks, to	(1) La personne déclarante doit appliquer des mesures de vigilance renforcées, proportionnées aux

ibikorwa by'ubucuruzi n'imikoranire yo mu rwego rw'ubucuruzi n'umuntu ukomoka mu bihugu bigaragaramo ingorane zikomeye byagaragajwe n'Akanama nshingwabikorwa mu by'imari.	business relationships and transactions with natural and legal persons, including financial institutions from countries for which this is called for by the Financial Action Task Force.	risques, dans ses relations d'affaires et opérations avec des personnes physiques et morales, y compris des institutions financières de pays pour lesquels le Groupe d'Action Financière appelle à le faire.
(2) Amabwiriza y'Urwego, bisabwe n'Akanama nshingwabikorwa mu by'imari cyangwa rubyibwirije, ashobora kugena ingamba zikwiye zo gukumira ingorane zikomoka mu bihugu bigaragaramo ingorane zikomeye.	(2) A regulation of the Centre may determine countermeasures proportionate to the risks emanating from high-risk jurisdictions when called upon to do so by the Financial Action Task Force or independently of any call to do so.	(2) Un règlement du Centre peut déterminer des contre-mesures proportionnées aux risques émanant des juridictions à haut risque lorsque le Groupe d'Action Financière l'appelle à le faire ou indépendamment de tout appel.
(3) Urwego rugomba kumenyesha no gutanga inama k'ushinzwe gutanga amakuru ku byuho bigaragara mu buryo bwo kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi mu bindi bihugu..	(3) The Centre must notify, and provide advice to, a reporting person of concerns about weaknesses in anti-money laundering, countering terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction systems of other countries.	(3) Le Centre doit informer et donner des conseils à la personne déclarante sur les préoccupations suscitées par les défaillances des dispositifs de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive d'autres pays.
<u>Ingingo ya 30</u>: Kumenyekanisha igikorwa cy'ubucuruzi gikemangwa	**<u>Article 30</u>: Reporting of a suspicious transaction**	**<u>Article 30 </u>: Déclaration d'une opération suspecte**
(1) Iyo ushinzwe gutanga amakuru aketse cyangwa afite impamvu zituma akeka ko amafaranga cyangwa undi mutungo ari indonke	(1) If a reporting person suspects or has reasonable grounds to suspect that funds or property are the proceeds of crime, related or	(1) Lorsqu'une personne déclarante soupçonne ou a des motifs raisonnables de soupçonner que des fonds ou autres biens sont les

zikomoka ku cyaha, bifitanye isano cyangwa bifite aho bihuriye, bizakoreshwa mu gutera inkunga iterabwoba cyangwa ibikorwa by'iterabwoba, bizakoreshwa n'umuntu ukora ibikorwa by'iterabwoba cyangwa n'agatsiko gakora iterabwoba cyangwa n'abantu batera inkunga iterabwoba, agomba guhita akorera raporo Urwego igaragaza uko gukemanga.	linked to, or are to be used for, terrorist financing or terrorist acts, or by a terrorist or a terrorist organisation or persons who finance terrorism, it must promptly submit a report setting forth the suspicion to the Centre.	produits du crime, liés au crime ou doivent être utilisés pour le financement du terrorisme ou d'actes terroristes, ou par un terroriste, une organisation terroriste ou les personnes qui financent le terrorisme, elle doit immédiatement faire une déclaration d'opération suspecte auprès du Centre.
(2) Ushinzwe gutanga amakuru agomba gukora raporo ku bikorwa byose bikemangwa birimo n'igikorwa cy'ubucuruzi cyageragejwe gukorwa, hatitawe ku ngano y'amafaranga y'icyo gikorwa cy'ubucuruzi.	(2) A reporting person must report all suspicious transactions, including an attempted transaction, regardless of the amount of the transaction.	(2) La personne déclarante doit déclarer toutes les opérations suspectes, y compris les tentatives d'opérations suspectes, quel que soit le montant de l'opération.
(3) Urwego rugena uburyo n'igihe ntarengwa cyo kuba rwashyikirijwe raporo ku bikorwa by'ubucuruzi bikemangwa.	(3) The Centre determines modalities and time limits for submission of a report of suspicious transactions.	(3) Le Centre détermine les modalités et les délais de soumission de la déclaration d'opérations suspectes.
Ingingo ya 31: Kumenyekanisha igikorwa cy'ubucuruzi cyishyuwe kashi cyangwa ihererekanya ry'amafaranga hakoreshejwe ikoranabuhanga	**Article 31: Reporting of a cash transaction or wire transfers**	**Article 31 : Déclaration d'opération en espèces ou de virements électroniques**
(1) Ushinzwe gutanga amakuru agomba guha Urwego raporo kuri ibi bikurikira:	(1) A reporting person must submit to the Centre a report on the following:	(1) Une personne déclarante doit faire au Centre une déclaration sur ce qui suit:

(a) igikorwa cy'ubucuruzi cyishyuwe kashi cyangwa ihererekanya ry'amafaranga ry'imbere cyangwa hanze y'igihugu hakoreshejwe ikoranabuhanga ari ku kigero kingana cyangwa kiri hejuru y'icyagenwe, mu buryo n'igihe biteganyijwe;	(a) a cash transaction or domestic or cross-border wire transfers equal to or above the threshold, in accordance with modalities and time limits provided for;	(a) une opération en espèces ou des virements électroniques internes transfrontaliers égaux ou supérieurs au seuil spécifié, selon les modalités et les délais prévus ;
(b) igikorwa cy'ubucuruzi gifite agaciro k'amafaranga ari munsi y'ikigero cyagenwe, iyo icyo gikorwa ari kimwe mu bindi bikorwa bifitanye isano cyangwa bisa naho bifitanye isano, kandi igiteranyo cyabyo byose gifite agaciro kangana cyangwa karenga icyo kigero.	(b) a transaction that has a monetary value below the specified threshold, if that transaction is one of the other transactions that are related or appear to be related, and the sum of all such transactions has a value equal to or greater than such threshold.	(b) une opération qui a une valeur monétaire inférieure au seuil spécifié, si cette opération est l'une des autres opérations qui sont liées ou semblent être liées, et la somme de toutes ces opérations a une valeur égale ou supérieure à ce seuil.
(2) Amabwiriza y'Urwego agena ikigero cy'amafaranga, uburyo n'igihe byo kumenyekanyisha ibikorwa by'ubucuruzi byishyuwe kashi cyangwa ihererekanya ry'amafaranga hakoreshejwe ikoranabuhanga.	(2) A regulation of the Centre determines the threshold, modalities and time limits for the reporting of cash transactions or wire transfers.	(2) Un règlement du Centre détermine le seuil, les modalités et les délais de déclaration d'opérations en espèces ou de virements électroniques.

Ingingo ya 32: Kudatangaza igikorwa cy'ubucuruzi gikemangwa cyamenyeshejwe Urwego no gusonerwa uburyozwe	**Article 32: Non-disclosure of a suspicious transaction reported to the Centre and exemption from liability**	**Article 32 : Non-divulgation d'une opération suspecte déclarée au Centre et exonération de responsabilités**
(1) Ushinzwe gutanga amakuru, ugize Inama y'Ubuyobozi ye, abayobozi bakuru be n'abandi bakozi be babujijwe gutangaza ko raporo y'igikorwa cy'ubucuruzi gikemangwa cyangwa amakuru bifitanye isano yashyikirijwe Urwego.	(1) A reporting person, a member of its Board of Directors, senior managers and other employees are prohibited to disclose the fact that a suspicious transaction report or related information has been filed with the Centre.	(1) Il est interdit à une personne déclarante, à un membre de son Conseil d'administration, à ses cadres supérieurs et à ses autres employés de divulguer qu'une déclaration d'une opération suspecte ou des informations connexes ont été déposées auprès du Centre.
(2) Ushinzwe gutanga amakuru, ugize Inama y'Ubuyobozi ye, abayobozi bakuru be n'abandi bakozi ntibakurikiranwaho icyaha cyangwa ngo baryozwe indishyi z'akababaro bitewe no kurenga ku mabwiriza yo kudatangaza amakuru biteganyijwe mu itegeko, mu masezerano, mu mabwiriza y'ubugenzuzi cyangwa yo mu rwego rw'ubutegetsi, iyo bakoreye Urwego raporo y'ibyo bakemanga batagambiriye inabi.	(2) A reporting person, a member of its Board of Directors, senior managers and other employees are not liable for criminal and civil liability for breach of any restriction on disclosure of information imposed by contract or by a legislative, regulatory, or administrative provision, if they report their suspicions in good faith to the Centre.	(2) Une personne déclarante, un membre de son Conseil d'administration, ses cadres supérieurs et ses autres employés ne sont pas responsables, tant au pénal qu'au civil, de la violation de toute restriction à la divulgation d'informations imposée par contrat ou par une disposition législative, réglementaire ou administrative, s'ils déclarent de bonne foi leurs soupçons au Centre.
(3) Kurengerwa bivugwa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo kubaho kabone n'iyo urengerwa yaba atari azi neza icyaha cyari kirimo gukorwa icyo ari cyo kandi bitabaye ngombwa ko	(3) The protection under Paragraph (2) of this Article is available even if he or she did not know precisely what the underlying criminal activity was, and regardless of whether illegal	(3) La protection prévue au paragraphe (2) du présent article est disponible même s'il ne savait pas précisément quelle était l'activité criminelle sous-jacente, et indépendamment du fait

igikorwa kinyuranye n'amategeko cyaba cyarabayeho.	activity actually occurred.	que l'activité illégale se soit effectivement produite.
Ingingo ya 33: Kugaragaza nyir'umutungo nyawe w'umuryango ufite ubuzimagatozi cyangwa w'ubwumvikane bushingiye ku masezerano	**Article 33: Transparency of beneficial ownership of a legal person or legal arrangement**	**Article 33 : Transparence du bénéficiaire effectif d'une personne morale ou construction juridique**
Urwego rufite mu nshingano kwandika imiryango ifite ubuzima gatozi cyangwa ubwumvikane bushingiye ku masezerano rugomba kuba rufite amakuru anoze, y'ukuri kandi agendanye n'igihe kuri nyir'umutungo nyawe w'umuryango ufite ubuzimagatozi cyangwa w'ubwumvikane bushingiye ku masezerano. Ayo makuru agomba kugerwaho n'uyakeneye mu buryo bwihuse.	The authority in charge of registration of legal persons or legal arrangements must ensure that it maintains adequate, accurate and updated information on the beneficial ownership of a legal person or legal arrangement. That information must be publicly available in a timely manner.	L'autorité chargée de l'enregistrement des personnes morales ou des constructions juridiques doit s'assurer qu'elle conserve des informations adéquates, précises et à jour sur le bénéficiaire effectif d'une personne morale ou d'une construction juridique. Ces informations doivent être mises à la disposition du public en temps opportun.
Ingingo ya 34: Umuntu utwaye amafaranga	**Article 34: Cash courier**	**Article 34 : Passeur de fonds**
(1) Umuntu uvuye, unyuze cyangwa winjiye mu Rwanda afite cyangwa atwaye amafaranga yaba kashi cyangwa inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa uzifite bifite agaciro kangana cyangwa karenze ikigero cyashyizweho agomba kubimenyekanisha cyangwa kubitangariza urwego rubifitiye ububasha.	(1) A person who leaves, transits or enters Rwanda carrying or transporting currency or bearer negotiable instruments of a value equal to or exceeding a pre-set threshold must declare or disclose them to the competent authority.	(1) Une personne qui quitte, transite ou entre au Rwanda en portant ou transportant des espèces ou des instruments négociables au porteur d'une valeur égale ou supérieure au seuil préalablement déterminé doit les déclarer ou les divulguer à l'autorité compétente.

(2) Amabwiriza y'Urwego ashyiraho ikigero cy'amafaranga n'ibisabwa bijyanye no kumenyekanisha cyangwa gutangaza bikorwa n'utwaye amafaranga n'ibihano bijyanye no kutabyubahiriza.	(2) A regulation of the Centre sets the threshold of currency and requirements for cash courier declaration or disclosure and sanctions in relation to non-compliance thereof.	(2) Un règlement du Centre fixe le seuil de fonds et les obligations pour la déclaration ou la divulgation faite par le passeur de fonds et les sanctions en rapport au non-respect y relatif.
Ingingo ya 35: Kubika imibare	**Article 35: Keeping statistics**	**Article 35 : Tenue des statistiques**
(1) Hagamijwe imikorere myiza kandi inoze yo gukumira iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, inzego zibifitiye ububasha zigomba kubika imibare yerekeye–	(1) For the purpose of effectiveness and efficiency of the anti-money laundering, countering terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction systems, competent authorities must keep statistics related to –	(1) Aux fins de l'efficacité et de l'effectivité des systèmes de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive, les autorités compétentes doivent tenir les statistiques sur –
(a) raporo ku gikorwa cy'ubucuruzi bikemangwa zakiriwe n'izakwirakwijwe;	(a) suspicious transaction reports received and disseminated;	(a) les déclarations d'opérations suspectes reçues et disséminées ;
(b) iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi byakorewe iperereza, ibyakurikiranywe n'ubushinjacyaha n'abahamwe n'ibyaha;	(b) money laundering, terrorism financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction investigations, prosecutions and convictions;	(b) les enquêtes, poursuites et condamnations liées au blanchiment de capitaux, au financement du terrorisme et au financement de la prolifération des armes de destruction massive ;

(c) amafaranga cyangwa undi mutungo byahagaritswe, byafatiriwe n'ibyanyazwe;	(c) funds or other assets frozen, seized and confiscated;	(c) les fonds ou autres biens gelés, saisis ou confisqués ;
(d) ubufatanye mu by'amategeko cyangwa ubundi busabe mpuzamahanga bwakozwe n'ubwakiriwe.	(d) mutual legal assistance or other international requests for co-operation made and received.	(d) l'entraide judiciaire ou autres demandes internationales de coopération formulées et reçues.
(2) Urwego rugomba guhuriza hamwe imibare nyayo kandi ihujwe n'igihe.	(2) The Centre must centralise accurate and updated statistics.	(2) Le Centre doit centraliser les statistiques précises et à jour.
Ingingo ya 36: Gutanga umurongo ngenderwaho no kugira ikivugwa ku makuru yakiriwe	**Article 36: Guidance and feedback**	**Article 36 : Lignes directrices et retour d'informations**
Urwego rubifitiye ububasha n'urwego rugenzura zigomba gushyiraho imirongo ngenderwaho no kugaragaza icyo zivuga ku makuru zahawe hagamijwe gufasha ushinzwe gutanga amakuru gushyira mu bikorwa ingamba zo mu rwego rw'igihugu zijyanye no kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, by'umwihariko, gutahura no gutanga amakuru ku bikorwa by'ubucuruzi bikemangwa.	The supervisory authority must establish guidelines and provide feedback to assist a reporting person in applying national anti-money laundering, countering terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction measures, and in particular, in detecting and reporting suspicious transactions.	L'autorité de contrôle doit établir des lignes directrices et assurer un retour d'informations qui aident une personne déclarante dans l'application des mesures nationales de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive, et, en particulier, à détecter et déclarer les opérations suspectes.
Ingingo ya 37: Inama Mpuzabikorwa	**Article 37: Coordination Council**	**Article 37 : Conseil de coordination**
(1) Inama Mpuzabikorwa ihuza ibikorwa	(1) The Coordination Council ensures	(1) Le Conseil de coordination assure la

byo gukumira no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi.	the coordination of efforts to prevent and counter money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction	coordination des efforts de prévention et de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive.
(2) Iteka rya Perezida rigena inshingano z'Inama Mpuzabikorwa.	(2) A presidential Order determines responsibilities of the Coordination Council.	(2) Un arrêté présidentiel détermine les attributions du Conseil de coordination.
Ingingo ya 38: Inshingano z'urwego rufite mu nshingano kugenza cyangwa gukurikirana icyaha	**Article 38: Responsibilities of the authority in charge of investigation and prosecution**	**Article 38 : Attributions de l'autorité chargée d'enquêtes ou de poursuite pénale**
Urwego rufite mu nshingano kugenza cyangwa gukurikirana icyaha rufite inshingano zikurikira mu bijyanye no kurwanya iyezandonke n'icyaha cy'ibanze gifitanye isano na yo, icyaha cyo gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi:	The authority in charge of investigation and prosecution has the following responsibilities with regard to anti-money laundering and associated predicate offence, counter terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction:	L'autorité chargée d'enquêtes ou de poursuite pénale a les attributions suivantes en matière de lutte contre le blanchiment de capitaux et l'infraction sous-jacente associée, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive:
(a) gukurikirana ko iyezandonke n'icyaha cy'ibanze gifitanye isano na yo, icyaha cyo gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi bikorwaho ipererezа mu buryo bunoze hakurikijwe imirongo yatanzwe na politiki z'igihugu;	(a) to ensure that money laundering and associated predicate offence, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction offences are properly investigated, within the framework of national policies;	(a) s'assurer que le blanchiment de capitaux et l'infraction sous-jacente associée, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive font l'objet d'enquêtes satisfaisantes, dans le cadre des politiques nationales;

(b) gukora ipererereza ku cyaha cyose kijyanye n'iyezandonke, icyaha cyo gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi mu gihe cy'ipererereza ku cyaha cyo mu rwego rw'imari cyangwa kohereza ikirego mu rundi rwego rubifite mu nshingano kugira ngo rukomeze iryo pererereza, hatitawe aho icyaha cy'ibanze cyabereye;	(b) to carry out investigation of any related money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction offences during a parallel financial investigation, or refer the case to another agency to follow up with such investigations, regardless of where the predicate offence occurred;	(b) effectuer l'enquête de toute infraction liée au blanchiment de capitaux, au financement du terrorisme ou au financement de la prolifération des armes de destruction massive au cours d'une enquête financière parallèle, ou de confier l'affaire à une autre entité compétente qui assurera le suivi de ces enquêtes, quel que soit le lieu où s'est produite l'infraction sous-jacente ;
(c) kumenya byihuse, gushakisha, guhagarika no gufatira amafaranga cyangwa undi mutungo bishobora kuba byanyagwa cyangwa bikekwa ko ari indonke zikomoka ku cyaha.	(c) to expeditiously identify, trace and initiate freezing and seizing of funds or other assets that may become subject to confiscation, or is suspected of being proceeds of crime.	(c) identifier, dépister et déclencher le plus rapidement possible les procédures de gel ou de saisie de fonds ou autres biens susceptibles d'être soumis à confiscation, ou suspectés d'être le produit d'un crime.
<u>Ingingo ya 39</u>: Ububasha bw'urwego rufite mu nshingano kugenza cyangwa gukurikirana icyaha	**<u>Article 39</u>: Powers of the authority in charge of investigation and prosecution**	**<u>Article 39</u> : Pouvoirs de l'autorité chargée d'enquêtes ou de poursuite pénale**
Urwego rufite mu nshingano kugenza cyangwa gukurikirana icyaha, rufite ububasha bukurikira mu bijyanye no kurwanya iyezandonke n'icyaha cy'ibanze gifitanye isano na yo, kurwanya gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi:	The authority in charge of investigation and prosecution has the following powers with regard to anti-money laundering and associated predicate offence, counter terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction:	L'autorité chargée d'enquêtes ou de poursuite pénale dispose des pouvoirs suivants en matière de lutte contre le blanchiment de capitaux et l'infraction sous-jacente associée, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive:

(a) kubona inyandiko zose za ngombwa n'amakuru;	(a) to obtain access to all necessary documents and information;	(a) avoir accès à tous les documents et informations nécessaires;
(b) gutegeka ushinzwe gutanga amakuru cyangwa undi muntu gutanga inyandiko bafite;	(b) to compel the production of records held by a reporting person or another person;	(b) obliger la production de documents détenus par une personne déclarante ou une autre personne ;
(c) gusaka ahantu, abantu, ibintu n'inyubako;	(c) to search an area, persons, property and premises;	(c) fouiller un quartier, les personnes, les biens et les locaux ;
(d) gufata imvugo z'abatangabuhamya, iz'abakekwa n'iz'abahohotewe;	(d) to take statements from witness, suspects and victims;	(d) recueillir les dépositions des témoins, des suspects et des victimes ;
(e) gufatira no gukusanya ibimenyetso;	(e) to seize and obtain evidence;	(e) saisir et obtenir des preuves ;
(f) kumenyera igihe niba umuntu afite cyangwa agenzura konti;	(f) to identify, in a timely manner, whether a person holds or controls an account;	(f) déterminer en temps opportun si une personne détient ou contrôle un compte ;
(g) kumenya amakuru ku mafaranga cyangwa undi mutungo by'umuntu batabanje kubimenyesha nyirabyo;	(g) to identify funds or other assets without prior notification to the owner;	(g) identifier les fonds ou autres biens sans notification préalable au propriétaire ;
(h) gusaba amakuru yose y'ingenzi afitwe n'Urwego..	(h) to ask for all relevant information held by the Centre.	(h) demander toutes les informations pertinentes détenues par le Centre.
<u>Ingingo ya 40</u>: Uburyo bwihariye bwo kugenza icyaha	**<u>Article 40</u>: Special investigative techniques**	**<u>Article 40</u> : Techniques d'enquête spéciales**
Urwego rufite mu nshingano kugenza icyaha cyangwa gukurikirana icyaha cy'iyezandonke n'icyaha cy'ibanze	The authority in charge of investigation and prosecution of money laundering and associated predicate offence, terrorist	L'autorité chargée d'enquêtes et de poursuite pénale en matière de blanchiment de capitaux et d'infraction sous-jacente

gifitanye isano na yo, icyaha cyo gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi rukoresha uburyo bwihariye bwo gukora iperereza burimo –	financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction uses special investigative techniques, including –	associée, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive utilise les techniques d'enquête spéciales comprenant–
(a) gukora iperereza rwihishwa;	(a) undercover operations;	(a) les opérations sous couverture ;
(b) kugenzura itumanaho;	(b) intercepting communications;	(b) l'interception de communications ;
(c) kwinjira mu buryo bukoreshwa na mudasobwa cyangwa ubundi buryo bw'ikoranabuhanga;	(c) accessing computer systems or other electronic systems; or	(c) l'accès aux systèmes informatiques ou autres systèmes électroniques ; ou
(d) cyangwa kugenzura ibigemurwa.	(d) controlled delivery.	(d) la livraison surveillée.
Ingingo ya 41: Inshingano z'urwego rugenzura	**Article 41: Responsibilities of supervisory authority**	**Article 41 : Attributions de l'autorité de contrôle**
Urwego rugenzura, mu bijyanye no kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, rufite inshingano zikurikira:	The supervisory authority with regard to anti-money laundering, countering terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction has the following responsibilities:	L'autorité de contrôle en matière de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive a les attributions suivantes:
(a) gukora igenzura rishingiye ku ngorane k'ushinzwe gutanga amakuru ku rwego rw'ikigo n'itsinda;	(a) to conduct a risk-based supervision associated with a reporting person at institution level and group-level;	(a) mener un contrôle fondé sur les risques d'une personne déclarante au niveau de l'institution et du groupe;
(b) kureba ko ushinzwe gutanga	(b) to ensure that a reporting person	(b) s'assurer qu'une personne

amakuru yubahiriza ibisabwa mu byerekeye kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	complies with anti-money laundering, countering terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction requirements;	déclarante respecte les obligations de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive;
(c) gukora isesengura ry'ingorane zijyanye n'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi z'ushinzwe gutanga amakuru cyangwa itsinda harimo ingorane zishingiye ku kutubahiriza ibisabwa mu buryo bw'ingarukagihe n'iyo hari ikintu gikomeye kibaye cyangwa icyahindutse mu miyoborere n'imikorere by'ushinzwe gutanga amakuru cyangwa by'itsinda;	(c) to conduct the assessment of the money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction risk profile of a reporting person or group, including the risks of non-compliance, periodically, and when there are major events or developments in the management and operations of the reporting person or group;	(c) faire l'évaluation du profil de risque de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive d'une personne déclarante ou d'un groupe financier y compris le risque de non-conformité, régulièrement et dès que surviennent d'importants événements ou évolutions dans la gestion et les opérations de la personne déclarante ou du groupe financier ;
(d) gushakisha amakuru mu izina ry'urwego rwo mu mahanga bihuje inshingano;	(d) to conduct inquiries on behalf of a foreign counterpart;	(d) Formuler des demandes au nom de son homologue étranger ;
(e) gukorana, gufasha no guhanahana amakuru n'inzego z'igihugu zishinzwe iyubahirizwa ry'amategeko;	(e) to cooperate, assist and exchange information with the national law enforcement authorities;	(e) coopérer, assister et échanger des informations avec les autorités nationales de poursuite pénale ;
(f) gufasha mu rwego rwo guhanahana amakuru n'izindi nzego zigenzura	(f) to assist in the context of sharing information with national and	(f) assister dans le cadre d'échange d'informations avec les autorités de

z'imbere mu gihugu n'izo mu mahanga bihuje inshingano;	foreign supervisory authorities with similar mission;	contrôle nationales et étrangères ayant une mission similaire ;
(g) gufata ingamba za ngombwa zo gukumira abanyabyaha cyangwa abo bahuje inyungu kwemererwa gukora umwuga cyangwa kugira cyangwa kuba ba nyir'umutungo nyabo b'igice kinini cy'umutungo cyangwa gukora imirimo y'ubuyobozi mu bikorwa by'ushinzwe gutanga amakuru.	(g) to take necessary measures to prevent criminals or their associates from being professionally accredited, or holding or being the beneficial owner of a significant or controlling interest, or holding a management function in a reporting person's activities.	(g) prendre les mesures nécessaires pour empêcher les criminels ou leurs complices d'accéder au statut de professionnel agréé, ou de détenir une participation significative ou de contrôle, de devenir les bénéficiaires effectifs d'une telle participation, ou d'occuper un poste de direction dans des activités d'une personne déclarante.
Ingingo ya 42: Ububasha bw'urwego rugenzura	**Article 42: Powers of a supervisory authority**	**Article 42 : Pouvoirs d'une autorité de contrôle**
Urwego rugenzura ni rwo rugenzura ko ushinzwe gutanga amakuru yubahiriza ibisabwa mu rwego rwo kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi. Rufite ububasha bukurikira:	The supervisory authority supervises a reporting person with regard to the compliance with anti-money laundering, countering terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction requirements. It has the following powers:	L'autorité de contrôle supervise une personne déclarante en ce qui concerne le respect des obligations de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive. Elle a des pouvoirs suivants :
(a) gukurikirana no kureba ko ushinzwe gutanga amakuru yubahiriza ibisabwa mu byerekeye kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba, no gutera inkunga	(a) to monitor and ensure compliance by a reporting person with anti-money laundering, countering terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass	(a) surveiller et assurer qu'une personne déclarante respecte ses obligations en matière de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la

ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi hashingiwe ku bishobora guteza ingorane;	destruction requirements on a risk-sensitive basis;	prolifération des armes de destruction massive en fonctions des risques ;
(b) gukora ubugenzuzi k'ushinzwe gutanga amakuru;	(b) to conduct inspections of a reporting person;	(b) procéder à des inspections d'une personne déclarante ;
(c) gutegeka ushinzwe gutanga amakuru gutanga amakuru afasha mu gukurikirana iyubahirizwa ry'ibisabwa mu byerekeye kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(c) to compel production by a reporting person of information relevant to monitoring compliance with the anti-money laundering, countering terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction requirements;	(c) exiger la production par une personne déclarante des informations pertinentes pour contrôler le respect des obligations de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive ;
(d) gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi mu gihe hatubahirijwe ibisabwa mu byerekeye kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(d) to impose administrative sanctions for failure to comply with anti-money laundering, countering terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction requirements;	(d) imposer des sanctions administratives en cas de non-respect des obligations de lutte contre le blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive;
(e) gushyiraho amabwiriza n'imirongo ngenderwaho byo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(e) to issue regulations and guidelines on anti-money laundering, countering terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction;	(e) émettre des règlements et des lignes directrices sur la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive ;
(f) guha uburenganzira no korohereza	(f) to authorise and facilitate the ability	(f) autoriser son homologue étranger à

urwego rwo mu mahanga bihuje inshingano gukora iperereza igihe ari ngombwa.	of a foreign counterpart to conduct investigations where necessary.	mener des enquêtes, ou lui faciliter cette tâche, si nécessaire.
UMUTWE WA III: IBISABWA BYIHARIYE KU MIRYANGO IDAHARANIRA INYUNGU	**CHAPTER III: SPECIFIC REQUIREMENTS ON NON-PROFIT ORGANISATIONS**	**CHAPITRE III : EXIGENCES SPÉCIFIQUES AUX ORGANISMES À BUT NON LUCRATIF**
Ingingo ya 43: Ibisabwa ku Muryango udaharanira inyungu	**Article 43: Requirements on a non-profit organisation**	**Article 43 : Exigences à un organisme à but non lucratif**
Mu rwego rwo gukumira no kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, umuryango udaharanira inyungu ugomba –	In the context of preventing and countering money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction, a non-profit organisation must –	Dans le cadre de prévention et de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive, un organisme à but non lucratif doit –
(a) gutanga ishusho y'umutungo igaragaza ibisobanuro birambuye ku byo yinjiza n'ibisohoka;	(a) to issue annual financial statements that provide detailed breakdowns of incomes and expenditures;	(a) publier des états financiers annuels présentant une ventilation détaillée de leurs recettes et de leurs dépenses ;
(b) kugira uburyo bw'igenzura bukwiye hagamijwe kugaragaza uko amafaranga yose yakoreshejwe, kandi ko akoreshwa mu buryo bujyanye n'ikigamijwe n'intego by'ibikorwa byateganyijwe;	(b) to have appropriate controls in place to ensure that all funds are fully accounted for, and are spent in a manner that is consistent with the purpose and objectives of planned activities;	(b) disposer de mécanismes de contrôle propres à garantir que tous les fonds sont dûment comptabilisés et entièrement utilisés conformément à l'objet et à la finalité des activités prévues;
(c) gufata ingamba zikwiye zo kugenzura umwirondoro	(c) to take reasonable measures to verify the identity of its significant donors,	(c) prendre des mesures raisonnables en vue de vérifier ses principaux donateurs

w'abaterankunga bawo bakomeye, n'imiterere y'abagenerwabikorwa n'imiryango idaharanira inyungu bifitanye isano, hagamijwe gukumira ko inkunga uhabwa yakoreshwa mu gufasha iterabwoba, ibikorwa by'iterabwoba cyangwa agatsiko k'iterabwoba;	and characteristics of beneficiaries and associate non-profit organisations, with a view to preventing funds granted to it from being used to support terrorist acts or a terrorist entity;	et les caractéristiques de ses bénéficiaires et organismes à but non lucratif associés, en vue d'empêcher que des fonds lui accordés soient utilisés à des fins de soutien des actes terroristes et d'une entité terroriste ;
(d) gufata ingamba zikwiye zo kubika ibiranga umwirondoro w'abaterankunga bawo bakomeye;	(d) to take reasonable measures to maintain the identity of its significant donors;	(d) prendre des mesures raisonnables de conserver l'identité ses principaux donateurs ;
(e) kubungabunga amakuru ku kigamijwe n'intego by'ibikorwa byawo n'umwirondoro wa ba nyirawo, abawugenzura cyangwa abayobora ibikorwa byawo harimo abayobozi, abagize inama y'ubuyobozi n'ucunga iby'abandi w'umwuga;	(e) to maintain information on the purpose and objectives of its stated activities and the identity of the persons who own, control or direct its activities, including senior officers, board members and trustees; and	(e) conserver des informations sur l'objet et la finalité de ses activités déclarées, et l'identité des personnes qui possèdent, contrôlent ou gèrent ses activités, y compris les dirigeants, les membres du conseil d'administration et les fiduciaires ; et
(f) no kubika mu gihe cy'imyaka 10 inyandiko zose z'ibikorwa by'ubucuruzi by'imbere mu gihugu no hanze yacyo n'andi makuru avugwa muri (c), (d) na (e) tw'iyi ngingo no gutuma izo nyandiko zibonwa n'inzego zibifitiye ububasha.	(f) to maintain, for a period of 10 years, all records of domestic and international transactions and other information stated under (c), (d) and (e) of this Article and make these records available to competent authorities.	(f) conserver pendant 10 ans tous les relevés de ses transactions nationales et internationales et d'autres informations mentionnées aux alinéas (c), (d) et (e) du présent article tenir ces éléments à la disposition des autorités compétentes.

Ingingo ya 44: Uburyo bw'imikorere bushingiye ku isesengura ry'ingorane ku miryango idaharanira inyungu	**Article 44: Risk-based approach to non-profit organisations**	**Article 44 : Approche fondée sur le risque pour les organismes à but non lucratif**
Mu byerekeye kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, urwego rushinzwe gushyiraho amabwiriza, kugenzura cyangwa gukurikirana ibikorwa by'imiryango idaharanira inyungu rugomba –	In the context of countering money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction, the authority in charge of regulating, supervising, or monitoring non-profit organisations must –	Dans le cadre de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive, l'autorité chargée de réglementer, de contrôler ou de surveiller des organismes à but non lucratif doit –
(a) gukoresha amakuru yose akwiye kugira ngo hamenyekane ubwoko n'ibiranga imiryango idaharanira inyungu ishobora kuba yateza ingorane zijyanye no gutera inkunga iterabwoba bitewe n'ibyo ikora cyangwa imiterere yayo;	(a) use all relevant sources of information, in order to identify the features and types of non-profit organisations which by virtue of their activities or characteristics, are likely to be at risk of terrorist financing abuse;	(a) utiliser toutes les sources d'informations pertinentes afin de recenser les spécificités et les types d'organismes à but non lucratif qui, du fait de leurs activités ou de leurs caractéristiques, sont susceptibles de faire l'objet d'une exploitation à des fins de financement du terrorisme;
(b) kumenya imiterere y'ibibazo biterwa n'udutsiko tw'iterabwoba ku miryango idaharanira inyungu ishobora gushyirwaho iterabwoba n'uburyo abakora iterabwoba bakoresha nabi iyo miryango idaharanira inyungu;	(b) identify the nature of threats posed by terrorist entities to non-profit organisations which are at risk as well as how terrorist actors abuse those non- profit organisations;	(b) identifier la nature des menaces posées par les entités terroristes sur les organismes à but non lucratif qui présentent des risques ainsi que la manière dont les acteurs du terrorisme exploitent ces organismes à but non lucratif ;
(c) gusuzuma akamaro k'ingamba harimo amategeko n'amabwiriza hagamijwe gufata ingamba zikwiye	(c) review the adequacy of measures, including laws and regulations, in order to take proportionate and	(c) revoir la pertinence de leurs mesures, y compris les lois et les règlements, afin de prendre des mesures

kandi zikora neza zigamije gukemura ingorane zamenyekanye;	effective actions to address the risks identified; and	proportionnées et efficaces pour traiter les risques identifiés ; et
(d) no gukora isuzuma ry'urwo rwego mu buryo bw'ingarukagihe hasesengurwa amakuru mashya ajyanye n'ibyuho bishobora kuba biri muri urwo rwego byanyuzwamo ibikorwa by'iterabwoba hagamijwe uburyo bunoze bw'ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba.	(d) periodically reassess the sector by reviewing new information on the sector's potential vulnerabilities to terrorist activities to ensure effective implementation of measures.	(d) réévaluer périodiquement le secteur en examinant les nouvelles informations relatives à ses vulnérabilités potentielles face aux activités terroristes, afin de garantir une mise en œuvre efficace des mesures.
Ingingo ya 45: Gahunda zo kumenyekanisha ibibazo bijyanye no gutera inkunga iterabwoba	**Article 45: Outreach programmes on terrorist financing issues**	**Article 45 : Programmes de sensibilisation aux questions relatives au financement du terrorisme**
Mu byerekeye kurwanya gutera inkunga iterabwoba, urwego rushinzwe gutanga amabwiriza, kugenzura cyangwa gukurikirana imiryango idaharanira inyungu rugomba –	In the context of countering terrorist financing, the authority in charge of regulating, supervising or monitoring non-profit organisations must –	Dans le cadre de lutte contre le financement du terrorisme, l'autorité chargée de réglementer, de contrôler ou de surveiller des organismes à but non lucratif doit –
(a) kugira politiki igamije guteza imbere umuco wo kubazwa inshingano n'ubwangamugayo mu miryango idaharanira inyungu mu rwego rwo kongera icyizere abaturage bagirira iyo miryango mu miyoborere n'imicungire byayo;	(a) have clear policies to promote accountability, integrity and public confidence in the administration and management of non-profit organisations;	(a) avoir une politique claire cherchant à favoriser la responsabilité et l'intégrité des organismes à but non lucratif de façon à renforcer la confiance du public dans leur gestion et leur fonctionnement ;
(b) gushyiraho gahunda zo kwigisha imiryango idaharanira inyungu	(b) establish educational programmes to raise awareness among non-profit	(b) mener des campagnes d'éducation pour sensibiliser les organismes à

n'abafatanyabikorwa ibijyanye n'ibyuho imiryango idaharanira inyungu ishobora kugira ikaba yakoreshwa mu gutera inkunga iterabwoba n'ingorane zo kuba yatera inkunga iterabwoba, n'ingamba ishobora gufata kugira ngo ibashe kwirinda kuba yakoreshwa bene ibyo bikorwa;	organisations as well as the donor community about the potential vulnerabilities of non-profit organisations to terrorist financing abuse and terrorist financing risks, and the measures that non-profit organisations can take to protect themselves against such abuse;	but non lucratif ainsi que la communauté des donateurs aux vulnérabilités potentielles des organismes à but non lucratif aux abus de financement du terrorisme et aux risques de financement du terrorisme, et aux mesures que les organismes à but non lucratif peuvent prendre pour se protéger contre ces abus ;
(c) gufasha imiryango idaharanira inyungu gushyiraho no kunoza imikorere myiza hagamijwe gukemura ingorane zijyanye no gutera inkunga iterabwobwa n'ibyuho hagamijwe kuyirinda gukoreshwa mu bikorwa byo gutera inkunga iterabwoba;	(c) assist non-profit organisations in developing and refining best practices to address terrorist financing risk and vulnerabilities to protect them from terrorist financing abuse; and	(c) aider les organismes à but non lucratif à mettre au point et affiner les meilleures pratiques qui permettent de répondre aux risques de financement du terrorisme et aux vulnérabilités et de les protéger contre toute exploitation à des fins de financement du terrorisme ; et
(d) no kureba ko imiryango idaharanira inyungu ikora ibikorwa by'ubucuruzi ibinyujije mu miyoboro ya serivisi z'imari yemewe.	(d) ensure that non-profit organisations conduct transactions through legitimate financial channels.	(d) s'assurer que les organismes à but non lucratif effectuent leurs opérations par l'intermédiaire de circuits financiers légitimes.
Ingingo ya 46: Ubugenzuzi bw'imiryango idaharanira inyungu hashingiwe ku ngorane zagaragaye	**Article 46: Targeted risk-based supervision of non-profit organisations**	**Article 46 : Contrôle ciblé des organismes à but non lucratif basé sur les risques**
Mu byerekeye kurwanya gutera inkunga iterabwoba, urwego rushinzwe gushyiraho	In the context of countering terrorist financing, the authority in charge of	Dans le cadre de lutte contre le financement du terrorisme, l'autorité chargée de

amabwiriza, rugenzura cyangwa rukurikirana imiryango idaharanira inyungu rugomba –	regulating, supervising or monitoring non-profit organisations must–	réglementer, de contrôler ou de surveiller les organismes à but non lucratif doit –
(a) gukoresha ingamba zishingiye ku ngorane ku miryango idaharanira inyungu igaragara nk'ishobora gukoreshwa mu bikorwa byo gutera inkunga iterabwoba;	(a) apply risk-based measures to non-profit organisations at risk of terrorist financing abuse;	(a) appliquer des mesures fondées sur les risques aux organismes à but non lucratif susceptibles d'être exploités à des fins de financement du terrorisme ;
(b) gukurikirana uko imiryango idaharanira inyungu yubahiriza ibisabwa n'iri tegeko n'amabwiriza y'urwego rubifitiye ububasha;	(b) monitor the compliance of non-profit organisations with the requirements of this Law and regulations of the competent authority; and	(b) surveiller la conformité des organismes à but non lucratif avec les exigences de la présente loi et des règlements de l'autorité compétente ; et
(c) no gushyiraho ibihano ku miryango idaharanira inyungu cyangwa abakora mu izina ryayo barenga ku mategeko.	(c) put in place sanctions for violations by non-profit organisations or persons acting on behalf of these non-profit organisations.	(c) mettre en place des sanctions pour toute violation commise par des organismes à but non lucratif ou par des personnes agissant en leur nom.
Ingingo ya 47: Guhanahana amakuru	**Article 46: Information-sharing**	**Article 46 : Échange d'informations**
(1) Mu byerekeye kurwanya gutera inkunga iterabwoba, urwego rushinzwe gushyiraho amabwiriza, kugenzura cyangwa gukurikirana ibikorwa by'imiryango idaharanira inyungu rugomba gushyiraho uburyo bw'imikoranire hagati y'inzego hagamijwe guhanahana amakuru.	(1) In the context of countering terrorist financing, the authority in charge of regulating, supervising or monitoring non-profit organisations must establish cooperation mechanisms among authorities in the context of information sharing;	(1) Dans le cadre de lutte contre le financement du terrorisme, l'autorité chargée de réglementer, de contrôler ou de surveiller des organismes à but non lucratif doit mettre en place des mécanismes de coopération entre les autorités dans le cadre de l'échange d'informations;

(2) Urwego rushinzwe gushyiraho amabwiriza, kugenzura cyangwa gukurikirana ibikorwa by'imiryango idaharanira inyungu rugomba gutanga amakuru mu buryo bwihuse ku rwego rubifitiye ububasha igihe habayeho gukeka cyangwa impamvu zumvikana zituma habaho gukeka ko umuryango udaharanira inyungu–	(2) The authority in charge of regulating, supervising or monitoring non-profit organisations must promptly share information with the competent authority when there is suspicion or reasonable grounds to suspect that a non-profit organisation –	(2) L'autorité chargée de réglementer, de contrôler ou de surveiller les organismes à but non lucratif doit informer rapidement l'autorité compétente lorsque l'on soupçonne ou que l'on a de bonnes raisons de soupçonner qu'un organisme à but non lucratif –
(a) ugira uruhare mu bikorwa byo gutera inkunga iterabwoba cyangwa ukoreshwa n'umuryango ukora iterabwoba mu gukusanya amafaranga;	(a) is involved in terrorist financing abuse or is a front for fundraising by a terrorist organization;	(a) est impliqué dans une exploitation à des fins de financement du terrorisme ou sert de façade à une organisation terroriste pour la collecte de fonds;
(b) ukoreshwa nk'umuyoboro unyuzwamo amafaranga yo gutera inkunga iterabwoba, hagamijwe gutuma hatabaho guhagarika amafaranga cyangwa undi mutungo cyangwa ubundi buryo bwo gushyigikira iterabwoba;	(b) is being exploited as a conduit for terrorist financing, including for the purpose of escaping funds or other assets freezing measures, or other forms of terrorist support; or	(b) est exploité comme un moyen de financement du terrorisme, y compris pour éviter des mesures de gel de fonds ou autres biens, ou comme d'autres formes de soutien du terrorisme ; ou
(c) cyangwa uhisha ko amafaranga agenewe ibikorwa byemewe yakoreshejwe mu gutera inkunga iterabwoba.	(c) is concealing the fact that funds intended for legitimate purposes was actually used to finance terrorism.	(c) dissimule le fait que des fonds destinés à des fins légitimes ont effectivement été utilisés pour financer le terrorisme.

Ingingo ya 48: Ubusabe mpuzamahanga bw'amakuru yerekeye umuryango udaharanira inyungu uteje impungenge	**Article 48: International requests for information about a non-profit organisation of concern**	**Article 48 : Demandes internationales portant sur un organisme à but non lucratif suspect**
Mu byerekeye kurwanya gutera inkunga iterabwoba, urwego rushinzwe gushyiraho amabwiriza, rugenzura cyangwa rukurikirana imiryango idaharanira inyungu rugomba gushyiraho uburyo bukurikizwa n'umuntu ushinzwe gukurikirana ibijyanye n'ubusabe mpuzamahanga ku makuru yerekeye imiryango idaharanira inyungu ikekwaho gutera inkunga iterabwoba cyangwa kugira uruhare mu bundi buryo bwo gushyigikira iterabwoba.	In the context of countering terrorist financing, the authority in charge of regulating, supervising or monitoring non-profit organisations must set procedures to be followed by a contact person designated to respond to international requests for information regarding non-profit organisations suspected of terrorist financing or involvement in other forms of terrorist support.	Dans le cadre de lutte contre le financement du terrorisme, l'autorité chargée de réglementer, de contrôler ou de surveiller les organismes à but non lucratif doit établir des procédures suivies par une personne de contact chargée de répondre aux demandes internationales d'informations concernant des organismes à but non lucratif suspectés de financer le terrorisme ou de le soutenir par tout autre moyen.
UMUTWE WA IV: UBUFATANYE MPUZAMAHANGA	**CHAPTER IV: INTERNATIONAL COOPERATION**	**CHAPITRE IV : COOPÉRATION INTERNATIONALE**
Ingingo ya 49: Amahame rusange arebana n'ubufatanye mpuzamahanga	**Article 49: General principles related to international cooperation**	**Article 49 : Principes généraux relatifs à la coopération internationale**
(1) Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko bireba urwego rubifitiye ububasha rugomba –	(1) Without prejudice to other relevant legislations, the competent authority must–	(1) Sans préjudice des autres législations concernées, l'autorité compétente doit–
(a) kugirana ubufatanye mpuzamahanga mu buryo bwagutse n'urundi rwego bihuje inshingano;	(a) provide the widest possible range of international cooperation to its foreign counterpart;	(a) fournir une coopération internationale la plus large possible à son homologue étranger;
(b) guhanahana amakuru rubisabwe	(b) share information on request or	(b) échanger l'information à la

cyangwa rubyibwirije;	on own motion;	demande ou de sa propre initiative;
(c) gukoresha uburyo bunoze kugira ngo ubufatanye bukorwe neza;	(c) use the most efficient means to co-operate;	(c) utiliser les moyens les plus efficaces pour coopérer ;
(d) gushyiraho uburyo bw'imikorere bugamije guha ubwihutirwe no gusubiza ubusabe ku gihe;	(d) have clear processes for the prioritisation and timely execution of requests; and	(d) disposer de procédures claires pour l'établissement des priorités et l'exécution en temps opportun des demandes; et
(e) no gushyiraho uburyo bw'imikorere bugamije kubika neza amakuru yakiriwe.	(e) establish internal procedures for safeguarding the information received.	(e) élaborer des procédures internes pour la protection des informations reçues.
(2) Urwego rubifitiye ububasha rushobora kugirana imikoranire cyangwa ubwumvikane mu by'ubufatanye n'urundi rwego rwo mu kindi gihugu bihuje inshingano ku byerekeye iyezandonke n'ibyaha by'ibanze bifitanye isano na yo, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi.	(2) The competent authority may enter into relationships or co-operation arrangements with a foreign counterpart in relation to money laundering and associated predicate offences, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction.	(2) L'autorité compétente peut nouer des relations ou des accords de coopération avec son homologue étranger en matière de blanchiment de capitaux et d'infractions sous-jacentes associées, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive.
(3) Urwego rubifitiye ububasha, rubisabwe, rugomba kumenyesha mu gihe gikwiye urwego rubifitiye ububasha rwaruhaye ubufasha uko rwakoresheje amakuru rwabonye n'akamaro yarugiriye.	(3) The competent authority must, upon request, provide feedback in a timely manner to the competent authority from which it has received assistance, on the use and usefulness of the information obtained.	(3) L'autorité compétente doit, sur demande, fournir un retour d'informations en temps opportun à l'autorité compétente dont elle a reçu une assistance, sur l'utilisation et l'utilité des informations obtenues.

(4) Urwego rubifitiye ububasha ntirugomba kwanga ubusabe bwo gutanga ubufasha rwitwaje ko –	(4) The competent authority must not refuse a request for assistance on the grounds that–	(4) L'autorité compétente ne doit pas refuser une demande d'assistance au motif que –
(a) ubusabe bugaragara nk'uburimo ibibazo by'imisoro;	(a) the request is considered to involve fiscal matters;	(a) la demande porte sur des questions fiscales ;
(b) ari ibanga, keretse gusa igihe amakuru y'ibanga asabwa abitswe ku mpamvu z'ibanga ry'umurimo;	(b) secrecy or confidentiality, except where the relevant information sought is held for reasons of professional secrecy;	(b) le secret ou la confidentialité, sauf lorsque les informations recherchées sont détenues pour des raisons de secret professionnel;
(c) hari iperereza rikorwa cyangwa urubanza rurimo kuburanishwa keretse iyo ubufasha bushobora kubangamira iperereza cyangwa urubanza;	(c) there is an inquiry, investigation or proceeding underway, unless the assistance may impede that inquiry, investigation or proceeding; or	(c) il existe une enquête ou une procédure en cours, à moins que l'entraide sollicitée ne risque d'entraver cette enquête ou procédure; ou
(d) cyangwa ko imiterere y'urwego rusabwa bihuje inshingano inyuranye n'iy'urwego rusaba.	(d) the nature or status of the requested counterpart authority is different from that of the requesting authority.	(d) la nature ou le statut de l'autorité homologue requise est différent de celui de l'autorité requérante.
(5) Urwego rubifitiye ububasha rugomba gukora ku buryo amakuru yakiriwe akoreshwa gusa icyo yagenewe kandi agakoreshwa n'urwego rwayasabye cyangwa	(5) The competent authority must ensure that information received is used only for the purpose for, and by the authority, for which the information was sought or provided,	(5) L'autorité compétente doit s'assurer que les informations reçues ne sont utilisées qu'aux fins et par les autorités pour lesquelles les informations ont été sollicitées ou

rwayasabiwe uretse igihe urwego rwasabwe amakuru rwatanze uruhushya rwo kuyakoresha ikindi.	unless prior authorisation has been given by the requested competent authority.	fournies, sauf si une autorisation préalable a été accordée par l'autorité compétente requise.
(6) Urwego rubifitiye ububasha rugomba kugira ibanga rikwiye ku busabe bwose bw'ubufatanye n'amakuru yatanzwe, mu buryo buhuye n'inshingano z'impande zombi ku byerekeranye n'imibereho bwite no kurinda amakuru. Urwego rubifitiye ububasha rugomba kurinda amakuru yahererekanyijwe nk'uko rwarinda amakuru bimeze kimwe aturuka imbere mu gihugu.	(6) The competent authority must maintain appropriate confidentiality for any request for cooperation and the information exchanged, consistent with both parties' obligations concerning privacy and data protection. The competent authority must protect exchanged information in the same manner as it would protect similar information received from domestic sources.	(6) L'autorité compétente doit assurer un degré de confidentialité approprié à toute demande de coopération et aux informations échangées, dans le respect des obligations des deux parties en matière de respect de la vie privée et de protection des données. L'autorité compétente doit protéger les informations échangées de la même façon qu'elle protège les informations analogues reçues de sources nationales.
(7) Urwego rubifitiye ububasha rushobora kwanga gutanga amakuru iyo urwego rubifitiye ububasha rwayasabye rudashobora kurinda ibanga ry'ayo makuru uko bikwiye.	(7) The competent authority may refuse to provide information if the requesting competent authority cannot protect the confidentiality of the information effectively.	(7) L'autorité compétente peut refuser de fournir des informations si l'autorité compétente requérante n'est pas en mesure de protéger efficacement ces informations.
(8) Urwego rubifitiye ububasha rushobora gukorera iperereza urwego rwo mu mahanga bihuje inshingano kandi rukarwohererereza amakuru yose rwashoboraga kubona ubwarwo iyo gushaka ayo makuru ruba rwabyikoreye.	(8) The competent authority may conduct inquiries on behalf of a foreign counterpart, and exchange with its foreign counterpart all information that would be obtained by it if such inquiries were being carried out domestically.	(8) L'autorité compétente peut formuler des demandes au nom de son homologue étranger et d'échanger avec son homologue étranger toutes les informations qui pourraient être obtenues si ces demandes étaient effectuées au niveau interne.

Ingingo ya 50: Guhanahana amakuru hagati y'inzego zishinzwe ubutasi ku mari	**Article 50: Exchange of information between Financial Intelligence Centres**	**Article 50 : Échange d'informations entre les Centres de renseignements financiers**
(1) Urwego ruhanahana amakuru akurikira hashingiwe ku ihame rya magirirane –	(1) The Centre exchanges the following information subject to the principle of reciprocity –	(1) Le Centre échange les informations suivantes sous réserve du principe de réciprocité –
(a) amakuru yose ategetswe kubonwa cyangwa guhabwa Urwego mu buryo butaziguye cyangwa buziguye;	(a) all information required to be accessible or obtainable directly or indirectly by the Centre;	(a) toutes les informations devant pouvoir être consultées ou obtenues directement ou indirectement par le Centre ;
(b) n'andi makuru yose Urwego rufitiye ububasha bwo kubona cyangwa guhabwa, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, imbere mu gihugu.	(b) any other information which the Centre has the power to obtain or access, directly or indirectly, at the domestic level.	(b) toute autre information que le Centre a le pouvoir de consulter ou d'obtenir, directement ou indirectement, au niveau national.
(2) Urwego, rubisabwe n'igihe cyose bishoboka, rugomba kumenyesha urwego rwo mu mahanga bihuje inshingano ibyerekeranye n'uko rwakoresheje amakuru rwahawe n'ibyavuye mu isesengura ryayo.	(2) The Centre must provide feedback to its foreign counterparts, upon request and whenever possible, on the use of the information obtained, as well as on the outcome of the analysis conducted.	(2) Sur demande et dans la mesure du possible, le Centre doit assurer un retour d'informations vers ses homologues étrangers quant à l'usage des informations obtenues aux résultats de l'analyse conduite.
Ingingo ya 51: Guhanahana amakuru hagati y'inzego zigenzura urwego rw'imari	**Article 51: Exchange of information between financial supervisors**	**Article 51 : Échange d'informations entre autorités de contrôle du secteur financier**
Inzego zigenzura urwego rw'imari, uretse	Financial supervisors except self-regulatory	Les autorités de contrôle du secteur

izigenzura, zigomba –	bodies must –	financier sauf les organismes d'autorégulation doivent –
(a) gukorana n'urwego rwo mu mahanga bihuje inshingano hakurikijwe ibipimo mpuzamahanga bikoreshwa mu bugenzuzi, by'umwihariko ku byerekeranye no guhanahana amakuru y'ubugenzuzi ajyanye no kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(a) provide co-operation with their foreign counterparts, consistent with the applicable international standards for supervision, in particular with respect to the exchange of supervisory information related to or relevant for anti-money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction purposes;	(a) coopérer avec leurs homologues étrangers, conformément aux normes internationales applicables en matière de contrôle, en particulier en matière d'échange d'informations relatives au contrôle à des fins de lutte contre le blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive, ou pertinentes à cet égard;
(b) guhanahana amakuru n'inzego zo mu mahanga bihuje inshingano zifite imbere mu gihugu arimo amakuru afitwe n'ibigo by'imari hakurikijwe akenewe;	(b) exchange with foreign counterparts' information domestically available to them, including information held by financial institutions, in a manner proportionate to their respective needs;	(b) échanger avec leurs homologues étrangers les informations auxquelles elles ont accès au niveau national, notamment des informations détenues par des institutions financières, dans la mesure de leurs besoins respectifs;
(c) gushaka amakuru mu izina y'urwego rwo mu mahanga bihuje inshingano, kandi igihe bikwiye, zigaha uburenganzira cyangwa zikorohereza inzego zo mu mahanga bihuje inshingano kwishakira amakuru mu gihugu ubwazo kugira ngo zifashe kugenzura itsinda mu buryo bukwiye;	(c) conduct inquiries on behalf of foreign counterparts, and, as appropriate, to authorise or facilitate the ability of foreign counterparts to conduct inquiries themselves in the country in order to facilitate effective group supervision;	(c) rechercher des informations pour le compte de leurs homologues étrangers et, le cas échéant, d'autoriser leurs homologues étrangers à rechercher eux-mêmes des informations dans le pays, ou de leur faciliter cette tâche, de manière à favoriser le contrôle efficace des groupes;

(d) kubanza guhabwa uburenganzira n'urwego rugenzura urwego rw'imari rwasabwe kugira ngo rutange amakuru yahererekanyijwe cyangwa ruyakoreshe ku mpamvu z'ubugenzuzi n'izitari iz'ubugenzuzi, keretse igihe urwego rugenzura urwego rw'imari rusaba rufite inshingano zishingiye ku mategeko zo gutangaza cyangwa gutanga amakuru. Urwego rugenzura urwego rw'imari rusaba ruhita rumenyesha urwego rwasabwe ibijyanye n'iyi nshingano;	(d) ensure that they have prior authorisation of the requested financial supervisor for a dissemination of information exchanged, or use of that information for supervisory and non-supervisory purposes, unless the requesting financial supervisor is under a legal obligation to disclose or report the information. The requesting financial supervisor must promptly inform the requested authority of this obligation;	(d) s'assurer qu'elles disposent de l'autorisation préalable de l'autorité de contrôle du secteur financier requise pour toute dissémination des informations échangées ou toute utilisation de ces informations à des fins de contrôle ou à d'autres fins, à moins que l'autorité de contrôle du secteur financier requérante ne soit légalement obligée en vertu de la loi de divulguer ou de communiquer ces informations. L'autorité de contrôle du secteur financier requérante doit informer promptement l'autorité requise de cette obligation ;
(e) guhanahana amakuru ari mu byiciro bikurikira iyo agenewe gukoreshwa ku mpamvu zo kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, n'izindi nzego zigenzura zifite inshingano zihuriyeho ku bigo by'imari bikorera mu itsinda rimwe:	(e) exchange the following types of information when relevant for anti-money laundering, countering terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction purposes, with other supervisors that have a shared responsibility for financial institutions operating in the same group:	(e) échanger les types d'informations pertinentes suivantes dans le cadre de la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive, avec d'autres autorités de contrôle concernées partageant une responsabilité commune vis-à-vis des institutions financières qui opèrent au sein du même groupe:
(i) amakuru yerekeranye n'ubugenzuzi nk'ajyanye n'uburyo bwo kugenzura bukoreshwa imbere mu gihugu	(i) regulatory information, such as information on the domestic regulatory system and general information on the financial	(i) informations réglementaires, telles que les informations sur la règlementation nationale et les informations générales sur les

n'amakuru rusange ajyanye n'urwego rw'imari;	sectors;	secteurs financiers;
(ii) amakuru y'ingenzi nk'ayerekeranye n'ibikorwa by'ubucuruzi, nyir'umutungo nyawe, ubuyobozi, ubushobozi no kuzuza ibisabwa by'ikigo cy'imari;	(ii) prudential information such as information on the financial institution's business activities, beneficial ownership, management and fitness and properness;	(ii) informations prudentielles telles que les informations sur les activités d'une institution financière, ses bénéficiaires effectifs, sa gestion son aptitude et son habilité;
(iii) amakuru ajyanye no kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, harimo amakuru yerekeye uburyo bw'imikorere na politiki z'ibigo by'imari, ajyanye n'ubushishozi ku mukiriya, amadosiye y'abakiriya, amakonti mpagararizi n'ibikorwa by'ubucuruzi.	(iii) anti-money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction information, including information related to internal procedures and policies of financial institutions, customer due diligence information, customer files, samples of accounts and transactions.	(iii) informations relatives à la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive, telles que les informations sur les procédures et politiques internes des institutions financières, sur la vigilance relative à la clientèle, sur les dossiers clients, sur des échantillons de comptes et sur les opérations.
Ingingo ya 52: Guhanahana amakuru hagati y'inzego zishinzwe iyubahirizwa ry'amategeko	**Article 52: Exchange of information between law enforcement authorities**	**Article 52 : Échange d'informations entre autorités de poursuite pénale**
Inzego zishinzwe iyubahirizwa ry'amategeko zigomba –	Law enforcement authorities must –	Les autorités de poursuite pénale doivent –
(a) guhanahana amakuru aboneka imbere mu gihugu n'inzego zo mu	(a) exchange domestic available information with their foreign	(a) échanger les informations auxquelles elles ont accès au niveau national avec

mahanga bihuje inshingano ku mpamvu z'ubutasi cyangwa ipererereza ku byerekeranye n'iyezandonke n'ibyaha by'ibanze bifitanye isano na yo, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, harimo kumenya no gushakisha indonke zikomoka ku cyaha n'ibyakoreshejwe icyaha;	counterparts for intelligence or investigative purposes relating to money laundering and associated predicate offences, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction, including the identification and tracking of the proceeds of crime and instrumentalities of crime;	leurs homologues étrangers à des fins de renseignement ou d'enquête dans le cadre d'affaires de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou d'infractions sous-jacentes associées, y compris dans le but d'identifier et de dépister le produit et les instruments du crime;
(b) gukoresha ububasha bwazo harimo ubwo gukora ipererereza hagamijwe gushaka no kubona amakuru mu izina ry'inzego zo mu mahanga bihuje inshingano;	(b) use their powers, including investigative techniques to conduct inquiries and obtain information on behalf of their foreign counterparts; and	(b) utiliser leurs pouvoirs, y compris des techniques d'enquête afin de demander et obtenir des informations pour le compte de leurs homologues étrangers ; et
(c) no gukora itsinda ry'ipererereza rihuriweho hagamijwe ubufatanye mu ipererereza, kandi igihe bibaye ngombwa, gukora amasezerano ahuriweho n'impande ebyiri cyangwa nyinshi agamije koroshya ipererereza rihuriweho.	(c) form joint investigative teams to conduct cooperative investigations, and, when necessary, establish bilateral or multilateral arrangements to enable joint investigations.	(c) constituer des équipes d'enquêtes conjointes afin de mener des enquêtes de manière coopérative et, lorsque cela est nécessaire, établir des accords bilatéraux ou multilatéraux pour autoriser de telles enquêtes conjointes.
Ingingo ya 53: Guhanahana amakuru hagati y'inzego zidahuje inshingano	**Article 53: Exchange of information between non-counterparts**	**Article 53 : Échange d'informations entre autorités non homologues**
(1) Urwego rubifitiye ububasha ruhanahana amakuru mu buryo buziguye n'urwego rwo mu mahanga bidahuje inshingano hakurikijwe amahame rusange	(1) The competent authority exchanges information indirectly with a foreign non-counterpart, applying the principles of cooperation	(1) L'autorité compétente échange indirectement des informations avec l'autorité non homologue étrangère, en appliquant les principes de coopération

y'ubufatanye avugwa mu ngingo ya 49 y'iri tegeko.	referred to in Article 49 of this Law.	visés à l'article 49 de la présente loi.
(2) Urwego rubifitiye ububasha rusaba amakuru mu buryo buziguye rugomba kugaragaraza impamvu rusaba ayo makuru n'urwego ruyasabira.	(2) The competent authority that requests information indirectly must make it clear for what purpose and on whose behalf the request is made.	(2) L'autorité compétente qui requiert les informations indirectement doit indiquer précisément dans quel but et pour le compte de qui la demande est formulée.
UMUTWE WA V: IBYAHA N'IBIHANO	**CHAPTER V: SANCTIONS AND PENALTIES**	**CHAPITRE V : SANCTIONS ET PEINES**
Ingingo ya 54: Iyezandonke	**Article 54: Money laundering**	**Article 54 : Blanchiment de capitaux**
(1) Umuntu ukoze kimwe mu bikorwa by'iyezandonke bivugwa mu ngingo ya 2(q) y'iri tegeko, cyangwa ugira uruhare mu ishyirahamwe rigamije gukora kimwe mu bikorwa by'iyezandonke, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka 10 ariko kitarenze imyaka 15 n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro kuva kuri 3 kugeza kuri 5 z'agaciro k'indonke yejejwe.	(1) A person who carries out one of the acts of money laundering referred to in Article 2(q) of this Law, or who is involved in an association aiming at committing one of the acts of money laundering, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 10 years but not more than 15 years and a fine of 3 to 5 times the value of proceeds of crime laundered.	(1) Une personne qui se livre à l'un des actes de blanchiment de capitaux visés à l'article 2(q) de la présente loi, ou qui est impliquée dans une association visant à commettre l'un des actes de blanchiment de capitaux, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement qui n'est pas inférieure à 10 ans mais ne dépassant pas 15 ans et d'une amende de 3 à 5 fois la valeur des produits du crime blanchis.
(2) Umuntu ukora igikorwa kigamije gufasha undi muntu kubona umugabane ku mafaranga cyangwa undi mutungo byabonetse mu buryo bw'iyezandonke	(2) A person who carries out an act aimed at helping another person to have a share in the funds or property obtained through money laundering,	(2) Une personne qui se livre à un acte visant à aider une autre personne à avoir une part sur les fonds ou les biens obtenus à travers le blanchiment

cyangwa ku mafaranga y'umuntu utera inkunga iterabwoba cyangwa ushobora gutera inkunga iterabwoba akoresha uburyo ubwo ari bwo bwose, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka 10 ariko kitarenze imyaka 15.	or of a terrorist or of someone who may be a terrorist by any means commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 10 years but not more than 15 years.	de capitaux, ou d'un terroriste ou d'une personne susceptible d'être un terroriste, par quelque moyen que ce soit, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 10 ans mais ne dépassant pas 15 ans.
Ingingo ya 55: Gutera inkunga iterabwoba	**Article 55: Terrorist financing**	**Article 55 : Financement du terrorisme**
(1) Umuntu ukora kimwe mu bikorwa byo gutera inkunga iterabwoba bivugwa mu ngingo ya 2(g) y'iri tegeko cyangwa ugira uruhare mu ishyirahamwe rigamije gukora kimwe mu bikorwa byo gutera inkunga iterabwoba, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka 20 ariko kitarenze imyaka 25 n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro kuva kuri 3 kugeza kuri 5 z'agaciro k'inkunga yatanze.	(1) A person who carries out one of the acts of terrorist financing referred to in Article 2(g) of this Law or who is involved in an association aiming at committing one of the acts of terrorist financing, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 20 years but not more than 25 years and a fine of 3 to 5 times the value of the financing given.	(1) Une personne qui se livre à l'un des actes de financement du terrorisme visés à l'article 2(g) de la présente loi ou qui est impliquée dans une association visant à commettre l'un des actes de financement du terrorisme, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 20 ans mais ne dépassant pas 25 ans et d'une amende de 3 à 5 fois la valeur du financement accordé.
(2) Iyo gutera inkunga iterabwoba biteye urupfu, hatangwa igihano cy'igifungo cya burundu.	(2) In case the terrorist financing results into death, the penalty is life imprisonment.	(2) Si le financement du terroriste entraîne la mort, la peine est l'emprisonnement à perpétuité.
(3) Ibihano bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ni byo bihabwa umuntu ugirana,	(3) The penalties referred to in Paragraph (1) of this Article apply to	(3) Les peines visées au paragraphe (1) du présent article s'appliquent à une

ukora abizi cyangwa ufite inyungu mu masezerano agamije gutuma haboneka amafaranga, undi mutungo, gutuma hari undi ubona amafaranga cyangwa inkunga, kandi azi cyangwa afite impamvu zikomeye zituma akeka ko bishobora gukoreshwa mu iterabwoba.	a person who knowingly makes an agreement or has interest in it in order to acquire property, funds or any other assets, or enables another person to acquire money or support, knowing or having serious grounds to believe that they may be used for terrorist purpose.	personne qui, sciemment, conclut un accord ou y a un intérêt afin d'acquérir un patrimoine, des fonds ou autres biens, ou permet à une autre personne d'acquérir de l'argent ou un soutien, sachant ou ayant des motifs sérieux de croire qu'ils peuvent être utilisés à des fins terroristes.
(4) Icyaha cyo gutera inkunga iterabwoba kiba cyakozwe kabone n'iyo –	(4) The offence of terrorist financing is committed even if –	(4) L'infraction de financement du terrorisme est commise même si –
(a) igikorwa cy'iterabwoba cyaba kitabayeho cyangwa kitageragejwe gukorwa;	(a) a terrorist act does not occur or is not attempted;	(a) un acte terroriste ne se produit pas ou n'est pas tenté;
(b) amafaranga atakoreshejwe mu gukora cyangwa mu kugerageza gukora iterabwoba;	(b) the funds were not actually used to commit or attempt a terrorist act;	(b) les fonds n'ont pas été effectivement utilisés pour commettre ou tenter un acte terroriste;
(c) umuntu ukurikiranyweho kuba yarakoze icyo cyaha yaba yaragikoreye mu gihugu kimwe cyangwa mu kindi gihugu kitari icyo we cyangwa umuryango ukora iterabwoba bibarizwamo cyangwa igikorwa cy'iterabwoba cyabereyemo cyangwa kizaberamo.	(c) the person alleged to have committed the offence is in the same country or a different country from the one in which the terrorist or terrorist organisation is located or the terrorist act occurred or will occur.	(c) la personne présumée avoir commis l'infraction se trouve dans le même pays ou dans un pays différent de celui dans lequel le terroriste ou l'organisation terroriste est situé ou dans lequel l'acte terroriste a eu lieu ou aura lieu.

Ingingo ya 56: Gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi	**Article 56: Financing of proliferation of weapons of mass destruction**	**Article 56 : Financement de la prolifération des armes de destruction massive**
(1) Umuntu ukora kimwe mu bikorwa byo gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi bivugwa mu ngingo ya 2 (f) y'iri tegeko, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka 20 ariko kitarenze imyaka 25 n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro kuva kuri 5 kugeza ku 10 z'agaciro k'inkunga yatanze.	(1) A person who carries out one of the acts of financing of proliferation of weapons of mass destruction referred to in article 2(f) of this Law, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 20 years but not more than 25 years and a fine of 5 to 10 times the value of the financing given.	(1) Toute personne qui se livre à l'un des actes de financement de la prolifération des armes de destruction massive visés à l'article 2(f) de la présente loi, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 20 ans mais ne dépassant pas 25 ans et d'une amende de 5 à 10 fois la valeur du financement accordé.
(2) Ibihano bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ni byo bihabwa umuntu ukora abizi cyangwa ufite inyungu mu masezerano agamije gutuma haboneka umutungo cyangwa se gutuma hari undi ubona amafaranga cyangwa inkunga, kandi azi cyangwa afite impamvu zikomeye zituma akeka ko bishobora gukoreshwa mu bikorwa byo gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi.	(2) The penalties referred to in Paragraph (1) of this Article apply to a person who knowingly makes an agreement or has interest in it in order to acquire property or funds or enables another person to acquire money or support, knowing or having serious grounds to suspect that they may be used for financing of proliferation of weapons of mass destruction.	(2) Les peines visées au paragraphe (1) du présent article s'appliquent à une personne qui, en connaissance de cause, conclut un accord ou y a des intérêts afin d'acquérir des biens ou des fonds ou permet à une autre personne d'acquérir des fonds ou un soutien, sachant ou ayant des motifs sérieux de suspecter qu'ils peuvent être utilisés pour le financement de la prolifération des armes de destruction massive.

Ingingo ya 57: Gukoresha amafaranga cyangwa undi mutungo w'umuntu washyizwe ku rutonde	**Article 57: Dealing in funds or other assets of a designated person**	**Article 57 : Opérations sur les fonds ou autres biens d'une personne désignée**
Umuntu uzi cyangwa ufite impamvu zituma amenya ko –	A person who knows or has serious grounds to know that –	Une personne qui sait ou a des motifs sérieux de savoir que –
(a) amafaranga cyangwa undi mutungo bitunzwe cyangwa bigenzurwa n'umuntu washyizwe ku rutonde;	(a) funds or other assets are owned or controlled by a designated person;	(a) les fonds ou autres biens sont possédés ou contrôlés par une personne désignée ;
(b) amafaranga cyangwa undi mutungo bitunzwe byose, igice cyabyo, bihuriweho cyangwa bigenzurwa mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, n'umuntu washyizwe ku rutonde;	(b) funds or other assets are wholly, partly, jointly owned or controlled, directly or indirectly, by a designated person;	(b) les fonds ou autres biens qui sont entièrement, partiellement ou conjointement détenus ou contrôlés, directement ou indirectement, par une personne désignée;
(c) amafaranga cyangwa undi mutungo bikomoka ku mafaranga cyangwa undi mutungo bitunzwe cyangwa bigenzurwa, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye n'umuntu washyizwe ku rutonde;	(c) funds or other assets derived from funds or other assets owned or controlled, directly or indirectly, by a designated person; or	(c) les fonds ou autres biens dérivés par les fonds ou autres biens détenus ou contrôlés, directement ou indirectement, par une personne désignée; ou
(d) cyangwa amafaranga cyangwa undi mutungo ari iby'umuntu ukora mu izina cyangwa uhabwa	(d) funds or other assets of a person acting on behalf of or at the direction of a designated person;	(d) les fonds ou autres biens d'une personne agissant au nom ou sur instructions d'une personne

amabwiriza n'umuntu washyizwe ku rutonde;		désignée;
kandi agakoresha ayo mafaranga cyangwa undi mutungo, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igihano cy'igifungo kitari munsi y'imyaka 3 ariko kitarengeje imyaka 5 n'ihazabu itari munsi ya 3.000.000 FRW ariko itarenze 5.000.000 FRW.	and deals with such funds or other assets, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 3 years but more than 5 years and a fine of not less than FRW 3,000,000 but not exceeding FRW 5,000,000.	et utilise ces fonds ou autres biens, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 3 ans mais ne dépassant pas 5 ans et d'une amende d'au moins 3.000.000 FRW mais dépassant pas 5.000.000 FRW.
Ingingo ya 58: Guha amafaranga cyangwa undi mutungo umuntu washyizwe ku rutonde	**Article 58: Making funds or other assets available to a designated person**	**Article 58 : Mettre des fonds ou autres biens à la disposition d'une personne désignée**
Umuntu utanga amafaranga cyangwa undi mutungo, serivisi y'imari cyangwa indi serivisi ijyanye na byo, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, abikorera–	A person who makes funds or other assets, financial or any other related service available, directly or indirectly, for the benefit of –	Une personne qui met à disposition des fonds ou autres biens, un service financier ou autre service lié, directement ou indirectement, au profit de –
(a) umuntu washyizwe ku rutonde;	(a) a designated person;	(a) une personne désignée;
(b) ikigo gikora mu izina cyangwa gihabwa amabwiriza n'umuntu washyizwe ku rutonde;	(b) an entity acting on behalf or at the direction of a designated person; or	(b) une entité agissant au nom ou sur instructions d'une personne désignée; ou
(c) cyangwa ikigo gifitwe cyangwa kigenzurwa mu buryo butaziguye cyangwa buziguye n'umuntu washyizwe ku rutonde;	(c) an entity owned or controlled, directly or indirectly, by a designated person;	(c) une entité possédée ou contrôlée, directement ou indirectement, par une personne désignée;

aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igihano cy'igifungo kitari munsi y'imyaka 3 ariko kitarenze imyaka 5 n'ihazabu ya 3.000.000 FRW ariko itarenga 5.000.000 FRW.	commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 3 years but not more than 5 years and a fine of not less than FRW 3,000,000 but not more FRW 5,000,000.	commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 3 ans mais ne dépassant pas 5 ans et d'une amende d'au moins 3.000.000 FRW mais dépassant pas 5.000.000 FRW.
<u>Ingingo ya 59</u>: Gufasha umuntu washyizwe ku rutonde kubona intwaro cyangwa ibindi bikoresho Umuntu ufasha, ku buryo butaziguye cyangwa buziguye, mu gukora, kugemura, kugurisha, guhererekanya, gutwara, gushyikiriza intwaro cyangwa ibindi bikoresho bijyanye na byo harimo imbunda, amasasu, ibinyabiziga bya gisirikare, ibikoresho bishobora gukoreshwa mu gisirikare n'ibikoresho bibisimbura, no gutanga inama tekiniki, ubufasha cyangwa imyitozo yerekeye ibikorwa bya gisirikare iyo izo ntwaro cyangwa ibyo bikoresho bigenewe kugurwa n'umuntu washyizwe ku rutonde, ari we bizagezwaho cyangwa bizashyikirizwa cyangwa byaratumijwe ku busabe bwe, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka 10 ariko kitarenze imyaka 15 n'ihazabu itari munsi ya 5.000.000 FRW ariko itarenze 10.000.000 FRW.	**<u>Article 59</u>: Dealing in arms with a designated person** A person who deals directly or indirectly in the manufacture, supply, sale, transfer, carriage or delivery of arms and related equipment, including weapon, ammunition, military vehicles and equipment, paramilitary equipment and their spare parts and provision of technical advice, assistance or training related to military activities if the weapons or other equipment are intended to be imported by a designated person or are to be supplied or delivered to or to the order of a designated person commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 10 years but not more than 15 years and a fine of not less than FRW 5,000,000 but not more FRW 10,000,000.	**<u>Article 59</u> : Aider à faire le commerce d'armes avec une personne désignée** Une personne qui, directement ou indirectement, traite de la fabrication, la fourniture, la vente, le transfert, le port ou la livraison d'armements et de matériels connexes, y compris des armes et des munitions, des véhicules et des équipements militaires, des équipements paramilitaires et des pièces détachées correspondantes, ainsi que la fourniture d'assistance technique ou de formation en rapport avec des activités militaires si les armes ou autres équipements sont destinés à être importés par une personne désignée ou doivent être fournis ou livrés à ou à l'ordre d'une personne désignée commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 10 ans mais ne dépassant pas 15 ans et d'une amende d'au moins 5.000.000 FRW mais dépassant pas 10.000.000 FRW.

Ingingo ya 60: Ibihano biteganyirijwe umuryango ufite ubuzimagatozi	**Article 60: Penalties against a legal person**	**Article 60 : Peines contre une personne morale**
(1) Umuryango ufite ubuzimagatozi ukora iyezandonke, utera inkunga iterabwobwa cyangwa utera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, uba ukoze icyaha. Iyo ubihamijwe n'urukiko, uhanishwa ihazabu ingana n'inshuro 10 kugeza kuri 20 z'agaciro k'indonke yejejwe cyangwa k'inkunga yatanzwe.	(1) A legal person that conducts money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction acts, commits an offence. Upon conviction, it is liable to a fine of 10 to 20 times the value of proceeds of crime laundered or the value of the financing given.	(1) Une personne morale qui se livre au blanchiment de capitaux, au financement du terrorisme ou au financement de la prolifération des armes de destruction massive, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une amende de 10 à 20 fois la valeur des produits du crime blanchis ou du financement accordé.
(2) Usibye ibihano bivugwa mu gika (1) cy'iyi ngingo, umuryango ufite ubuzimagatozi ushobora kandi guhanishwa igihano kimwe cyangwa byinshi mu bihano bikurikira:	(2) In addition to penalties referred to in Paragraph (1) of this Article, the legal person is also liable to one or more of the following penalties:	(2) En plus des peines prévues au paragraphe (1) du présent article, la personne morale peut également être passible d'une ou plusieurs des peines suivantes :
(a) guseswa;	(a) dissolution;	(a) la dissolution;
(b) gufunga burundu ibigo byakorewemo ibikorwa bivugwa cyangwa byakoreshejwe mu gukora ibyo bikorwa;	(b) permanent closure of establishments in which incriminated acts have been committed or which have been used to commit such acts;	(b) fermeture définitive des établissements dans lesquels les actes incriminés ont été commis ou qui ont été utilisés pour commettre ces actes ;
(c) gutangaza icyemezo cy'urukiko mu binyamakaru cyangwa hifashishijwe ubundi buryo	(c) publication of the court decision in the newspaper or through any other means used by the media.	(c) la publication de la décision de justice dans le journal ou par tout autre moyen utilisé par les

bukoreshwa mu bitangazamakuru.		médias.
<u>Ingingo ya 61</u>: Ibihano ku bindi byaha	**<u>Article 61</u>: Penalties for other offences**	**<u>Article 61</u> : Peines pour d'autres infractions**
Ushinzwe gutanga amakuru, ugize inama y'ubuyobozi ye, uri mu bayobozi bakuru be cyangwa undi mukozi we –	A reporting person, a member of its board of directors, senior manager or other employee who –	Une personne déclarante, un membre de son conseil d'administration, un de ses cadres supérieurs ou son employé qui –
(a) umenyesha undi muntu raporo y'ibikorwa by'ubucuruzi bikemangwa yashyikirijwe Urwego;	(a) reveal to a third party, the suspicious transactions report made to the Centre;	(a) révèlent à un tiers la déclaration d'opérations suspectes faite au Centre ;
(b) wangiza cyangwa urigisa ku bushake inyandiko zibitswe;	(b) knowingly destroy or make disappear records filed;	(b) détruisent ou font disparaître sciemment des documents déposés ;
(c) ukora cyangwa ugerageza gukora igikorwa cy'ubucuruzi gisabirwa umwirondoro akoresheje umwirondoro utari wo;	(c) perform or attempt to perform under a false identification, the transactions for which the declaration of identification is prescribed;	(c) effectuent ou tentent d'effectuer sous une fausse identification, les opérations pour lesquelles la déclaration d'identification est prescrite ;
(d) wamenye iby'ubutasi ku iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi ku bw'umurimo akora agakoresha uburyo bwose bwo kuburira umuntu ukorwaho ubutasi;	(d) having been informed because of their office or profession, of an intelligence for money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction, inform by all means, the person subject to the intelligence;	(d) ayant été informés en raison de leurs fonctions ou profession, d'un renseignement pour le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive, informent, par tous moyens, la personne qui fait l'objet de renseignement;

(e) utangariza urwego rw'ubutabera cyangwa urundi rwego rwa Leta rubifitiye ububasha inyandiko azi ko zituzuye cyangwa zirimo amakosa;	(e) communicate to judicial authorities or to the competent public servants, documents that they know are truncated or erroneous;	(e) communiquent à l'autorité judiciaire ou à une autre autorité l'État compétente les documents qu'ils connaissent qu'ils sont incomplets ou erronés;
(f) urenga ku mategeko abuza guhishura cyangwa kumenyekanisha ibanga ry'amakuru yakusanyijwe;	(f) disregard the rules that prohibit to reveal or communicate the secrecy of information collected; or	(f) méconnaissent les règles qui interdisent à révéler ou à communiquer le secret des informations collectées; ou
(g) cyangwa udatanga raporo y'igikorwa cy'ubucuruzi gikemangwa kandi cyatumye hakekwa ko amafaranga cyangwa undi mutungo byaba byaraturutse kuri kimwe mu byaha bifitanye isano n'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(g) do not submit the suspicious transactions report even if it leads to deduce that the funds or other assets could come from one of the offences related to money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction;	(g) ne soumettent pas la déclaration d'opérations suspectes même si cela conduit à déduire que les fonds ou autres biens pourraient provenir de l'une des infractions liées au blanchiment de capitaux, au financement du terrorisme ou au financement de la prolifération des armes de destruction massive ;
aba akoze icyaha. Iyo babihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka 2 ariko kitarenze imyaka 5 n'ihazabu ya 2.000.000 FRW ariko itarenze 5.000.000 FRW.	commit an offence. Upon conviction, they are liable to imprisonment for a term of not less than 2 years but not more than 5 years and a fine of not less than FRW 2,000,000 but not more than FRW 5,000,000.	commettent une infraction. Lorsqu'ils en sont reconnus coupables, ils sont passibles d'une peine d'emprisonnement d'au moins 2 ans mais ne dépassant pas 5 ans d'une amende d'au moins 2.000.000 FRW mais ne dépassant pas 5.000.000 FRW.

Ingingo ya 62: Ubwinjiracyaha, gufasha no korohereza	**Article 62: Attempt, aiding and abetting**	**Article 62 : Tentative, aide et assistance**
Ubwinjiracyaha, gufasha, korohereza cyangwa gutanga inama ku byaha bivugwa mu ngingo ya 54, iya 55, iya 56, iya 57, iya 58 n'iya 59 z'iri tegeko, bihanwa hakurikijwe ibiteganywa n'izo ngingo.	Attempts to commit and aiding, abetting or counselling the commission of offences referred to in Articles 54, 55, 56, 57, 58 and 59 of this Law are punishable in accordance with the provisions of such Articles.	Les tentatives de commettre les infractions visées aux articles 54, 55, 56, 57, 58 et 59 de la présente loi, le fait d'aider, d'inciter ou de conseiller quelqu'un à le faire, sont punissables conformément aux dispositions de ses articles.
Ingingo ya 63: Impamvu nkomezacyaha	**Article 63: Aggravating circumstances**	**Article 63 : Circonstances aggravantes**
Ibihano bivugwa mu ngingo ya 54, iya 55, iya 56, iya 57, iya 58 n'iya 59 z'iri tegeko byikuba kabiri iyo –	Penalties referred to in Articles 54, 55, 56, 57, 58 and 59 of this Law are doubled –	Les peines visées aux articles 54, 55, 56, 57, 58 et 59 de la présente loi sont portées au double –
(a) icyaha gikozwe mu rwego rw'ubufatanyacyaha bwateguwe;	(a) if the offence is committed within the framework of an organised criminal activity; or	(a) si l'infraction est commise dans le cadre d'une activité criminelle organisée; ou
(b) cyangwa habayeho isubiracyaha.	(b) in case of recidivism.	(b) en cas de récidive.
UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE	**CHAPTER VI: MISCELLANEOUS PROVISIONS**	**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES**
Ingingo ya 64: Ibihano byo mu rwego rw'imari byagenwe	**Article 64: Targeted financial sanctions**	**Article 64 : Sanctions financières ciblées**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigenga Komite y'Igihugu ishinzwe kurwanya iterabwoba rigena inshingano z'iyo Komite ku	A Prime Minister's Order governing the National Counter-terrorism Committee determines the committee's responsibilities	Un arrêté du Premier Ministre régissant le Comité national de lutte contre le terrorisme détermine les responsabilités de

byerekeranye n'ibihano byo mu rwego rw'imari byagenwe byerekeye gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi.	in relation to targeted financial sanctions related to terrorist financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction.	ce comité en ce qui concerne les sanctions financières ciblées liées au financement du terrorisme et au financement de la prolifération des armes de destruction massive.
Ingingo ya 65: Kutubahiriza ibisabwa	**Article 65: Failure to comply with requirements**	**Article 65 : Impossibilité de respecter les obligations**
Ushinzwe gutanga amakuru utubahiriza ibisabwa biteganyijwe mu mutwe wa II w' iri tegeko n'amabwiriza bijyanye, aba akoze ikosa. Amabwiriza y'urwego rubifitiye ububasha agena amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bijyanye na yo.	A reporting person who fails to comply with the requirements set out in Chapter II of this Law and related regulations, commits a misconduct. A regulation of the competent authority determines administrative misconducts and related sanctions.	Une personne déclarante qui ne respecte pas les obligations prévues au chapitre II de la présente loi et aux règlements connexes commet une faute. Un règlement de l'autorité compétente détermine les fautes et les sanctions administratives y afférentes.
Umuryango udaharanira inyungu utubahiriza ibisabwa biteganyijwe mu ngingo ya 43 y'iri tegeko, uba ukoze ikosa. Amabwiriza y'urwego rufite mu nshingano gutanga amabwiriza, kugenzura cyangwa gukurikirana imiryango idaharanira inyungu agena amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bijyanye na yo.	A non-profit organisation which fails to comply with the requirements set out in Article 43 of this Law, commits a misconduct. A regulation of the authority in charge of regulating, supervising or monitoring non-profit organisations determines administrative misconducts and related sanctions.	Un organisme à but non lucratif qui ne respecte pas les obligations prévues à l'article 43 de la présente loi commet une faute. Un règlement de l'autorité chargée de réglementer, contrôler et surveiller les organismes à but non lucratif détermine les fautes et les sanctions administratives y afférentes.
Ingingo ya 66: Ubunyagwe	**Article 66: Confiscation**	**Article 66 : Confiscation**
(1) Iyo uregwa ahamwe n'icyaha giteganywa n'iri tegeko, urukiko rutegeka ko habaho ubunyagwe bw'imitungo ikurikira ifitwe	(1) In case of conviction for an offence provided for in this Law, the court orders the confiscation of the following property or funds held by criminal	(1) Après condamnation pour une infraction prévue par la présente loi, le tribunal ordonne la confiscation des biens ou des fonds suivants

n'uregwa cyangwa n'undi muntu, keretse iyo undi muntu agaragaje ko yayibonye mu buryo nyabwo:	defendants or by third party, unless the third party established that that he or she acquired them in good faith:	détenus par des personnes inculpées ou par des tiers, à moins que le tiers n'établisse qu'il les a acquis de bonne foi :
(a) amafaranga cyangwa undi mutungo byejejwe;	(a) funds or other assets laundered;	(a) les fonds ou autres biens blanchis ;
(b) indonke zikomoka ku cyaha cyangwa inyungu zikomoka kuri izo ndonke;	(b) proceeds of crime or benefits derived from such proceeds;	(b) les produits du crime ou avantages tirés de ces produits ;
(c) ibyakoreshejwe icyaha cyangwa ibyari biteganyijwe gukoreshwa mu gukora icyaha cy'iyezandonke cyangwa icyaha cy'ibanze;	(c) instrumentalities used or intended for use in, money laundering or predicate offences;	(c) les instruments utilisés ou destinés à être utilisés pour le blanchiment de capitaux ou les infractions principales ;
(d) umutungo ukomoka ku cyaha, wakoreshejwe cyangwa wari ugenewe gukoreshwa mu gutera inkunga iterabwoba, ibikorwa by'iterabwoba cyangwa imiryango ikora iterabwoba; cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(d) proceeds of crime used or intended to finance terrorism, terrorist acts or terrorist organizations, or to finance the proliferation of weapons of mass destruction;	(d) les produits du crime utilisés ou destinés à financer le terrorisme, les actes terroristes ou les organismes terroristes, ou à financer la prolifération des armes de destruction massive;
(e) umutungo ufite agaciro nk'ak'umutungo uvugwa mu duce twa (a), (b), (c) na (d) tw'iki gika.	(e) property of the value corresponding to property referred to in (a), (b), (c) and (d) of this paragraph.	(e) des biens de valeur correspondant à celle des biens visés aux alinéas (a), (b), (c) et (d) du présent paragraphe.
(2) Icyemezo cyo kunyaga umutungo	(2) The decision of confiscation indicates	(2) La décision de confiscation indique

kigaragaza umutungo urebwa n'icyo cyemezo n'amakuru arambuye ajyanye n'ibiwuranga ndetse n'aho uherereye.	the concerned property or funds and the details necessary for their identification and location.	les biens ou les fonds concernés et les détails nécessaires à leur identification et à leur localisation.
Ingingo ya 67: Ukudasaza	**Article 67: Non-prescription**	**Article 67 : Non-prescription**
Ibyaha by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi ntibisaza.	The offences of money laundering, terrorist financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction are imprescriptible.	Les infractions de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive sont imprescriptibles.
Ingingo ya 68: Ikimenyetso cy'ubushake bwo gukora icyaha	**Article 68: Evidence of criminal intent**	**Article 68 : Preuve de l'intention criminelle**
Kumenya, gushaka cyangwa kugambirira bisabwa mu bigize icyaha cy'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi bishobora kugaragazwa hashingiwe ku bimenyetso bicukumbuye bishingiye ku kintu kizwi kugira ngo hagaragazwe ikitazwi.	Knowledge, intent or purpose required to prove the offence of money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction may be inferred from objective factual circumstances to discern an unknown fact.	La connaissance, l'intention ou le but requis pour prouver l'infraction de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive peut être déduit de circonstances factuelles objectives pour discerner un fait inconnu.
Ingingo ya 69: Kutabanza guhamwa n'icyaha cy'ibanze	**Article 69: Non-requirement of prior conviction of predicate offence**	**Article 69 : Non-exigence d'une condamnation préalable pour l'infraction sous-jacente**
Mu gukurikirana icyaha cy'iyezandonke, si ngombwa ko uregwa abanza guhamwa n'icyaha cy'ibanze.	When prosecuting the offence of money laundering, it is not required that the suspect be first convicted of a predicate offence.	Dans le cadre de la poursuite de l'infraction de blanchiment de capitaux, il n'est pas nécessaire que le suspect ait été

		préalablement condamné pour une infraction sous-jacente.
Ingingo ya 70: Kohereza ukurikiranyweho icyaha mu gihugu cyamusabye	**Article 70: Extradition**	**Article 70 : Extradition**
Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko yerekeye kohereza ukurikiranyweho icyaha mu gihugu cyamusabye, icyaha cy'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi ni ibyaha bituma ubikurikiranyweho yoherezwa mu gihugu cyamusabye.	Subject to the provisions of other laws on extradition, the offence of money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction are extraditable.	Sans préjudice des dispositions d'autres lois relatives à l'extradition, l'infraction de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive sont extradables.
UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 71: Ingingo y'ururimi	**Article 71: Language provision**	**Article 71 : Disposition linguistique**
Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.	La présente loi a été rédigée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.
Ingingo ya 72: Ingingo izigama n'ivanaho	**Article 72: Saving and repealing provision**	**Article 72: Disposition de sauvegarde et abrogatoire**
Uretse ingingo ya 27 y'Itegeko n° 75/2019 ryo ku wa 29/01/2020 rikumira kandi rihana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za	Except Article 27 of Law n° 75/2019 of 29/01/2020 on prevention and punishment of money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of	À l'exception de l'article 27 de la Loi n° 75/2019 du 29/01/2020 portant prévention et répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du

kirimbuzi nk'uko ryahinduwe, izindi ngingo zaryo zose zivanyweho.	mass destruction as amended, all its other provisions are repealed.	financement de la prolifération des armes de destruction massive telle que modifiée, toutes ses autres dispositions sont abrogées.
Ingingo ya 73: Gutangira gukurikizwa	**Article 73: Entry into force**	**Article 73: Entrée en vigueur**
Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Law enters into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	La présente Loi entre en vigueur à la date de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 19/05/2023 **(Sé)** **KAGAME Paul** Perezida wa Repubulika President of the Republic Président de la République
(Sé) **Dr NGIRENTE Edouard** Minisitiri w'Intebe Prime Minister Premier Ministre
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika: **Seen and sealed with the Seal of the Republic:** **Vu et scellé du Sceau de la République :** **(Sé)** **Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel** Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Minister of Justice and Attorney General Ministre de la Justice et Garde des Sceaux